

Gukir' agakoko gatera Sida mu kwizera gusa:

Integanya nyigisho z'abayobozi b'amatorero n'amadini

Igitabo cyagenewe abayobozi b'amatorero n'amadini



**Inama Mpuzamatorero
kw'Isi**

**Gukir' agakoko gatera Sida
mu kwizera gusa**

“Abakristo ba buri myemerere baburiza ku bintu bibiri bikurikira:

- *Ubufasha butarobanura, n’umutima w’impuhwe ku bantu bose babana ndetse n’ abagizweho ingaruka n’ubwandu bw’agakoko gatera SIDA.*
- *Ingamba zihamye zo gukumira ubwandu bw’agakoko gatera SIDA, zitanyuranya n’ inyigisho z’itorero”.**

* Nkuko tubisanga mu gitabo cya DIXON.,2008”Le SIDA et vous.”

Gukir' agakoko gatera Sida mu kwizera gusa:

Integanya nyigisho z'abayobozi
b'amatorero n'amadini

Igitabo cyagenewe abayobozi
b'amatorero n'amadini

Abanditsi:

Teyi Dogbeda Lawson-Kpavuvu & Ayoko T. Bahun-Wilson

Abahinduzi mu Kinyarwanda:

**Olivier Munyensanga Ndayizeye, Chrysostom Niyonteze,
Paul Nkurunziza & Gisèle Girukwishaka**



**Inama Mpuzamatorero
kw'Isi**

GUKIR' AGAKOKO GATERA SIDA MU KWIZERA GUSA:
INTEGANYA NYIGISHO Z'ABAYOBOZI B'AMATORERO N'AMADINI
IGITABO CYAGENEWE ABAYOBOZI B'AMATORERO N'AMADINI

Copyright © 2019 Conseil œcuménique des Eglises.
Ntawemerewe kwandukura ibice cyangwa amagambo yo muri iki gitabo atabiherewe
uruhushya n'ubwanditsi bwacyo : publications@wcc-coe.org.

Imirongo yo muri Bibiliya yakoreshejwe yakuwe muri Bibiliya yera.

Ururupuro rubanza rwakozwe na Albin Hillert, rutegurwa na Beth Oberholtzer

ISBN: 978-2-8254-1701-0

Conseil œcuménique des Eglises
150 route de Ferney C.P. 2100
1211 Genève 2, Suisse
<http://publications.oikoumene.org>

ISHAKIRO

GUSHIMIRA	vii
IMPINE ZAKORESHEJWE	ix
URUTONDE RW'AMAGAMBO NZIRIKANWA	xi
UBURYO BWO GUKORESHA IYI MFASHANYIGISHO	xiii
IRIBURIRO	xvii
IGICE CYA MBERE	1
GUSHAKA AMAKURU NO KUGIRA UBUMENYI BWIMBITSE KURI VIRUSI ITERA SIDA N'UBURWAYI BWA SIDA: INSHINGANO Z'UMURIMO WA GISHUMBA KU BAYOBOZI B'AMADINI N'AMATORERO	1
UMUTWE WA MBERE	1
UBUMENYI BUSHINGIYE KU GUKIRA INDWARA HITABAJWE UBUVUZI BUGEZWEHO MURI IKI GIHE	1
1.1. Intambwe yatewe mu buvuzi bugezweho kubijyanye na virusi itera SIDA	2
1.2. Iby'ibanze ku bayobozi b'amadini n'amatorero ngo bashishikarize abantu babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA gufata imiti igabanya ubukana.	2
UMUTWE WA KABIRI	4
AMAHAME Y'ABASESENGUZI B'IJAMBO RY'IMANA, ISANO BIFITANYE NO KWAGUKA K'UBUKRISTO BUSHINGIYE K'UBUHANUZI NO GUKIRA BY'IGITANGAZA VIRUSI ITERA SIDA	4
2.1. Ibikorwa n'imyumvire by'Abanyafurika ku gukira indwara	4
2.1.1. Inkomoko zidasanzwe z'indwara.	5
2.1.2. Akamaro k'abapfumu n'abavuzi gakondo muri Afurika yo munsu y'ubutayu bwa Sahara.	5
2.2. Ibikorwa n'icyerekezo by'imiryango mu gukiza indwara	6
2.2.1. Imihango y'Amatorero ashingiye ku mpano z'umwuka mu gukira indwara by'igitangaza n'uko bitwara ku bwandu bwa Virusi itera SIDA	7
2.2.2. Amahame y'Abasesenguzi b'Ijambo ry'imana bijyanye no gukira kubwo kwizera virusi itera SIDA	8
2.2.3 Gukira indwara by'igitangaza bifatwa nko kugaragaza ubufasha bwo kwizera mu mibereho ya muntu	8
2.2.4. Imirongo nyamukuru ku buhanuzi bwa gikristo	9
2.2.5. Uruhare rw'abayobozi b'amadini n'amatorero mu kurwanya virusi itera SIDA	10

2.3. Ibikorwa n'icyerekezo by'idini ya Isilamu	11
2.4 Uruhare rw'abayobozi b'amadini n'amatorero mu gushishikariza abafite ubwandu bwa virusi itera SIDA gufata imiti igabanya ubukana	12
2.5 Umwitozo ngiro 1: Akamaro k'inyigisho zihabwa Abayobozi b'amatorero ku bwandu bwa Virusi itera SIDA	13
IGICE CYA KABIRI:	17
UMUMARO W'ABAYOBOZI B'AMADINI N'AMATORERO MU KUMENYA NO KURWANYA VIRUSI ITERA SIDA	17
UMUTWE WA 3	17
IMYITWARIRE Y'ITORERO YATUMA HABAHO GUKIZWA N'IBITANGAZA UBWANDU BWA VIRUSI ITERA SIDA	17
3.1 Ubuhamya bw'ababana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA	18
3.1.1 Ubuhamya nimeru 1: Umugore ubana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA kuva mu mwaka wa 2004	18
3.1.2. Ubuhamya nimeru 2: Umwana w'umukobwa wanduye agashobora kugira icyizere no kubababarira ababyeyi be	19
3.1.3 Ubuhamya nimeru 3: Inzitizi ku "gukira kubwo Kwizera " ziterwa n'amatorero amwe namwe	20
3.2 Ku bakristo, ubuhamya bw'ukuri ni kintu gikomeye	20
3.3 Inyigisho za tewolojiya ku bayobozi b'amatorero no gushyiraho uburyo bwo gufasha muri gahunda yo guhangana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA	21
3.3.1 Akamaro k'inyigisho za tewolojiya zihabwa abayobozi b'amatorero	21
3.3.2. Icyo aumonerie zongera mu rugamba rwo kurwanya ubwandu bwa virusi itera SIDA	22
3.3.3. Ibyuho bimwe na bimwe bigaragara mu gisubizo cyo « gukira ku bwo kwizera »	23
3.3.4. Ibyuho bimwe na bimwe bigaragara mu ishyirwaho n'imikorere ya za aumonerie, mu mashuri no mu bitaro mu guhangana n'ikibazo cyo « gukira ku bwo kwizera »	24
3.5. Kwerekana imyitwarire y'abizera iganisha "gukira kubwo kwizera" mu bijyanye na virusi itera SIDA	26
UMUTWE WA 4	28
AMATEGEKO ARENGERA ABANTU BABANA N'UBWANDU BWA VIRUSI ITERA SIDA IMBERE Y'INZITIZI Y'IMITERERE Y'UMUBIRI N'UBUVUZI/BIOMEDICALES N'URUHARE RWAYO MU "GUKIRA KUBWO KWIZERA"	28
4.1. Ibanga ry'ubuvuzi no kwanduza ku bushake virusi itera SIDA	28
4.2. Imbongamizi/enjeux mu by'amategeko yo kurengera abantu babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA	29

4.3. Kubwira uwo mubana ko wanduye	32
4.4. Umwitozo ngiro wa 2: Akamaro k'inyigisho ku bijyanye n'ubwandu bwa virusi itera SIDA, zihabwa abayobozi b'amatorero	34
UMUTWE WA 5	39
AKAMARO K'UBUFATANYE, K'UBUVUGIZI NO GUHANA AMAKURU N'IBIGANIRO MU BIKORWA BYO GUKIRA UBWANDU BWA VIRUSI ITERA SIDA	39
5.1. Akamaro k'ubufatanye mu kibazo cy'ubwandu bwa virusi itera SIDA	39
5.2. Akamaro k'ubuvugizi ku "gukira kubwo kwizera" mu bijyanye n'ubwandu bwa virusi itera SIDA	40
5.3. Akamaro k'itumanaho mu kibazo cy'ubwandu bwa virusi itera SIDA	40
5.4. Uburyo buhuriweho n'inzego nyinshi bwo kurwanya ubwandu bwa virusi itera SIDA	41
5.5. Umwitozongiro 3: Akamaro ko kuba abayobozi b'amadini n'amatorero bagira uruhare mu gushyigikira ababana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA	42
IBITABO BYIFASHISHIJWE	51
NOTES	54
IMIGEREKA	57
Umugereka 1: Amateka ya SIDA n'agakoko kayitera	57
Uko ubwandu bwa SIDA buhagaze ku isi	58
Uko ubwandu bwa SIDA buhagaze muri Afurika yo munsu y'ubutayu bwa Sahara	59
Umugereka 2: Uburyo bwafasha abayobozi b'amadini kwita ku bantu babana na virusi itera SIDA	60
1. Uko uruziga rwo kwita ku babana n'agakoko gatera SIDA ruteye	60
Umugereka 3: Ubundi buhamya bwakusanyijwe mu gihe cy'inama yo mu karere yateraniye i Kigali (Nzeri 2017)	64
1. Ubuhamya 4: Abashakanye harimo uwanduye	64
2. Ubuhamya 5: Kudacika intege n'ubwo byaba bikomeye	64
3. Ubuhamya 6: Yesu akirisha inzira zisaga igihumbi	65

GUSHIMIRA

Iyi mfashanyigisho yateguwe ku busabe bw'abayobozi b'amatorero baha-magariwe gukora no gukorana n'abakozi mu nzego z' ubuzima, kimwe n'abandi bireba mu gushakira umuti ikibazo cy'ubwandu bw'agakoko gatera SIDA, mu bikorwa byo kuyirinda. Ije ari igisubizo k'ubusabe n' imyanzuro y'Inama y'akarere yateraniye i Kigali mu Kwakira 2017.

Iyo nama yasabye abayobozi b'Amatorero ya gikristo n'Abayoboze b' idini ya Isilamu muri Afurika yo munsu y'ubutayu bwa Sahara ikoresha ururimi rw'igifaransa ngo hakorwe ubushakashatsi buganisha ku ngamba zumvikanyweho mu kurinda akato gahabwa abantu bafite ubwandu bw'agakoko gatera SIDA.

Tuboneyeho kandi gukoresha uyu mwanya dushimira byimazeyo ONUSIDA, PEPFAR, Inama mpuzamatorero ku rwego rw' isi na WCC-EHAIA by' umwihariko, Umwepiskopi Mukuru w' Itorero ry' Abangilikani mu Rwanda, Abayobozi bakuru b' Idini ya Isilamu n' abandi bantu bose bagize uruhare mu gutunganya neza iyi mfashanyigisho.

Iyi mfashanyigisho yagombye kwakirwa nk'igisubizo mu miryango y'Abayoboze b'Amadini n' Amatorero ku kibazo cy'ubwandu bw' agakoko gatera SIDA muri Afurika.

IMPINE ZAKORESHEJWE

ARV	:	Antirétroviral
CCC/IEC	:	Communication pour le changement de comportement/Information-Éducation-Communication.
CMC	:	Commission médicale chrétienne
CNDH/RDC	:	Commission Nationale des Droits de l'Homme de la République Démocratique du Congo
COE -EHAIA	:	Conseil œcuménique des Églises - Ecumenical HIV and AIDS Initiatives and Advocacy
CPT	:	Clinical Pastoral Training
DIFAEM	:	Institut allemand de mission médicale
DPP	:	Démonstration publique du pouvoir
ELISA	:	Enzyme-Linked Immunosorbent Assay
EPMB	:	Eglise protestante méthodiste du Bénin
INERELA	:	International Network of Religious Leaders Living with or Personally Affected by HIV or AIDS
MSF	:	Médecins Sans Frontières
OEV	:	Orphelins et Enfants rendus Vulnérables du fait du VIH/SIDA
OIR	:	Organisations d'inspiration religieuse
OMS	:	Organisation mondiale de la Santé
ONUSIDA	:	Programme commun des Nations Unies sur le VIH/SIDA
PCR-DNA	:	Polymerase Chain Reaction & Deoxyribonucleic Acid
PEPFAR	:	The President's Emergency Plan for AIDS Relief
PVVIH	:	Personnes Vivant avec le Virus de l'Immunodéficience Humaine
RICH	:	Rwanda Interfaith Council on Health

TARV	:	Tree-Based Analysis of Rare Variants
TDR	:	Totally Drug Resistant
UNICEF	:	United Nations Children’s Emergency Fund
USAID	:	United States Agency for International Development
VIH/SIDA	:	Virus de l’immunodéficience Humaine et Syndrome d’Immuno Déficience Acquise

URUTONDE RW'AMAGAMBO NZIRIKANWA

Antirétroviraux (ARV): imiti irwanya virusi itera SIDA ikagabanya ubukana bwayo ku bantu babana n'ubwandu bwayo.

Conseil ou counseling (Ubujuanama): kwimakaza umushyikirano w'ubwizerane hagati y'umujuanama [ubyemerewe] n'uwo ayigira kugirango umurwayi amenye aho ahagaze: kumenya uko umubiri we urwanya ubwandu n'uburyo bwo kwanduza abandi no ku-mufaha kumenya uko yagabanya ingaruka zayo; kumenya imyifatire mu myiyumvire no gusabana n'abandi bizirikana ubwandu bwe, no kumufasha kumenya inzira zose zo guhangana nabyo.

Dépistage du VIH (Gusuzuma ubwandu): Gusuzuma mu maraso n'ahndi hazwi mu mubiri no gushakamo ibimenyetso (anticorps/antigènes) bigaragaza ubwandu haba mu muntu ugaragara ko ari muzima cyangwa uwamaze kwandura.

Enfant (Umwana): Umuntu wese utarageza ku myaka 18.

Groupe vulnérable (Itsinda ry'abantu babonezwaho n'ubwandu bwangu): Abantu bose bagerwaho n'ubwandu bw'agakoko gatera Sida cyane cyane: abagore, uruburiruko, aba-curuza imibiri yabo by'umwuga, abatinganyi, abasirikari b'abana, abakuwe mu byabo n'intambara, impunzi, abana n'abakuze baba ku mihanda, n'intamenya ku bya ubwandu.

Infection au VIH (Ubwandu bw'agakoko gatera SIDA): Ni ubwandu butsinda ubu-dahangarwa n'abarinzi kamere b'umubiri w'umuntu.

Infections Opportunistes (Ubwandu bw'indwara z'ibyuririzi): ubu bwandu bugaragara iyo umuntu ubana n'ubwandu ageze ku rwego rwo kurwara SIDA.

Pandémie (Icyorezo): Icyorezo cyakwiriye hose mu gihugu cyangwa ku mugabane w'isi.

Partenaire sexuel (Umuntu ubana n'undi bagirana imibonano mpuzabitsina): Abashakanye cyangwa ababana bagirana imibonano mpuzabitsina.

SIDA:Syndrome de l'immunodéficience acquise: Ibimenyetso bya imbubururiruko y'umubiri bigaragaza ko umuntu yageze ku rwego rw'uburwayi butewe n'ubwandu bw'agakoko gatera SIDA.

Soutien Psychosocial: Gushyigikira umuntu mu buryo bwose bushoboka mu myiyumvirire ye n'imibaniren'abandi.

Statut sérologique au VIH: Uburyo uwasuzumwe agakoko gatera SIDA ahagaze haku-rikijwe ibimenyetso byabonetse mu gupima amaraso bibyemeza cyangwa bibihakana.

Test Confidentiel: Uburyo bw'ibanga bukoresha inomeru cyangwa ikimenyetso bisimbura izina ry'umuntu bapima butuma aho bapimiye (laboratoire) batanga ibisubizo bakurikije inomeru cyangwa ikimenyetso kiranga umuntu.

VIH: Virus de l'immunodéficience humaine: Virus itera imburaburinzi bw'umubiri w'umuntu.

UBURYO BWO GUKOresha Iyi MFASHANYIGISHO

Muri iki gihe, hari abayobozi b’amadini n’amatorero basa n’abahinyura ubuvuzi butangirwa mu bitaro n’ibigo nderabuzima mu kwirinda ubwandu bw’agakoko gatera SIDA, bakigisha ko isengesho ariryo ryonyine rishobora gukiza.

Mu myizerere yabo, virusi itera SIDA yatsindwa no kuzirikana Ijambo ry’Imana, Gusenga, Guhamya ukwizera, igaburo ryera n’ ibindi...

Ku buryo butangaje, hari benshi bashima bene izo nyigisho zo gukira ku buryo bw’ibitangaza. Nyamara, abafite ubwandu bwa virusi itera SIDA baha-bwa akato bakanahezwa na bagenzi babo bahuje imyizerere. “Ikibabaje kuru-shaho, *ni uko icyo badakize bumva ko ari intege nke z’ umuvugabutumwa.*” Bibwira ko umukristo ubabajwe na virusi itera SIDA yakwiringira gusa ko Imana ariyo yonyine izatabara ikamukiza. Muri icyo gihe, ntiyirirwa agana ibitaro cyangwa ikigo nderabuzima ngo afate imiti.

Kubw’iyo mpamvu, bamwe bagira ubwoba bwo kwipimisha ngo bamenye uko bahagaze n’aho abandi ntibatinyuka gutangaza ko banduye cyangwa ngo bafite ingamba zo kudakwirakwiza ubwandu kuko bafite ubwoba bwo guhabwa akato.

Mu bihe nkibyo abantu benshi babura uko barindwa ubwandu, babura uko bakurikiranwa cyangwa ngo bahabwe ubufasha. Twibutse ko “*gufata imiti igabanya ubukana bwa virusi itera SIDA ari inkingi ya mwamba mu kugabanya ubwandu naho kutoroherezwa kubona icyo miti ku miryango myinshi byaba ikosa abakristo bagombye kwirinda.*”

Ibyo byerekana ko ikibazo kitoroshye kubirebana no gukira kubera “*Kwizera Imana gusa*” nk’uko byigishwa na bamwe mu bavugabutumwa b’Amatorero n’Amadini byo muri Afurika yo munsu y’ Ubutayu bwa Sahara ikoresha ururimi rw’ Igifaransa abyigisha.

Kurundi ruhande, abagize Inama Mpuzamatorero ku rwego rw’ isi (COE) ntibahwema kongera ibikorwa bishishikariza abayoboze babo kugana ibitaro n’ibigo nderabuzima ngo bahabwe inama n’ubufasha mu kwirinda ubwandu bwa virusi itera SIDA. Bimwe mu bikorwa byaho byibanda ku bukungurambaga ku ngaruka zikwirakwizwa rya virusi itera SIDA, uburyo bwo kuyirinda no kurwanya akato.

Iyi mfashanyigisho ntigamije kwibanda ku kato gahabwa abafite ubwandu, ahubwo izasesengura byimazeyo ibyo gukizwa n’ibitangaza by’Imana. Iradusaba gutekereza byimbitse kugira ngo hatangizwe gahunda zitandukanye nko

Kwirinda kwandura virusi itera SIDA, kwivuza no gufasha abafite ubwandu bwa virusi itera SIDA .

Harimo ingamba zo gushishikariza ishyirwaho rya gahunda zihamye zo gukiza umubiri n' ubugingo, ku bantu bafite ubwandu bwa virusi itera SIDA n'abo babana bose nta vangura.

Muri make, iyi mfasha nyigisho iteganya ko imiti igabanya ubukana bwa virusi itera SIDA igera kuri bose nta karengane cyangwa ubusumbane. Maze abayobozi b' amadini n'amatorero bakaba biteguye neza ngo bakureho ubuyobe bw'abizera gukirira mubitangaza cyane cyane abantu bakuru bafite ubwandu n'abana by'umwihariko.

Iyi mfashanyigisho igizwe n'ibice bibiri :

Igice cya mbere kigizwe n'imitwe bibiri

Icya kabiri kigizwe n'imitwe itatu yose hamwe ikaba itanu.

Buri gice gice cyakwigwa inshuro ebyiri cyangwa eshatu hakoreshejwe igice cy'umunsi kuri buri nshuro. Igenewe kandi abakozi mu nzego z' ubuzima, abakorera abashake baturutse mu matorero, abayobozi b'amadini n'amatorero, ndetse n'ababyeyi n'abana bazwiho ko bafite ubwandu. Byongeye kandi buri gice gitangirwa n'incamake y'ibikubiyemo kitarangizwa n' umwitozongiro.

Umutwe wambere usobanura ibijyanye n'ubuvuzi bugezweho muri iki gihe. Abayobozi b' Amadini n'Amatorero basabwa kwifashisha ingero zifatika ziyishimangira n'izindi ngero mbi zo kwirinda. uherye kera ku mateka ya Bibiliya ku nkuru za Yobu n' inshuti ze kugira ngo bafashe abantu bafite ubwandu bw'agakoko gatera SIDA kudacika intege no kwemera gufata imiti igabanya ubukana.

Umutwe wa kabiri ugaragaza inyigisho zitandukanye zijyanye no gukira kubera "*Kwizera Imana*" muri Afurika.

Irashishikariza abayobozi b'amadini n'amatorero gushyiraho ingamba n'ibikorwa byihutirwa byatuma, gupima, kwirinda no kuvura abantu banduye, no gufata imiti igabanya ubukana bigerwaho.

Umutwe wa gatatu ugizwe n'ubuhamya bugamije gushyira no gushishikariza abantu bafite ubwandu bwa virusi itera SIDA kuva mu mwijima w'ubuyobe. Uyu mutwe urahamagarira kandi abantu gusangira ubuhamya n'akababaro n'abantu bagishidikanya kwipimisha, kwivuza, no kurwanya akato n'ihazwa bikorerwa abantu banduye.

Naho **umutwe wa kane**, wibanda ku bijyanye n'ibanga ry' ibisubizo byo kwa muganga. Uruhare rw'amategeko mu kurinda abantu bafite ubwandu bwa virusi itera SIDA, ibihano bihabwa abakwirakwiza ubwandu bwa Virusi itera SIDA kubushake, ndetse n'ihame ryo gutangariza uwo mukorana imibonano mpuzabitsina ko wanduye.

Aha, abayobozi b'amadini n'amatorero barasabwa gutangiza ibikorwa bigaragaza abahohotewe mu muryango, mu mashuri, mu kazi, cyangwa kubona inguzanyo n'indi mitungo rusange bikorerwa abafite ubwandu no gushyiraho ingamba zo kubashyigikira tutibagiwe no kubafasha.

Hanyuma umutwe wa gatanu ari nawo wanyuma uribanda ku kamaro ko gushyiraho ubufatanye hagati y' abantu bose bagira uruhare mu kurwanya ubwandu bwa virusi itera SIDA.

Mu rwego rwo kwegeranya imbaraga zo kubaka amavuriro, kugura imiti igabanya ubukana bwa virusi itera SIDA, hagamijwe ko buri muturage amenya uko ahagaze muri rusange n'abana by' umwihariko.

Abayobozi b'amadini n'amatorero barasabwa kugaragaza ibikenewe gukorwa, abazabikora, abaterankunga niba baboneka, ubuyobozi buhari no gushyiraho imbonerahamwe y'uko bizakorwa.

IRIBURIRO

Inama Mpuzamatorero ku isi (COE), ifatanije na ONUSIDA, PEPFAR n’Itorero ry’ Abangilikani mu Rwanda, guhera 25 kugeza 29 Nzeri 2017, i Kigali (Rwanda) yateguye inama y’akarere igamije gusuzuma uko abarwayi ba SIDA bavurwa cyangwa se bitabira gukira by’ igitangaza basengewe bikorerwa muri Afurika yo munsu y’ubutayu bwa Sahara.

Dushingiye ku ngaruka zishingiye ku kwizera gukira by’igitangaza cy’Imana, wirengagije gufata imiti igabanya ubukana bwa virusi itera SIDA, abateguye iyi nama, bahurije hamwe Abayobozi b’Amatorero y’Abakristo, aba Isilamu, Abaganga bagize Inama y’igihugu mu kurwanya SIDA baturutse muri Ministeri y’Ubuzima y’u Rwanda, WCC-EHAIA, PEPFAR(USAID) na ONUSIDA. Batumiye kandi abahagarariye Leta y’u Rwanda na ONU, abasesenguzi b’Ijambo ry’Imana, abayobozi b’inzeho z’ibanze wongeyeho abagore bafite virusi itera SIDA.

Intego y’iyi nama kwari ukuganira ku ngamba zifatika zafatwa ku bibazo biterwa n’ubwandu bwa virusi itera SIDA mu buryo bushoboka bwose. Ikindi kwari ugushishikariza abanduye gufata imiti igabanya ubukana bwa SIDA mu gihe havugwa ind’inzira yo gukizwa n’amasengesho.

Muri uwo mubonano abatumiye bagejejweho intambwe yatewe mu gukumira ikwirakwizwa ry’ ubwandu bwa virusi itera SIDA, n’itangwa ry’imuti igabanya ubukana kubabana n’ubwandu bwa SIDA. Nyamara, babashije kugaragaza ingorane zabatabasha kwitabira ubuvuzi bugezweho bishingikirije gukira kubw’ igitangaza cy’Imana, kandi abahanga bagaragaje ko gufata imiti igabanya ubukana kufite virusi itera SIDA byongera amahirwe yo kubaho igihe kirekire.

Muri iyi nama bahaye agaciro, umumaro w’ amatorero mu kubwiriza ubutumwa bwiza (Guhamura) mu gushyira mu bikorwa ingamba 90 – 90 – 90 ya ONUSIDA.

Abitabiriye uwo mubonano, bifujye ko abayobozi b’amadini n’ amatorero bakongererwa ubushobozi bityo abayoboze babo bakabona uburyo bwo kwirinda ubwandu bwa virusi itera SIDA bashishikariza kandi abanduye, gufata imiti igabanya ubukana. Bafashe umwanzuro ko inyigisho z’iyobokamana zatangwa na bayoboze b’amatorero n’amadini zajya ziganisha ku gutanga amakuru nyayo ku bwandu bwa SIDA.

Iyi mfashanyigisho ni umurimo wa COE (Inama Mpuzamatorero ku isi) wo kumenyekanisha, gutanga amakuru, kwigisha abihaye Imana kugira ngo bitabire kurwanya ubwandu bwa SIDA mu matorero n’amadini bayobora, kandi bafashe gusubiza ibibazo babazwa:

- Birakwiriye ko abantu batekereza kugukira indwara mu buryo bw'igitangaza kw'Imana nk' uko bigaragara mu matorero amwe n'amwe y' iki gihe?
- Mbese ibyo twabishyigikira kugera aho twakwibagirwa ingufu zakoreshejwe mu bushakashatsi bw'ubuvuzi bwa kijyambere, n'inyigisho zatanzwe ku ruhare rwo gufata icyemezo ku muntu ku giti cye biganisha ku mbaga y'abantu benshi?
- Ni uwuhe mwanya twaha ugukira indwara mu buryo bw'Umwuka no kwizera ubutabazi bw'Imana? Iyi mfashanyigisho igizwe n' ibice bibiri n' imitwe itanu:

Igice cya mbere :

Umumaro w' abayobozi b'amadini n'amatorero mu kugira ubumenyi kuri VIH/SIDA

Umutwe wa mbere : Ugukira indwara hitabajwe ubuvuzi bugezweho muri iki gihe.

Umutwe wa kabiri : Ibyifuzo by'abasesenguzi b'Ijambo ry'Imana, n'isano bifitanye no kwaguka k'ubukristu bushingiye k'ubuhanuzi bijyanye no gukira indwara by'igitangaza virusi itera SIDA.

Igice cya kabiri :

Umumaro w' abayobozi b'amadini n'amatorero mu kumenya, VIH/SIDA

Umutwe wa gatatu: Imyitwarire y'abanyamwuka mu gukiza virusi itera SIDA.

Umutwe wa kane :Uko amategeko arengera abantu babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA ku

mpungenge zishingiye ku buvuzi.

Umutwe wa gatanu: Umumaro w'ubufatanye, ubugenzuzi, gusobanura, no gutanga amakuru kubirebana no gukira indwara.

IGICE CYA MBERE

GUSHAKA AMAKURU NO KUGIRA UBUMENYI BWIMBITSE KURI VIRUSI ITERA SIDA N'UBURWAYI BWA SIDA: INSHINGANO Z'UMURIMO WA GISHUMBA KU BAYOBOZI B'AMADINI N'AMATORERO

UMUTWE WA MBERE

UBUMENYI BUSHINGIYE KU GUKIRA INDWARA HITABAJWE UBUVUZI BUGEZWEHO MURI IKI GIHE

Amateka n'ikwirakizwa ry'ubwandu bwa virusi itera SIDA byaganiriweho cyane mu buryo butandukanye n'abantu biyemeje kugira ubumenyi kuri yo. Uyu mutwe ntiwibanda kugutanga ubusobanuro bw'inyongera kuri iyi ngingo. Ahubwo urashimangira inyigisho yo *“gukira indwara mu buryo bwo kwizera gusa”*wirengagije ubuvuzi bugezweho bw'abaganga. Akarusho reba amateka ya virusi itera SIDA n'uburwayi bwa SIDA ku nyomeko ya mbere(Annexe 1).

Uyu mutwe wa mbere uragaragaza intambwe yatewe n'ubuvuzi bugezweho mu gukumira ubwandu bwa virusi itera SIDA n'ibyuririzi byayo cyane cyane ubwitabire bwo kwisuzumisha ku bushake ubwandu bw'iyi virusi.

Byongeyeho, haravugwamo inyungu yo kwipimisha kw'abantu banduye ngo bamenye niba abasirikare barinda umubiri w'umuntu badahagije bityo bagafata imiti igabanya ubukana bagiriwe inama n'abayobozi b'amadini n'amatorero.

1.1. Intambwe yatewe mu buvuzi bugezweho kubijyanye na virusi itera SIDA

Muri raporo yitwa : *“Raporo yo ku rwego rw’isi, yagaragaje intambwe yatewe mu gukumira icyorezo cya SIDA mu mwaka wa 2017: Ibigenderwaho mu gukurikirana umurongo wo kwirinda virusi itera SIDA, kwita ku bayanduye nk’uko byemejwe n’Inteko Rusange y’Umuryango w’Abibumbwe(O.N.U.) yateranye mu mwaka wa 2016: Itangazo rigenewe abanyamakuru,”* ryashyizwe ahagaragara ku itariki ya 21 Ugushyingo 2016, ONUSIDA yatangaje ko ubuvuzi ku bwandu bwa virusi itera SIDA bugeze ku ntambwe ishimishije, uhereye ku mwaka wa 2015.

Nanone, hashingiwe ku ntambwe yatewe mu buvuzi bugezweho, abanduye babana n’ubwandu igihe kirekire. Dufate urugero, umubare w’abantu bapfuye bazize indwara ya SIDA wagabanutseho 45% mu gihe kiri hagati y’umwaka wa 2005 na 2015. Mu mwaka wa 2016, *“bafi ya miliyoni 18,2 z’abantu bagejeweho imitiy’ubutabazi bwibuse, muribo harimo abana 910000, byatumye umubare usanzwe wikuba kabiri mu myaka itanu ibanza.”*³

Birashimishije rwose kuko umubare w’abanduye wagabanutse kugera kugipimo cya 1/2 mu bihugu bifite gagunda zo gukumira SIDA, igituntu na malariya. Umuyobozi wa ONUSIDA yavuze ko: *“Mbere y’imyaka ibiri ishize, miliyoni 15 z’abantu bashoboraga kubona imiti igabanya ubukana kandi ubwandu wa virusi itera SIDA ku bana bwaragabanutse cyane.”*⁴

Kubireba ONUSIDA, yasabye leta z’ibihugu byose kw’isi, kwihutisha gahunda zituma imiti igabanya ubukana bw’icyorezo cya SIDA igera ku banduye bose bitarenze umwaka wa 2030.

Kubw’ibyo, ishyiraho ingamba 90-90-90, zatumye 90% by’abaturage bose bamenya uko bahagaze nyuma yo kwipimisha, 90% y’abantu babana n’ubwandu bwa virusi itera SIDA babona imiti igabanya ubukana (ARV), na none 90% by’abantu babana n’ubwandu bwa virusi itera SIDA nta byuririzi bafite kandi virusi zikiri kugipimo cyo hasi mu maraso.

1.2. Iby’ibanze ku bayobozi b’amadini n’amatorero ngo bashishikarize abantu babana n’ubwandu bwa virusi itera SIDA gufata imiti igabanya ubukana.

Ku birebana n’amabwiriza mashya ya O.M.S (Umuryango mpuzamahanga wita ku buzima), abakora mu nzego z’ubuzima barasabwa, gushyiraho uburyo bwo gupima ku bushake ubwandu bwa virusi itera SIDA *“kuburyo buhamye ku bantu bose bagejeje ku myaka 15 kugeza 70 y’ubukure”*⁵. Bityo, abakora mu nzego z’ubuzima bakamenyeshya abapimwe uko bahagaze. Ni muri icyo nnyana abayobozi b’amadini n’amatorero bagomba kugira uruhare rwo gushishikariza abo bayobora mu byiciro byose *kwipimisha*, hanyuma abasanze baranduye bagafata amiti igabanya ubukana hakurikijwe inama bahawe n’abaganga. Abayobozi b’amadini n’amatorero bahamagariwe kandi kugira icyo bakora, mu bushishozi bwimbitse kugirango badahutaza abanduye (abarwayi). Barasabwa

guhera ku biganiro bya gishumba, bagatega amatwi abanduye, bakabagira inama ngo babashe kwiyakira bityo bakirinda guheranwa n'agahinda, bakagira inyifato nshya ushingiye ku cyizere cy'uko ubuzima bukomeje. Bakabafasha kandi gushyira imbaraga ku ngamba zo kubungabunga ubuzima bubahiriza inama bagirwa n'abaganga.

Byongeye kandi abayobozi b'amadini n'amatorero bagomba gukuraho imyumvire idahwitse ijyanye n'umutima wo kwicira urubanza kw'abantu babana n'ubwandu bwa SIDA. Bakwiriye guhabwa ubujyanama bubafasha kureka burundu kwicuza, guhora, kwifuza kutabaho (gupfa), umujinya udashira, cyangwa se kwiyanga ukumva ko ubuzima ntagaciro bugifite. Byongeye kandi, uburyo abaganga bakurikirana abanduye, inama bahabwa n'abayobozi babo mu madini n'amatorero babarizwamo bibafasha kwiremamo ikizere hanyuma bagakurikiranwa neza muri ubwo buzima bwo kubana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA. Ni iby'ingenzi kubayobozi b'amadini n'amatorero gushyiraho uburyo bubahuza n'abaganga, ku buryo abaganga bashishikariza abanduye kwifungura, bagatangeriza abayobozi babo mu madini n'amatorero ibanga ryo kwa muganga ko banduye virusi itera SIDA. Birakwiriye ko abayobozi b'amadini n'amatorero batanga urugero rwiza rwo kwipimisha kubushake virusi itera SIDA bityo n'abayoboze babo bakabafatiraho urugero rwiza. Birakwiriye ko bavugira mu ruhame uko bahagaze nyuma yo kwipimisha. Hanyuma bagatangaza ibyo biyemeje gukorera abayoboze babo bamaze kwandura cyangwa batarandura, abatarandura bakigishwa kwirinda, kwifata, ubudahemuka, kudacana inyuma kw'abashakanye no kwipimisha kubushake virusi itera SIDA.

Mu kwanzura, abayobozi b'amadini n'amatorero, bagomba kwiyemeza amasezerano y'ubwumvikane hagati y'abaganga yerekana umurongo w'ibikorwa bahuriyeho ngo bigishe abayoboze babo ibikorwa byo kwirinda virusi itera SIDA no gufata imiti igabanya ubukana kubanduye iyo ndwara.

Inama Mpuzamatorero ku isi (COE) irasaba by'umwihariko Abayobozi b'Amadini n'Amatorero bayigize, n'abayoboze b'ayo matorero: *“kugaragaza uruhare rwabo rufatika rwo gukuraho umuco mubi ubuza abantu kwipimisha virusi itera SIDA, kugirango buri wese yemere ko bikwiriye kumenya uko abagaze amaze kwipimisha, kuko Virusi itera SIDA atari igihano cy'Imana.”*⁶

AMAHAME Y'ABASESENGUZI B'IJAMBO RY'IMANA, ISANO BIFITANYE NO KWAGUKA K'UBUKRISTO BUSHINGIYE K'UBUHANUZI NO GUKIRA BY'IGITANGAZA VIRUSI ITERA SIDA

Ubusobanuro bw'ihame: *“Ni ukuri utagaragaje ariko nyako ukurikije amategeko nk’uko bigaragara mu ishingiro ryako ko kutavuguruzwa. Amahame menshi afatwa nk’amagambo y’ukuri gusanze cyangwa ubunararibonye.”*⁷

Mu nyandiko ya Emmanuel Kant (Critiques de la raison pratique, 1781: tugenekereje ni ukuvuga isesengura ku mitekerereze ngiro), yanditse ko: *“Amahame y’imitekerereze ngiro ni ibitekerezo biganisha ku kubaho kw’Imana, ukudapfa kwa Robo, mu buryo utatangira ibimenyetso, gusa bukenewe nk’ishingiro ry’inyigisho z’iby’umwuka.”* Uyu mutwe uribanda by’umwihariko ku busobanuro buvuguruzanya kubijyanye no *gukira kubwo kwizera* indwara ya SIDA. Dufatiye ku bikorwa byo gukiza indwara nk’uko byagaragaye mu bihe byo hambere muri Afurika yo munsu y’ubutayu bwa Sahara. Uyu mutwe ugaragaza umwanya n’uruhare rwahawe amadini n’amatorero n’abayobozi bayo baba abakristo cyangwa abasilamu mu gushyigikira no kubungabunga abantu bafita ubwandu bwa virusi itera SIDA, bashishikarizwa gufata imiti igabanya ubukana.

2.1. Ibikorwa n’imyumvire by’Abanyafurika ku gukira indwara

Muri Afurika yo munsu y’ubutayu bwa Sahara, muri rusange batekereza ko isanzure rigizwe n’ibice bitatu. Igice cyo hejuru aho Imana ituye, hanyuma ibice bibiri bisigaye n’ibyo Imana itegeka ari byo: isi n’ikuzimu. Isi ni aho abantu n’ibindi biremwa bituye. Akaba kandi ari ihuriro ry’abatuye bya bice bitatu tumaze kubona hejuru, kandi Imana ikaba ireba ibihakorerwa byose. Ikuzimu ni igice gihereye munsu y’ubutaka, aho abazimu batuye. Ni yo mpamvu: *“Ubuzima bwa muntu busaba umuhate uhoraho utuma habaho imibanire ihamye hagati y’abantu bazima, abapfuye n’isi muri rusange. Intego nyamukuru yo gushaka umushyikirano n’ubufatanye bw’ingeri zose niho ubuzima bushingiye nk’indangagaciro yo ku rwego rwo hejuru abantu babaranira kugeraho”*.⁸ icyo gisobanuro cy’ubuzima kirerekana impamvu Afrika yimitse imihango ishingiyeye ku iyobokamana kugira ngo abantu babane neza ubwabo ndetse babane neza n’ibidukikije. Impamvu yo kutita ku mubano w’ingeri zose muri ubu buzima bwa buri munsu niyo ntandaro y’ibyago, indwara n’ubukene bigera ku bantu muri rusange n’abandi bantu ku giti cyabo.

2.1.1. Inkomoko zidasanzwe z'indwara.

Kimwe mu bintu bishishikaje amadini gakondo muri Afurika ni ugufasha abagabo n'abagore kugira ishya n'ihirwe mu butunzi, ubuzima, mu rubyaro, n'ubutegets; mbega ibintu bikagenda neza ku murongo uhamye w'umutuzo mu buzima. Ukutabungabunga iyo mibanire y'urusobe byatuma abazimu batera indwara z'ubwoko bunyuranye zikabibasira. Kubw'iyi mpamvu, indwara ishobora kuba inkurikizi y'imibanire itari myiza hagati y'abagize urugo n'umuryango wagutse. Urugero rufatika n'uko iyo habaye ibiza cyangwa umuntu yahanuka mu giti igufwa rikavunika bene ako kaga, bavuga ko gafite nyirabayazana. Bakavuga ko byaba ari igihano cy'amakosa yakorewe abakurambere, amabwiriza y'imibereho n'imibanire atubahirijwe, cyangwa ko hari uwarenze ku miziro. Indwara rero ifatwa mbere na mbere nk'iyatewe n'abazimu. Niyo mpamvu, *“imbaraga z'imana zifatwa mbere ya byose nk'ishingiro ryo kwirinda, kuvura no guhangana n'indwara. Ibi si ko bose babivugaho rumwe, abenshi mu bashakashatsi ku ruhare imbaraga z'imana zigira ku buzima bwa muntu, bashimangira ko imbaraga z'umwuka n'intego z'ubuzima bifite uruhare rugaragara ku buzima bw'umubiri n'ubw'umwuka bityo yishimire kubaho. Ku birebana n'iby'ubuzima muri rusange, icyo abaganga batitayeho n'uko bikwiye ko ubuvuzi bugezweho bwunganyirwa n'ububasha mu by'umwuka kugira ngo umuntu akire neza. Bihujwe gutyo, ubwo bwunganyirwa mu mwuka birakwiye ko bwagira imbibi z'aho bugarukira no kugaragaza icyo buri ruhande rushoboye gukora mu kuvura indwara. Bifasha kandi ubuvuzi bugezweho kumenya ukeneye ubufasha.”*

Ni muri uwo murongo, tubona ko hari abahanga b'isi y'iby'umwuka. Umupfumu ategerejweho imbaraga zidasanzwe ngo asobanure ugushaka kw'imana mu mihango. Ashyiraho imihango yo kwirinda ibyago, izana umutuzo n'amahoro mu rugo no mu muryango muri rusange. Ategeka kwambara impigi nk'uburyo bwo kwirinda ko abazimu batera abazima. Ni muri urwo rego amaturo y'abakurambere ari ngombwa kugira ngo abazima babane n'abazimu mu ituze n'amahoro kandi be kurwara indwara izo ari zo zose harimo na virusi itera SIDA. Ibyo biyoborwa n'abapfumu.

2.1.2. Akamaro k'abapfumu n'abavuzi gakondo muri Afurika yo muni y'ubutayu bwa Sahara.

Umupfumu n'umuntu ufite imbaraga zidasanzwe mu bikorwa biyobowe mu buryo bw'umwuka. Abasha gufindura no kugaragaza ibihishwe cyangwa ibyayoberanye, ndetse ashobora no kumenya ibizaba mu gihe cy'imbere. Nyamara, umuvuzi gakondo n'umuntu ukiza indwara atitabaje ubuhanga bw'abaganga basanzwe. Ntibyoroshye gutandukanya umupfumu n'umuvuzi gakondo kandi kenshi abantu babafata nk'abantu babi. Ikinyamakuru (Afrique Renouveau-ONU) kivuga ko : *“Abavuzi gakondo ari bo kamara mu kuvura indwara zandura n'izo mu mutwe zangiza ubuzima.”*¹⁰ Ishami ry'umuryango w'Abibumbye ryita ku buzima ku isi (OMS) rigaragaza ko hafi 80% by'abanyafurika bitabaza ubufasha bw'abavuzi gakondo.¹¹

Icyo kinyamakuru cyongeraho ko: *“Abavuzi bagakondo bakorera umurimo wabo hanze y’inzego z’ubuzima za Leta, bamwe mu barwayi babitamo kubagana ngo babavure birengagije ubufasha busanzwe butangwa n’abaganga.”*¹²

Nyamara, si uko ari ubuke bw’abaganga ahubwo ni uko ubuvuzi gakondo bwacengeye mu mibereho y’abanyafurika benshi. Abarwayi bagana abavuzi gakondo n’ubwo baba bafite ubushobozi bwo kugana abaganga. Byongeye kandi, abahanga mu by’ubuzima bashyira imbaraga mu kumenyekanisha impamvu zitera indwara hifashishijwe ubuhanga bw’abaganga; naho abapfumu cyangwa abavuzi gakondo bashyira imbere imikorere ishingiye ku mwuka n’umubiri.

Abavuzi gakondo bafite ubuhanga bwimbitse bwo kumenya ibimera bikoreshwa nk’imiti ivura indwara. Bifashisha amababi, impeke, amashami, ibishishwa, imizi by’ibyo bimera bivura, ngo babyifashishe bavura indwara zagaragaye mu bantu. Bifashisha kandi imiti ikomoka ku nyamaswa n’imyunyu ngo bavure abarwayi babagana.

Abandi banditsi Jean Benoist na Alice Desclaux, bavuga ko: *“Itotezwa ribera mu miryango riganisha abarwayi muri rusange (abafite ubwandu bwa Virusi itera SIDA by’umwihariko) ku bapfumu n’abavuzi ba gakondo, abayobozi b’amadini n’amatorero ngo barebe ko bavumbura inkomoko y’ibyo byago ndetse ngo babibatsindire.”*¹³ Abavuzi gakondo n’abapfumu bazi kandi badashidikanya ibimera bivura babisanishije no kuragura kuburyo bibahesha kwemerwa n’abantu. Nyamara, kuruhande rw’abaganga babona ko gukora ibyo, ari ugusesagura amafaranga n’umwanya kuko birabadindiza, bagatinda kugana abaganga ngo babafashe hakiri kare.

Kubw’iyo mpamvu, *“abavuzi gakondo bashobora gutanga amakuru y’indwara n’uburyo zavurwa. Bafite umwanya mwiza wo kugira uruhare rugaragara mu kurinda abantu indwara zikomeye harimo na VIH/SIDA.”*¹⁴ Berekanye ko mu materaniro ari ahantu abayoboze bakirira. Muri ayo Imana iba ihari kandi ishobora no gukiza abantu bahungabanye bakongera bakiremamo ikizere cyo kubaho, kuko bakirwa neza, berekwa ibyiza byo kuba mu muryango w’abana b’Imana, bumva batekanye babona abo batura imiruhu n’imibabaro bigasa nibyibagira nye, hanyuma bashishikarizwa kongera kugira icyizere cyo kubaho.

2.2. Ibikorwa n’icyerekezo by’imiryango mu gukiza indwara

Bamwe bavuga ko hari *“amatorero asengera abantu bagakira indwara”*, abandi bakavuga *“impano zo gukiza indwara”*.

Judith Herman & Carolyn Yoder bahamya ko : *“gutekana, n’igikorwa cyo kwakira ibyabaye ari intambwe za ngombwa mu nzira yo gukiza. Iyo icyerekezo umuntu abaye ubuzima bwe cyatakaye, kuba mu iteraniro risenga kandi ryemera kumwakira bifasha kongera kubona no kubaka ikindi cyerekezo no kurushaho kugenda akira.”*¹⁵

Kubirebana n’impano yo gusengera abantu bagakira, dufashe urugero rwa Kiliziya Gatulika, umukaridinali witwa Joseph Ratzinger yirinze kubihamya cyane, avugako nta gihamya ko: *“Hari abantu bafite impano yo gukiza bo mu kicio icyaricyo cyose cy’abakristo cyangwa abayobozi b’itsinda runaka. Icy’ibanze ni*

ukwizera imbaraga za Robo Mutagatifu we ugaba inema yihariye yo gukiza kugirango imbaraga n'inema za Kristu wazutse zigaragaze. Ariko amasengesho n'ubwo yaba menshi gute siko akiza indwara zose."¹⁶ Ningombwa kumenya ko amadini n'amatorero atabyumva kimwe.

2.2.1. Imihango y'Amatorero ashingiye ku mpano z'umwuka mu gukira indwara by'igitangaza n'uko bitwara ku bwandu bwa Virusi itera SIDA

Muri Afurika yo hambere uko bigaragara, "imbaraga z'akataraboneka [zituruka ku mana] ziyobora ubuzima, imibereho n'ubukungu bw'abantu." Byongeye kandi, kwibwira ko amaturo y'abantu agira umumaro udasanzwe [ashimisha Imana], bigira uruhare shingiro mu myitwarire y'amatorero amwe n'amwe ashingiye ku mpano z'Umwuka. Muby'ukuri imbaraga z'Imana zitezweho ubuzima buzira umuze, ubukungu ndetse n'imibereho myiza by'abizera. "*Urebye usanga ayo matorero atihanganira na gato utemera ko ibya Kayizari bihabwa Kayizari, n'iby'Imana bigahabwa yo. Abakristo bose barata ibikorwa byiza by'umushumba wabo, ubasezeranya amaserano y'ubukire bw'amafaranga, gukira indwara by'igitangaza, uburumbuke bw'iteka na Robo nshya. Mbese ni ukwemeza abashidikanya.*"¹⁷

Guha agaciro inyisho nk'izo bifite ingaruka mbi. Dufate urugero, abizera bamwe ntibasobanukirwa impamvu nyamukuru y'ubukene, indwara n'ibyoze umuntu yitera kugite cye cyangwa bigera kuri benshi, hanyuma bagahamya ko nyirabayazana ari abadayimoni cyangwa Satani. Niba rero abapfumu bitabazwa mu bihe bikomeye, hari ishingiro ryo guhamya ko abashumba n'abayobozi ba Isilamu bitwa "*abakozi b'Imana*" hanyuma bagakenerwa, atari mu murimo wa gishumba n'ubujyanama gusa ahubwo ari ugusengera abantu ngo habeho ibitangaza. Abayoboze batekereza bitimbitse, cyangwa byoroshye, bashobora gufata ayo magambo uko yanditse hanyuma bakayashyira mu bikorwa batagendeye ku kuri guhamye, bakanga inama z'abaganga bashishikariza abantu banduye gufata imiti igabanya ubukana.

Abo bayoboze bahitamo isengesho no kwiyiriza ubusa. Nyamara, "*isengesho no kwiyiriza ubusa bikorwa nk'ubusabane bw'abantu n'Imana. Ntabwo dusanga bavugako Nyagasani asubiza aherekewe no kwiyiriza ubusa. Kwiyiriza ubusa bigaragaza guca bugufi kw'abasenga Imana n'umutima ukeye imbere yayo; cyane cyane ko haba hari ibyifuzo bikomeye by'ubugingo basengera.*"¹⁸

Mu yandi magambo, "*isengesho no kwiyiriza ubusa ntibyagombye kuba umutwari cyangwa inshingano, ahubwo ni umuhimbazo w'ubwiza n'impubwe by'Imana kubana bayo.*"¹⁹

Ntaguhinyura ubupfumu n'ibindi bikorwa by'umwijima bigaragara muri Afurika yo muni y'ubutayu bwa Sahara, hari abasesengura hanyuma bagahamya ko ingorane zigera ku bantu, ko hari ingufu z'umwanzi ziba zibyihishe inyuma. Birakwiriye ko abayoboze b'amadini n'amatorero bahabwa ubufasha, butuma bamenya by'ukuri impamvu y'ubukene karande mu buzima bw'abantu, nkuko bigaragarira mubyo bakora n'umwifato wabo kugirango habeho gushaka ibi-

subizo by'ibibazo. Kubirebana n'ubuzima, abayobozi b'amadini n'amatorero, bakwiriye kubanza kubyumva, hanyuma bakabyumvisha abandi bahamya ko ubuvuzi ari impano y'Imana kubatuye isi yose, kugirango ubuzima burambe; ntabwo ari igikorwa cya Satani akoresha ngo ashyire mu bubata abatuye isi anabahindukize bagomere uwabaremye.

Ni muri urwo rwego, dukwiriye kumva ko kwizera gusobanura umushyikirano w'abantu n'Imana, yo itanga ubuzima bwuzuye ibyiringiro, mu bihe byiza cyangwa bibi. Ntabwo kwizera rero kugomba gusobanurwa nk'ubusabe bw'abantu ku Mana, ahubwo ni ibyiringiro bigaragaza uko umuntu abanye n'Imana kugirango ubuzima bube bwiza.

2.2.2. Amahame y'Abasesenguzi b'Ijambo ry'imana bijyanye no gukira kubwo kwizera virusi itera SIDA

Mu gihe cya none hariho ibikorwa byo kurwanya ubwandu bwa virusi itera SIDA, *“amatorero amwe namwe, arimo gushyira imbaraga ku gukira by'igitangaza iyo ndwara, ashaka kuyica burundu.”*²⁰ Nyamara, mubyanditwe muri Bibliya, *“gukira kubwo kwizera”*²¹ ntabwo ari ibikorwa rusange ku buryo wabisimbuzi kugana abaganga.

Dore ingero:

- Bibliya ivuga ko: *“Abantu bose bashakaga kumukoraho, kukw imbaraga yamuvagamo ikabakiza bose.”* (Luka 6:19) Koko, yakizaga abamuganaga bashaka ko abakiza.
- Yesu amaze gukiza impumyi, nyuma yaje kumubaza: *“Mbese wizeye umwana w'Imana?”* Uwakorewe igitangaza arasubiza ati: *“Data-buja, ninde, nkamwizera?”* Yesu aramubwira ati: *“Wamubonye, kandi ni we muvugana.”* (Yoh.9:1-7, 35-38).

Nibyo, Yesu yakizaga n'abataramwizera, binyuranye n'abandi bahamya ko ababagana nta kwizera bafite iyo badakize. Uko gukira gushingiye ku bitangaza n'ukuri kweruye kugamije kwerekana ko Imana iri kumwe n'abayo mu isi. Rwose n'ibimenyetso cyangwa ibikorwa biherekeza Ijambo ry'Imana mu gihe kizwi. Nk'ibimenyetso rero n'imvugo igenewe kumvwa nabeneho, kuyisengera no kuyisubiza bitwararika ngo bahinduke abahamya b'uko Imana iriho yiye-reka abagabo n'abagore bayemeye. Abahagarariye amadini n'amatorero bagomba kwakira iyo nyigisho bahamya ko ibikorwa bidasanzwe byari bigamije kwerekana Yesu ko kandi ko abizera Kristo bagiriwe impuhwe n'Imana Data (1 Abakor.13:8).

2.2.3 Gukira indwara by'igitangaza bifatwa nko kugaragaza ubufasha bwo kwizera mu mibereho ya muntu

Igitangaza cyo gukira indwara gishobora kumvikana mu buryo bubiri dushingiye ku bubasha Imana yashyize muri buri muntu. Nyamara abantu bashobora kuba batabyitayeho. Niba koko Imana ikoze ibitangaza, bizatuma umuntu ayizera

bityo agahamya ko ifite ububasha. Ibyo Yesu avuga birasobanutse neza mu bitangaza yakoze.

Na none, muri Mariko 10:52, Yesu yaravuze ati: “Genda, ukwizera kwawe kuragukijije. Akivuga, uwari ahumye ahita areba byose kandi neza...”! Byongeye kandi Namani, wo mu gihugu cya Siriya, ntiyemeraga Imana ya Isirayeli, yisanze agomba kwiyuhagira muri Yorodani ngo akire, yibiyemo inshuro 7 ahita akira ako kanya. Muri icyo gikorwa yahisemo kwegera Imana ngo akire (Abami 5:1-14).

Duhereye ku ngero za Bibliya zivuzwe hejuru, ziradufasha gusobanukirwa uko gukiza indwara bikorwa mu ruhande rw’ubumenyamuntu mu myemerere, aho umuntu wese afite ubushobozi bwo kwegera Imana. Umutima nama ushobora gutuma ibitangaza bikoreka. Ntabwo ari imbaraga z’abakonikoni zisunikira umuntu guca bugufi imbere y’Imana ngo yubahe ugushaka kwayo. Ni ukuvumbura imbaraga z’Imana zituma umuntu yishingikiriza kuri yo, hanyuma umuntu agategereza muri uko guca bugufi, imbaraga z’Imana ngo yo ubwayo igire icyo ihindura mu buzima bwa muntu. Nyamara, kubirebana, na SIDA, ukwizera ntigufite icyo kwakora nk’igitangaza ngo umurwayi akire, nk’uko bivugwa kenshi kuri icyo cyorezo.²² Rwose birakwiriye ko abafite ubwo bwandu bakwegera abaganga bakumvira inama zabo zibashishikariza ku bagana ngo babafashe gufata imiti igabanya ubukana n’ivura ibyuririzi.

2.2.4. Imirongo nyamukuru ku buhanuzi bwa gikristo

“Ubuhanuzi bwa gikristo”, aha busobanurwa “mu buryo abakristo n’Itorerero babona ibyishimo, amasezerano, imibabaro n’agabinda by’abantu b’iki gihe, cyane cyane abakene n’abanyamibabaro. Abakristo n’Itorerero barebera mu bakene n’abababara isura ya Kristo, biyemeza guharanira ubutabera, amahoro, ubwisanzure n’ukuri mu bibazo by’igihe cyabo.”²³

Ibintu bine by’ingenzi bidufasha kumenya abayoboke b’amatorero y’ububyutse muri rusange:

- 1) **Guhinduka (Gukizwa):** *By’umwihariko, kurubande rw’ukizwa, guhinduka ni umusaruro w’umushyikirano bwite w’umuntu na Yesu Kristo. Umubatizo ukaba ishingiro ryawo. Uko kuvuka ubwa kabiri bijyana n’imibereho mishya, yerekana ko uwabatijwe avutse bundi bushya.*
- 2) **Kuyoborwa na Bibliya:** *Umukristo avoma imbaraga n’ububasha biyobora ubuzima bwe muri Bibliya. Niyo yonyine igaragaza umurongo w’ubutware ngenderwaho hakurikijwe ibyanditswe. Aha niho isano y’amatorero y’abaporo-testanti ishingira ibamya ko ububasha atari ubw’idini ahubwo ari ibyanditswe byera.*
- 3) **Inshuti z’umusaraba:** *Ku musaraba wa Kristo niho gucungurwa kw’abari mu isi gukomoka kandi ni ngombwa mu buzima. Yesu niho yishyuriye ikiguzi cy’ibyaha byacu. Nta deni tubarwaho, kandi ubuntu bw’Imana busaga buri mu bizera imbaraga z’umusaraba.*

4) *Kurwana ishyaka: Ibibamya ko Imana iriho ni ibitangaza ikora mu mibereho mishya y'abayizeye.*

Ishyaka rikagaragara mu itandukanirizo n'ubuzima bwe bwa kera, mu buhamya no kugeza kure hashoboka ubutumwa bw'Imana hakoreshejwe indangurura majwi²⁴.

Ni muri icyo kerekezo, umuntu yabona neza impamvu ari inyota idashira mu matorero amwe na mwe yo gushaka ugukira kw'indwara mu buryo bw'igitangaza, gufatwa nk'ukwizera gupfuye. Naho mu yandi madini bagashaka kwigana amatorero y'ububyutse ngo babashe kwigarurira abayoboke bashya.

Hari n'abatagaguza ubutunzi bwabo, bakabuha abababeshya ko babasengera bagakira indwara zose.

Ishingiye kuri bene ubwo buyobe, Inama Mpuzamatorero ku isi (COE) irashishikariza amatorero ayigize gusesengura inyigisho zivuga ko ari iza gihanuzi n'ibitangaza, kugirango bakoreshe n'ubundi buryo bw'imitekerereze kandi basome n'Ijambo ry'Imana mu byiciro bitandukanye: bityo barihuze n'igihe, imico inyuranyemo, imibereho ya muntu, ubwivugire bw'abategarugoli (feministes) n'uburyo busanzwe bwa rubanda. Iyo usomye ibyo bitekerezo bitandukanye ubona ko gukira bikwiriyeye gushakirwa ahandi atari mu buhanuzi. Ni ukuvuga ko umuntu Imana yamuhaye ubushobozi bwo gukemura bimwe mu bibazo akoresheje ubwenge.

2.2.5. Uruhare rw'abayobozi b'amadini n'amatorero mu kurwanya virusi itera SIDA

Amatorero yagombye guhangana n'icyorezo cya virusi itera SIDA agamiye kugica burundu. Kugira ngo umusaruro uboneke ni ngombwa ko abantu bamenya inshingano zabo kandi bagasenga. Ibyo byafasha kwirinda no kubungabunga uburenganzira bw'abamaze kwandura cyane cyane abana n'abagore.

- 1) **Inshingano:** Amatorero arasabwa guhangana n'inyigisho z'ubuyobe zitandukanye zibuza Abayoboke gukurikiza amabwiriza y'ubufasha bw'abaganga, aho kwizera ibitangaza bikiza indwara. Niyo mpamvu amatorero asabwa gukomeza ubufatanye n'amashyirahamwe yegamiye kuri leta kimwe n'ayigenga akora mu nzego z'ubuzima mu rwego rwo gushishikariza abafite ubwandu bwa virusi itera SIDA, gufata imiti igabanyanya ubukana n'ubundi bufasha.
- 2) **Gusenga:** Amatorero y'agikristo arasabwa gukomeza ukwizera kw'abayoboke bafite ubwandu no kubaremamo icyizere cyo kubaho nk'uko intumwa Pawulo itaciye intege n'ibigeragezo ngo atakaze ibyiringiro n'intego y'ubutumwa bwe.
- 3) **Ubutabera:** Amatorero ya gikristo arasabwa gushyiraho uburyo bwo gukurikirana abafite ubwandu niba babayeho bisanzuye nta kato cyangwa ihezwa iryo ari aryo ryose.

Inama y'igihugu y'amatorero yo muri Phillipine ni urugero twafata nk'icyitegererezo k'uruhare rw'amatorero mu guhangana na virusi itera SIDA, cyane cyane mu bijyanye no kwirinda n'ubukangurambaga. Ibyo bakora ni ibi bikurikira:

- 1) Gushishikariza kwipimisha k'ubushake mu madini n'amatorero yabo.
- 2) Gutuma abayoboke muri za paruwasi bipimisha nyuma y'ubukangurambaga, ibiterane n'inyigisho z'Ijambo ry'Imana.
- 3) Gushyiraho icyumweru cyo kwipimisha virusi itera SIDA, amezi yose, icyumweru kimwe, cyangwa gushyiraho ukwezi kwahariwe kwipimisha.
- 4) Gushyira mu bitangamakuru akamaro ko kwipimisha ubwandu bwa Virusi itera SIDA, abayobozi mu Itorero babitangamo urugero.²⁵

2.3. Ibikorwa n'icyerekezo by'Idini ya Isilamu

Idini ya Isilamu ishyira imbere inyigisho z'ubuzima bwa Roho n'umubiri hamwe. Ijambo Isilamu rikomoka ku ijambo "*salama*" bivuga, amahoro, umutekano naho Abasilamu bikavuga "*kubaha Imana imwe ariyo Allah*."²⁶

Iyo umuntu yemeye ubushake bw'Imana yumva atekanye kandi aguwe neza. Akemera ko Imana ari umuremyi w'ibiriho n'ibizabaho kandi ko ifite ubushobozi ku kintu cyose. Imana irema isi ntiyashatse ko ibaho mu midugararo; ahubwo yoherereje abantu abahanuzi, kugira ngo babayobore. Ibaha kandi Ikorowani (CORAN) ivuye mu ijuru. Niyo mpamvu rero Isilamu na Korowani bishingira ku kubaho neza bigatanga n'ingamba zo gukemura ibibazo by'ubuzima. Imana yatanze uburyo bwo kubaho budakumira uruhande na ruto rw'imibereho yacu, byaba umwuka, ubugingo n'umubiri. Imana yaravuze muri Korowani iti: "Naremye abamalayika n'abantu ngo bandamyeye. Niyo mpamvu Islamu yigisha abayoboke bayo n'imiryango yabo kwiyitaho nk'abantu buzuye, ibyo bivuze ko bafite itegeko ryo gufata imiti igabanya ubukana birinda kuvuguruza Imana yabo Allah. Intumwa y'Imana Muhamadi yaravuze ati: "N'ibyigiciro kinini kwivura ukoresheje Korowani ariko ni iby'ingenzi kandi gusobanukirwa ko byemewe bikaba byaba itegeko kwisuzumisha kwa muganga bitewe n'indwara iyo ariyo. Nkuko umubiri wacu ari mpano y'Imana, tugomba kwiyitaho mu cyubahiro no gutuma uhora tumerewe neza. Nk'uko twabivuze ko Isilamu ifata ubuzima ku mpande zombi (umubiri na Roho). Nta vuguruzanya ryagombye kubaho hagati yo kwitabaza ubumenyi bw'abaganga no gusenga Imana igihe urwaye. Niyo mpamvu Korowani na Suna y'intumwa y'Imana Muhamadi bagira inama abantu zibafasha kubikoresha byombi, kwivuzi no gusenga.

Islamu itegeka abayoboke bayo kwita ku buzima n'imibereho kugira ngo barangize ubutumwa bwabo hano mw'isi no guha ubuzima umwanya wa mbere bashingiye kuri Korowani n'inyigisho za Islamu. Intumwa y'Imana Muhamadi avuga ku kubungabunga ubuzima no kwirinda indwara iyo ariyo yose yaragize ati: "Mwivuze, Imana yaremye indwara, yayiremeye n'umuti" (kugirango uwuzi azawukoreshe: MUGANGA). Idini ya Islamu iha agaciro ibikorwa by'ubuvuzi mu kwirinda no kuvura indwara.

2.4 Uruhare rw'abayobozi b'amadini n'amatorero mu gushishikariza abafite ubwandu bwa virusi itera SIDA gufata imiti igabanya ubukana

1) Kuba intangarugero mu guhashya SIDA

Dukurikije igipimo icyorezo cya SIDA kiriho, abayobozi b'amatorero bagombye kuba biteguye gusubiza ibyo abayoboze babo babaza; kugirango babigereho, bifashisha ibyanditwe muri Bibliya na Korowani bifitanye isano no kurinda indwara. Bagomba kubisesengura neza atari ukubihuza gusa n'igihe barimo ahubwo banabihuza n'ubukana icyorezo kiriho, aho SIDA isigaye ari ikibazo rasange cyugariye isi, kikanagira ingaruka mu muryango, mu mibanire, ubukungu, ubuyobozi n'ivugabutumwa.

2) Uruhare rwa Bibliya mu kumva ko Virus itera SIDA yakizwa no gusenga

Turifashisha amagambo dusanga muri Bibiliya: 2Abami 5:1-14

- Yohana 5:1-9

2 Abami 5: 10-11: Elisa yohereza intumwa kumubwira ngo: "Genda wiyuhagire muri Yorodani karindwi, umubiri uzasubira uko wari mbere." Namani abyumvise ararakara, arivumbura ati: "Naboze ngira ngo ari busohoke ahagarare atakambire Izina ry'Uwiteka Imana ye, arembarembye n'intoki hejuru y'ibibembe ngo ankize."

-Bamwe mubanduye virusi itera SIDA, bagira ubwoba n'isoni zo kujya kwisuzumisha kwa muganga bagahitamo kujya mu byumba by'amasengesho, bagasengera abandi kuko bakeka ko bo bameze neza (batanduye).

- (Reba ubuhamya N°1)

Yohana 5:7-9: Umurwayi aramusubiza ati: "Data-Buja, simfite umuntu unjugunye mu kidendezi iyo amazi yibindurije, nkiza undi antanga kumanuka mo." Yesu aramubwira ati: "Byuka wikorere uburiri bwawe ugende." Muri ako kanya uwo muntu arakira yikorera uburiri bwe aragenda. Uwo muntu yamenye ko arwaye maze asaba ubufasha. Uru nirwo rugero abantu bagombye gukurikiza kubafite ubwandu bwa Virus itera SIDA.

2.5 Umwitozo ngiro 1: Akamaro k'inyigisho zihabwa Abayobozi b'amatorero ku bwandu bwa Virusi itera SIDA

A) Iseengura ry'ubuzima bwa Yobu

Ingengabihe y'ibikorwa	Ibikorwa n'abazabikora	Ibyagezweho	Andika aho tubisoma muri Bibiliya
Icyumweru cya mbere	Umushumba n'Amatorero	-Vuga itariki -Ahantu -Insanganyamatsiko n'ikigamijwe mu nyigisho y'ubutaha mu bukangurambaga no gushishikariza abakiristo ingamba yo kurwanya ubwandu bwa Virusi itera SIDA	
Saa mbiri kugeza Saa yine	1. Aho dutangiriye	Yobu yari Umugabo ukomeye w'indakemwa kandi wubaha Imana yari umuntu ufite amashyo n'Abagaragu -Yari afite abahungu 7 n'abakobwa 3 -Yari azwi cyane mu bantu bose bari baturiyeye umugezi wa Ewufarati -Yafashaga abakene, Imfubyi n'Abapfakazi -Abafite ubumuga bwo kutabona n'ubw'amaguru -Hanyuma akanga urunuka akarengane, gusenga ibigirwamana, uburiganya, ubusambanyi kandi ntagambirire ikibi.	
	2. Habaye ikihe kibazo nyamukuru	Ese koko Imana yaba ishyikirana na Satani (Sekibi)? -Ese ibyago byaba buri gihe ari igihano cy'Imana?	
	3. Nyirabayazana (impamvu) yari iyihe?	-Kubera ishyari, Satani yareze Yobu imbere y'Imana avuga ko Yobu adakiranukira Imana aramutse ari mu kababaro -Yobu yanyuze mu bigeragezo byinshi	

Ingengabihe y'ibikorwa	Ibikorwa n'abazabikora	Ibyagezweho	Andika aho tubisoma muri Bibiliya
	4.Ibyago yagize	<ul style="list-style-type: none"> -Umugaragu yaje amumenyesha ko amatungo ye yose yapfuye -Undi aza aje kumubwira ko abana be bose bapfuye -Yobu yarwaye ibibyimba -Umugore wa Yobu yamusabye gutuka Imana -Inshuti ze eshatu zamushinje ko yacumuye ku Mana,ko agomba guhanwa kuko Imana yitura ineza abakiranutsi igahana abanyabyaha itababariye n'umwe -inshuti ye ya kane Elihu ashinja Yobu gupfobya urukundo rw'Imana 	
	5.Ingaruka	<ul style="list-style-type: none"> Yobu arahaguruka ashishimura imyambaro ye nk'ikimenyetso cyo Kwiraburira abana be bapfuye -Nubwo yari mu kababaro, Yobu yashimye Imana itanga ikanisubiza 	
	6.Uko byarangiyeye	<ul style="list-style-type: none"> -Hanyuma Imana iravugaga ndetse ikemura impaka:-Yeretse Satani ko umukozi wayo Yobu yayibereye intungane mu gihe cy'imibabaro -Yamushumbushije imuha umuryango kandi ikuba kabiri ubutunzi bwe, kuko Imana ari inyembabazi kandi igira impuhwe -Imana kandi yahamirije Yobu ko yahisemo neza igihe yagaragazaga ko ayubashye, ku bw'ibyo Yobu abarwa nk'umuntu w'intungane kandi wapfuye neza 	

B. GUSHYIRA MU BIKORWA UBUNARARIBONYE MU MATORERO

INGENGABIHE Y'IBIKORWA	IBIHE BY'INGENZI	UBUHAMYA	KWANDIKA IBIKORWA RUSANGE BIKOZWE N'UMWANDITSI WIZEWE
Saa yine kugeza Saa sita	1. Ubunararibonye	Ubona iki? Haravugwa iki?n'ibiki biriho ubu bivugwa ku bwandu bwa virusi itera SIDA	Gukora incamake ikandikwa ku kibaho
	2.Isesengura	Twabigezeho gute?	Gukora incamake ikandikwa ku kibaho
	3.Ni bande bizabazwa?	Ni bande bagenewe ku bikora, mbega babibazwa muri icyo gihe? -Mbese haba harimo uruhare rw'Imana?	Gukora incamake ikandikwa ku kibaho
	4.Gusesengura no kubiganiraho	-Kuki ibintu bimeze gutya muri iki gihe? -Ninde ugenzura?	-Andika ibyatahuwe, ibibazo n'ibisubizo by'ingenzi -Gukora incamake yumvikanyweho kandi yandikwe ku kibaho
	5.Ibyo gutekerezaho	-Hakozwe iki? Hasigaye iki mu kwirinda ubwandu bwa virusi itera SIDA	Gukora incamake yumvikanyweho kandi yandikwe ku kibaho
	6.Igikorwa	-Tugiye gukora iki?	Gukora incamake
	7.Umwanzuro	-Gusoma incamake n'imyanzuro yafashwe	Gutanga inyandiko isoza ku bitabiriye no gukomeza kuyigeza ku bandi mw'Itorero

B) Uyu mwitoto ushobora gukomeza hifashishijwe uburyo buvuzwe hejuru, urugero: 1Samweli 1:4-20

C) Kuyobora ibiganiro mu matsinda kugira ngo umusaruro uvuyemo baze kuwugaragariza abandi bitabiriye

1. Dushingiye ku byagaragajwe I.4, Abayobozi b'Amadini n'Amatorero barasabwa, kugaragaza amasomo yaba intangarugero afite ingero mbi za kwirindwa dufashe urugero ku nkuru ya Yobu n'inshuti ze dushingiye na none ku nkuru ya Yobu twatinda cyane ku ngero mbi zirimo kuvuga abantu bafite ubwandu bwa virusi itera SIDA hakibazwa ibibazo bikurikira:
 - Mbese ubwandu bwa virusi itera SIDA n'igihano cy'Imana? Niba aribyo, kuki? Niba ataribyo kuki?
 - Niba Yobu yarakijijwe n'Imana ni mu buhe buryo Imana, yegera abantu bafite ubwandu bwa virusi itera SIDA ngo ibakize?
 - Mu muco w'Abayuda, indwara nk'iya Yobu yahabwaga ubusobanuro bw'umuvumo uturutse ku Mana.
 - Abashumba n'abandi bantu, bafashwa gute kudacira imanza abanduye virusi itera SIDA baregwa kutizera Imana by'ukuri nk'uko inshuti za Yobu zabikoze, bahamya ko uburwayi bwe wari umuvumo n'igihano by'Imana?
2. Gerageza gukora inyandiko y'incamake igaragaza imyanzuro iha agaciro igikorwa cyo kwipimisha ku bushake, gukumira no kuvura, hakoreshwa imiti igabanya ubukana bwa virusi itera SIDA nk'uko abaganga babisaba, hanyuma abayobozi b'amadini n'amatorero bagatanga ubundi bufasha kuribo, bushingiye ku mibanire, ubukungu n'ubuzima bw'umwuka.

IGICE CYA KABIRI:

UMUMARO W'ABAYOBOZI B'AMADINI N'AMATORERO MU KUMENYA NO KURWANYA VIRUSI ITERA SIDA

UMUTWE WA 3

IMYITWARIRE Y'ITORERO YATUMA HABAHO GUKIZWA N'IBITANGAZA UBWANDU BWA VIRUSI ITERA SIDA

Abantu bose bafite ubwandu bwa virusi itera SIDA, baba bibuka igihe bahuye n'Imana bwa mbere uko byari bimeze, urugendo bakoze n'ubuhamya butandukanye bw'igihe bemeye Imana mu mibereho yabo. Bagiriwe ubuntu n'Imana bagomba nabo gukora uko bashoboye kugira ngo abandi binjire muri ubwo buzima bushya!

Muri make guhamya Imana ni ukuyubaha! Ubuhamya n'umuyoboro wo kwamamaza ubutumwa bwiza. Ni umwanya mwiza wo kubaka mugenzi wawe. Ni uburyo kandi bwo kwibuka ko mugenzi wawe ari isoko y'ubumenyi n'umucyo ukuraho umwijima n'ubujiji. Imana ishaka ko duhamya gukomera kwayo kugira ngo tumenyekanishe izina, imbaraga n'urukundo byayo.”*Muzambere abahamya i Yerusalemu n'i Yudaya muri Samariya no kugeza ku mpera z'isi* (Ibyak.1:18)

Umutwe wa gatatu ugaragaza ubuhamya bwiza bwafasha abantu benshi bihebye n'abigunze.

Uyu mutwe ugaragaza ubuhamya butatu muri bwinshi bwatanze mu mwiherero wabereye i Kigali, ubwo buhamya n'umusaruro w'uruhare rw'Abayobozi b'inzego z'ubuzima n'izindi nzego z'ubuyobozi babashije kwegeranya imbaraga mu rwego rwo kubungabunga abafite ubwandu bwa virusi itera SIDA no kubaha ubufasha mu buzima.

3.1 Ubuhamya bw'ababana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA

Ubuhamya bwa mbere buravugaga ku gukira bitewe no kwizera bifatanyije no gufata imiti igabanya ubukana bwa virusi itera SIDA (ARV). Naho ubwa kabiri burerekana ukuntu umubabaro wo ku mutima no ku mubiri bishobora gutuma umuntu yanga uwo akeka ko ariwe wamwanduje cyangwa watumye yandura. Ubwa gatatu buvugaga inzitizi zikunzwe guterwa n'amatorero ku bijyanye no "gukira kubwo kwizera", aba arwanyaga ifatwa ry'imiti igabanya ubukana bwa virusi itera SIDA.

3.1.1 Ubuhamya nimeru 1: Umugore ubana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA kuva mu mwaka wa 2004

Umugore ukomoka mu gihugu cya Kongo yatanze ubuhamya avugaga ko abana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA kuva mu mwaka wa 2004. Kugirango amenyeye ko yanduye virusi itera SIDA byatewe n'uburwayi bw'umwana we. Umwana we yararwaye amushyira musaza we w'umuganga wakoreraga ku bitaro bya Uvira (Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo). Yatunguwe n'uko muganga yasanzwe uwo mwana yaranduye virusi itera SIDA.

Uwo muganga yasabye mushiki we ko yatanga ikizamini kugira ngo barebe ko nawe yaba yaranduye. Ibisubizo byerekanye ko nawe yanduye. Akimara kumenya icyo nkuru mbi yahise abibwira muramukazi we wari wamuherekeje ku bitaro. Uwo muramukazi we ntiyabyemeye ahubwo avugaga ko abafomoro bashobora kuba bibeshye nubwo umwana we yararwaye kandi arembye. Uwo mugore yagaragaraga nk'ufite ubuzima bwiza. Muramukazi we yakomeje kubihakana ndetse anamugira inama yo kudafata imiti igabanya ubukana. Mbere y'ibyo yari yabanje kumubwira ngo bajye ku rusengeru abakristo basengere uwo mwana we.

Umugabo w'uwo mugore yari afite abandi bagore. Umugore yahise amenyeshya umugabo we ko ari we ndetse n'umwana we banduye virusi itera SIDA. Yatangajwe ni uko uwo mugabo we yahise amubwira ko abizi ko nawe abana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA. Byaramubabaje cyane kubera ko yamuhishe icyo kibazo yari afite kandi bari bamaze imyaka 4 babana. Umugabo yafataga imiti igabanya ubukana yihishe. Uwo mugore yigumiyeye mu butamenya bwe akomeza kujya mu masengesho yo ku rusengeru, yanga gukurikiza inama agirwa n'abaganga ndetse n'izo yagirwaga na musaza we.

Nyuma y'amezi make, yasamye indi nda, umugabo we amuhatira gufata imiti igabanya ubukana bwa SIDA, kugira ngo bizamufashe kwirinda kwandura umwana atwite. Uwo mwana afite imyaka 9 kandi bamurinze kwandura virusi itera SIDA. Uwo mugore we yakomeje kwanga gufata imiti igabanya ubukana.

Asamye indi nda, yahisemo kujya kwivuriza ku bindi bitaro ahari abaganga batazi ko abana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA. Ariko nyuma y'igihe gito, yararwaye araremba ahakwa no gupfa. Ibyo byatumye afata icyemezo cyo gusubira kuri bya bitaro yivurizagaho mbere ari nabyo byari byamufashije ku mwana we wa mbere. Yari afite intege nke kandi atanakibasha kurya. Agahinda

kamubanye kenshi amaze kubyara agasanga umwana we yavutse afite 1.600 kg. icyatangaje ni uko uwo mwana yashoboye kubaho bitewe n'imiti igabanya ubukana yari yarafashe.

Ibyo byatumye uwo mugore yemera ko amasengesho yonyine adashobora kugira icyo ahinduye ku buzima bw'abantu babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA. Yahise atangira gufata imiti. Kandi iyo miti yamugiriye akamaro cyane. Arashima Imana ko akiri muzima akanayisingiriza impano nziza y'ubuzima yamuhaye. Uwo mwana wa 2 ubu afite imyaka 3 kandi nawe bamurinze kwandura virusi itera SIDA. Nkuko inkoni ya Mose yakoreshejwe ibitangaza hagati y'ubwoko bwa Isirayeli, igitangaza cy'uwo mugore kwabaye gushobora kubona imiti igabanya ubukana bwa virusi itera SIDA, uko ni ko yashoje ubuhamya bwe.

3.1.2. Ubuhamya nimeru 2: Umwana w'umukobwa wanduye agashobora kugira icyizere no kubababarira ababyeyi be

Umwana w'umukobwa w'umunyarwandakazi yamenye ko abana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA afite imyaka 16. Byatumye arakarira cyane Imana, ababyeyi be n'abo babana bose. Yari umukobwa ubwirukanye umubabaro mwinshi. Nyina yari yarapfuye azize SIDA, ariko nta muntu numwe wigeze umubwiza ukuri ku byabaye.

Ise yari umusinzi kandi akanahohotera abantu bose. Ibyo byatumye umukobwa we abaho ubuzima bubi. Umunsi umwe uwo mukobwa yafashe icyemezo cyo kubwira se ukuri akamubwira agahinda afite. Amubwiye ko yanduye virusi itera SIDA, ise yamweretse ko bimubababje, anamushishikariza kwivuzza. Yatangajwe cyane ni uko se ahindutse/ atamwutse inabi kuko yari yabanje kugira ngo nabimubwira arahita amwica. Ahubwo se yamuteze amatwi atuje.

Abagize umuryango we babonye ko amaze gukura kandi yitaye ku buzima bwe bamuhishuriye ko nyina yishwe na SIDA. Undi muntu nawe yamusobanuriye uko musaza we yishwe na SIDA kubera ko yari yahagaritse gufata imiti igabanya ubukana bitewe no kubura amafaranga yo kuyigura. Nyamara musaza we muto nta bwandu bwa virusi itera SIDA yari afite. Ibyo byatumye yumvako kubana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA ari ikintu agomba guhangana nacyo. Yatangiye kwibaza ibibazo byinshi: Nzakomeza kubaho gute? Mbese nzashobora kubaka urugo/gukora ubukwe? Ese abo tubana bamfata gute?

Mu bihe by'umwijima mu mutwe he huzuyemo ibitekerezo bibi, yumvaga yiteguye kwica se, yamushinjaga ko ariwe wanduje nyina nubwo nta kimenyetso yari abifiye. Ariko amaze kwakira agakiza, Imana yamufashije gukunda se. Yaratinyutse amusaba imbabazi. Uno muni, bose babana mu nzu. Yavuze ashimi-shwa ni uko se akomeje kumwitaho kandi abigirana urukundo no kwicisha bugufi.

Ku bw'uwo mukobwa, kwizera bigeza umuntu ku yindi ntera yo gukira adashobora kugezwaho no gufata imiti igabanya ubukana. Izo ni zo mbaraga z'imbabazi zituma abantu bashobora kwiyunga no kwihanganirana. Iryo ni ryo sano riri hagati yo "gukira kubwo kwizera" n'ubwandu bwa virusi itera SIDA.

Kuticira urubanza no kubabarira abandi ibyo byombi nibyo myitwarire izanwa no kwizera itagira icyo ihuriraho no gufata imiti igabanya ubukana (ARV). Mu kwizera Imana hariho ibyiringiro byo kubaho. Bitewe n'icyo cyizere, uwanduye aba yiteguye gufata imiti igabanya ubukana akurikije amabwiriza ahabwa n'abashinzwe iby'ubuvuzi.

3.1.3 Ubuhamya nimeru 3: Inzitizi ku *"gukira kubwo kwizera"* ziterwa n'amatorero amwe namwe

Umugore ukomoka muri Kongo yatanze ubuhamya avuga ko mu gihe yari atwite umwana we wa kabiri, yasengeraga mu itorero ry'ububyutse. Umunsi umwe, pasiteri wabo amaze kubwiriza no gusoza amateraniriro, amutumaho undi mugore basengana ngo amubwire ko agomba kumuha amafaranga kubwa amasengesho amusengera, ngo natayamuha azabyara bigoranye. Yamwemereye kumusengera akanyiriza ubusa kugira ngo akire. icyatangaje uwo mugore ni uko uwo mupasiteri atamenye ko abana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA!

Uwo mugore yanze kwemera ubusabe bwa pasiteri yanga no kumuha amafaranga. Yafataga buri munsi imiti igabanya ubukana akajya no kwisuzumisha kwa muganga. Ibyo byatumye abona ko kenshi abagore bagwa mu mutego w'ubuhanuzi bw'ibinyoma byavuzwe n'abayobozi b'amatorero, baba bafitiye icyizere.

Kubw'uko mugore wa 3, ubutumwa buganisha ku *"gukira kubwo kwizera"* butuma abagore bashobora kugwa mu mutego. Ahubwo kuba abagore bafata imiti igabanya ubukana bwa SIDA bashobora kubwira abana batanduye ari itangiriro ryo gukira kwiza. Ubuhamya bwabo iyo babusangije abandi, bituma n'abari bagishidikanya badashaka kwipimisha ngo bamenye uko bahagaze nabo bashobora gufata icyemezo cyo kwipimisha. Ariko kubera ko umubare munini w'abagize amatorero usanga ari ab'igitsina gore, bituma bamwe muri bo baba bagishobora kugwa mu mutego wa "abagabo n'abagore biyita abakozi b'Imana".

Yanzuye asaba ko byaba byiza umuntu adategetswe kubwira abandi uko ahagaze ku bijyanye n'ubwandu bwa virusi itera SIDA, mu rwego rwo kwirinda kuba bamuha akato, hakaba hanabaho kubishingiraho bashaka kumugirira nabi cyangwa kumurya utwe. Ariko byaba byiza kubibwira abantu bizeye kandi bashobora kubafasha kwivuzi. Atari ibyo kumenya uko umuntu ahagaze ku bijyanye n'ubwandu bwa virusi itera SIDA ni ikintu kireba umuntu ku giti cyo kandi si ngombwa kubisangiza uwo ari we wese, keretse abantu b'abizerwa.

3.2 Ku bakristo, ubuhamya bw'ukuri ni kintu gikomeye

Gusangiza abandi kwizera no kwakira agakiza muri Yesu Kristo ni uburyo bwiza bwo kwamamaza Inkuru Nziza nkuko Yesu abidusaba.

Birakenewe rero ko abakristo basangiza ubuhamya bwabo, bagenzi babo basangiye itorero ndetse n'abo babana nabo, bw'ukuntu bakize kubwo kwizera indwara cyangwa gucika intege ku bw'ibibazo by'ubuzima bikomeye bahuye

nabyo. Ni uburyo bwo gutera abandi intege bashobora kuba nabo bari muri ibyo bibazo. Nkuko byanditswe ngo « *Acyikira mu bwato, wa muntu wari utewe n'abadayimoni aramwinginga ngo bajyane, ariko ntiyamukundira ahubwo aramubwira ati: "Witahire ujye mu bantu banyu, ubabwire ibyo Imana igukoreye byose n'uko ikubabariye". Aragenda, atangira kwamamaza i Dekapoli ibyo Yesu yamukoreye byose, abantu bose barumirwa» (Mariko 5:18-20).*

Ibi bitwibutsa ko gutanga ubuhamya k'umukristo, ari ubundi buryo bwo kwiyibutsa urukundo Imana idukunda. Iyo twibukiranya ubadahemuka bw'Imana dusubizwamo intege kandi tukanakomezwa. Gutanga ubuhamya mu bakristo byagereranywa no kwikorera isuzuma ku byo umuntu ataba asobanukiwe ku bijyanye no kuvura ubwandu bwa virusi itera SIDA no gushishikariza ababwumva kutizera inyigisho zifitanye isano no "gukira kubwo kwizera", ahubwo bakagira imigenzo myiza yo guhuza ukwizera n'ubuvuzi bugezweho.

Abayobozi b'amatorero bagomba kwiyumvishako kwizera Yesu Kristo bitanga imbaraga z'imbabazi, z'ubwiyunge, zo kwemera kubana n'abandi, zo kuticira urubanza no kugumana icyizere cy'ubuzima. Ariko byumvikane neza ko ntakwemera ko "gukira kubwo kwizera" ari bwo buryo bwizewe bwo gukoresha mu kurwanya ubwandu bwa virusi itera SIDA.

Ikindi nacyo hagomba kwirinda guhuza virusi itera SIDA n'icyaha cya Adamu, abo bayobozi bagomba kuba aba mbere bashishikariza abayoboze babo kwipimisha ngo barebe ko baba babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA.

3.3 Inyigisho za tewolojiya ku bayobozi b'amatorero no gushyiraho uburyo bwo gufasha muri gahunda yo guhangana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA

Inyigisho za tewolojiya zitegura abayobozi b'amatorero ku buryo bwo gukoresha impano zabo, uburyo bwo gukora umurimo no kugira impuhwe. Ni yo mpamvu hashingiwe ku bushobozi n'ubumenyi by'abayobozi b'amatorero biba bishoboka ko bashobora gushyiraho uburyo bwo gufasha no gukurikirana abayoboze babo.

3.3.1 Akamaro k'inyigisho za tewolojiya zihabwa abayobozi b'amatorero

Inyigisho za tewolojiya zihabwa abayobozi b'amatorero no kugezwaho amakuru ku bijyanye n'ubwandu bwa virusi itera SIDA, byombi bibategurira kugera ku rwego rwo kudafatira ibintu byose mu by'umwuka no kubonera ibisubizo ibibazo by'ubuzima bifitanye isano n'ubwo bwandu mu matorero ndetse n'ahandi hantu hahurira abantu. Niyo mpamvu bakagombye gufasha abayoboze babo gusingiza Imana isumba byose ikorera mu mutuzo ikanasubiza amasengesho yabo. Abo bayobozi bagomba kandi gufasha abaganga kugeza imiti igabanya ubukana bwa virusi itera SIDA ku bayikeneye kugira ngo icyizere cy'ubuzima kigaruke mu miryango.

Urugero rwa Yobu rudushishikariza kugira imyitwarire yo gushima no gusingiza Imana nubwo twaba turi mu bihe by'umubabaro ukabije. Yabivuze ati: « *Ariko ari jye ubu mba nshatse Imana, kandi Imana nkaba ari yo negurira ibyanjye. Ni yo ikora ibikomeye bitarondoreka, n'ibitangaza bitabarika* » (Yobu 5:8-9). Iyi myitwarire yakagombye gutuma abantu bemera ko abantu babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA bashobora kubaho ubuzima bwiza igihe cyose bazabaho batibanda cyane ku bibazo barimo ahubwo bagahitamo gukomeza kubaho nk'abandi bantu bose. Inyigisho za tewolojiya zitegurira abayobozi b'amadini kugirango bashobore kumva neza ko ubwandu bwa virusi itera SIDA atari indwara igomba guhita yica umuntu uwo mwanya.

Haherewe ku byavuzwe hejuru, ubwandu bwa virusi itera ntibwakagombye kuba bugifatwa nk'ikintu kitavugwa. Ahubwo cyakagombye kuba ikintu cyigishwa abantu bose n'ahantu hose, kuva mu mashuri abanza kugeza muri kamunza, mu nama zisanzwe ndetse n'izo mu matorero. Abayobozi b'amatorero bahawe ubutumwa bwo gufasha bayoboze babo kumva ko Itorero ari itsinda ry'abantu badatandukanwa (abayoboze bakuze, abaganga, abarimu, ababyeyi, urubwiruko, abakobwa n'abahungu ndetse n'abayobozi b'amatorero ubwabo...) kandi bose bagomba kugira uruhare mu kwirinda no kurwanya ubwandu.

3.3.2. icyo aumonerie zongera mu rugamba rwo kurwanya ubwandu bwa virusi itera SIDA

Hashize imyaka 37 havumbuwe virusi itera SIDA kandi aumonerie zo zabayeho imyaka mbere y'uko havumburwa virusi itera SIDA. Ikibazo hano si ugushyiraho aumonerie, ahubwo ni ukwerekana icyo aumonerie ishobora kongera ku birebana na virusi itera SIDA.

Aumonerie ni ahantu hahurirwa n'abantu bagasangira ibitekerezo by'imyemerere ndetse no ku zindi ngingo zirebana n'ubuzima bw'abayoboze bamurikiwe n'Ijambo ry'Imana n'indangagaciro zibaranga. Aumonerie zigomba kuba mu masangano y'umuryango, y'itorero cyangwa umusigiti n'ahandi hantu abantu bahurira. Aumonerie ni « *ahantu abantu badatinda banyura bagenda, bakirwa neza kandi ku buntu, bakabatega amatwi nta kubacira urubanza. Abantu barahakirirwa kandi bakubabwira uko bari kugirango bashobore kuvuga ikibarimo bisanzuye, bakemera icyo bari cyo kandi mu bwubuhane. Abayoboze bakeneye ko babatega amatwi, bakumvira kandi bagakundwa, hanyuma, ku bw'ibyo byababayeho, bagashobora kubaho ubuzima bwa gikristo cyangwa kisilamu. Hagomba kandi kuba ahantu ho gutegurirwa ibikorwa, gutegura imishinga, gufatanya n'abandi mu bikorwa bikorewe hamwe, kuhafatira inshingano no kwitoza kubana n'abandi²⁷*».

Ahatangirwa inyigisho n'ubufasha bwa gikristo (Aumonerie), nk'ahandi hantu hose, ni ahantu ho gutekereza, ho guhanganisha ibitekerezo n'amahitamo. Ni ahantu abantu bagendera hamwe bakiga kugira amakenga, bagatangira kugira ubushishozi mu isi ihuriramo ibyifuzo byinshi kandi bitandukanye bishobora gutuma umuntu ayoba inzira. Aumonerie ni ahantu hatuma umuntu avumbura urundi rwego rwo "gukira ku bwo kwizera" mu bihe bikomeye,

ibikorwa by'ubufatanye, n'amahuriro mpuza-matsinda. Ni ahantu biba bishoboka kunezererwa ibihe by'ingenzi by'ubuzima, nk'ivuka ry'umuntu, ubukwe ndetse n'urupfu.

Icyo aumonerie yongera mu kwirinda no kurwanya ubwandu bwa virusi itera SIDA kiragaragara neza. Ibi bigaragazwa n'amashyirahamwe menshi ako-rera mu bihugu bitatu byo mu karere k'ibiyaga bigari: Burundi, Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo n'u Rwanda. Nk'urugero, hashobora kuvugwa:

- **Amashyirahamwey'abakangurambaga bigisha abarwayi uburyo bwiza bwo kubana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA:** afite intego yo guteza imbere uburezi, iterambere n'ikwirakwizwa ry'ibikoresho n'imfashanyigisho, mu bijyanye no kwigisha abarwayi uburyo bwo kubanan'uburwayi;
- **Amashyirahamwe y'iterambere ry'ubuvuzi bwunganira:** ayo mashyirahamwe afite intego yo gufasha abarwayi barimo kunyura mu bihe bikomeye by'uburwayi cyangwa bagereje urupfu;
- **Ihuriro ryo kurwanya ubwandu bwa virusi itera SIDA:** ayo mashyirahamwe yiyemeza gushyigikira kwirinda no kurwanya ubwandu bwa virusi itera SIDA n'izindi ndwara *zandurira mu mibonano mpuzabitsina, n'umwijiima*.

Ariko, hari ibindi bikorwa byinshi, aumonerie ishobobora gukuramo ibitekerezo byayifasha mu rwego rwo gufasha abayobokeye bayo, ndetse n'abantu baho ikorera, kwirinda no kurwanya ubwandu bwa virusi itera SIDA mu bihugu byo muni y'ubutayu bwa Sahara bikoresha ururimi rw'igifaransa.

3.3.3. Ibyuho bimwe na bimwe bigaragara mu gisubizo cyo « gukira ku bwo kwizera »

Indanga gaciro z'ingenzi za aumonerie ni: kubaha ubudahangarwa bw'abantu n'uburenganzira bw'abayobokeye bese. Kubaha ibitandukanya abantu mu mi banire, mu myemerere no mu mucu; kwemera ko buri munyamuryango afite ubushobozi bwo kubaho nk'umugabo cyangwa nk'umugore mu muriyango we, mu idini rye no mu bandi bantu. Ku bw'ibyo ubufasha ni cyo gikorwa cy'ingenzi mu nshingano za aumonier.

Ibyo aba aumoniers bashobora gufashamo abantu babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA ni byinshi. Harimo « *ubufasha (mu myemerere no mu rukundo), mu guhangayikishwa n'iby'ubuvuzi bijyane n'uburwayi bwo mu mutwe, bw'amafaranga n'ubw'ibintu, bwo kubona aho gutura hatunganye, bwo kwinjizwa nu gubuza abagize umuryango, no kwemera kugaragaza urubare rwe nk'umuntu w'umwizerwa wakira amabanga akomeye y'umuntu umugana*²⁸ », igihe bari kumwe, barebana, nta bwoba kandi bakeye mu maso.

Gutyo aumonier ntagomba kwirengangiza icyo bamubwiza ukuri, ahubwo agomba kwerekana aho ahagaze akagira icyo abivugaho kandi agatanga n'inama ziboneye ku bayobokeye be. Ntagomba kwirengangiza uburemere bw'ikibazo yahuye nacyo n'ibyemezo bikomeye bigomba gufatwa, kugira ngo haboneke

igisubizo nyacyo kandi kirambye, by'umwahaiko mu kwirinda no kurwanya virusi itera SIDA.

Ku bijyanye n'uruhare n'ibyo agomba kuba yujuje, aumonier ni padiri, pasiteri, imam cyangwa umulayiki, woherejwe n'itorero cyangwa umusigiti ku itsinda ry'abantu cyangwa icyiciro cy'abahuje imibereho bitewe n'icyo bakora, kugirango babafashe gukemura ibibazo byabo. Ni umuntu usangira n'abo agomba gufasha umubabaro n'umunezero, imishinga n'ibyemezo.

Abafasha mu nzira yo kwizera no mu mahitamo yabo y'ubuzima, akabikora abatega amatwi, abayobora akanabigisha. Muri ma make, inshingano za aumonier ni « *gutanga ibisubizo ku bijyanye n'iby'umwuka n'imyemerere ndetse n'imitungo by'abantu bari mu bihe by'umubabaro n'imiryango yabo, no gufasha mumyitwarire/moralement no buryo bw'umutungo/ materiellement abayoboke be*²⁹ ».

Agomba kandi kwigisha no kugira inama abamugana, rimwe na rimwe n'imiryango yabo, ndetse n'abo bakorana uwo murimo. Ikindi nacyo agomba kugira no guteza imbere imibanire y'ubwizerane hagati ye n'abamugana, mu kubatega amatwi, kubahumuriza no kubatera intege. (Yesaya 40:11-12).

3.3.4. Ibyuho bimwe na bimwe bigaragara mu ishyirwaho n'imikorere ya za aumonerie, mu mashuri no mu bitaro mu guhangana n'ikibazo cyo « *gukira ku bwo kwizera* »

Ni ukuri, mu mashuri amwe ndetse n'ibitaro, aumonerie zihamaze imyaka myinshi. Ariko haracyaburamo byinshi bituma badashobora kubonera ibisubizo ikibazo giterwa no « *gukira ku bwo kwizera* » mu bijyanye n'ubwandu bwa virusi itera SIDA.

Mu bihugu bitandukanye by'Afurika yo munsu y'ubutayu bwa Sahara bikoresha ururimi rw'igifaransa, hafashwe ibyemezo byinshi mu myizerere mu rwego rwo guhuza ubuvuzi bugezweho no « *gukira ku bwo kwizera* » mu kibazo cy'ubwandu bwa virusi itera SIDA. Muri ibyo byemezo harimo gushyiraho aumoneries mu mavuriro no mashuri. Ibikorwa bya aumonerie bifasha abantu bari mu bitaro cyangwa abadafite uburenganzira bwo kujya aho bashaka, gushobora guterana/ gusenga.

Kubw'iyo mpamvu, ivuriro ryakagombye “*kubahiriza imyizerere n'imyemerere by'abantu ryakira. Mu mavuriro ya leta, buri muntu wese yakagombye kuba ashobora gukora ibikorwa bijyanye n'imyemerere ye, kujya mu materaniro (gushobora kwiberera asenga, kubona ushinzwe kuyobora amateraniro wo mu idini rye, ibyo kurya, gukora no kuvuga icyo ashatse mu mudendezo, ibijyanye no gushyingura...)*. Ariko, kugaragaza imyizerere ntibigomba kubangamira imikorere, ibikorwa by'ubuvuzi, amategeko y'isuku, umutuzo w'abandi barwayi n'abandi bantu babari hafi”³⁰.

Ubutumwa bw'ingenzi bwa aumonerie mu bitaro bwibanda mbere na mbere ku barwayi no ku kugubwa neza kwabo. Izo nshingano ni “*gusura abarwayi bari mu bitaro babisabye no gufasha imiryango yabo n'inshuti za hafi z'abarwayi. Hanyuma agategura amateraniro, akaba n'umubuza hagati y'abavuzi n'abarwayi. Yiyemeza kandi gufatanyaga, gukorana no guteza amatwi abavuzi. Kubera ubushobozi afite, yigisha*

*abavuzi ibikorwa by'ubuvuzi byunganira, gufasha gutekereza ku myitwarire ikwiye, kandi akagira urubare mu gubwira, kwigisha no gufasha abakorera bushake.*²³¹

Hari icyizere ko, ahari aumonerie, abarwayi bashobora kwisanzura bakavugaga ikibari ku mutima, bagashobora gukora ibikomere no kwiyunga n'Imana. Muri make, haba hitezwe ko aumonier ashobora gufasha gusubizwamo integereza kimuntu no mu by'Umwuka. Agomba kandi gutegura no gutunganya igikorwa cyo kurwaza abarwayi, akabafasha gukora isuku, kumesa no kubafasha mu yindi mirimo isaba kugenda (kujya kuri banki, kwishyura amazi n'umuriro...). Ari nayo mpamvu bikenewe ko bigishwa nkuko Yesu yabikoze n'abigishwa be 12.

Mu by'ukuri, kugira ngo hagaragare akamaro ke mu bitaro, aumonier agomba kwigisha abafasha be mu kwegera, gukorera no gufasha abarwayi. Burya umubiri ubabaye ntushobora kwemera Imana igihe umuntu yumva ari wenyine imbere y'ikibazo gikomeye nk'ubwandu bwa virusi itera SIDA ure mbye. Akenshi, abarwayi bakunda kuba bivumbura, kubera baba bumva baratereranwe n'itorero ndetse n'abo basengana. Ni ngombwa rero gushyiraho aumonerie mu bitaro, kugira ngo zishobore kuziba icyuho kigaragara mu rwego rwo kwirinda no kurwanya ubwandu bwa virusi itera SIDA.

Umwarimu witwa Yohana Dormont, muri raporo idasanzwe ivugaga ku "Gufasha abantu banduye virusi itera SIDA", yagerageje kwerekana ibintu by'ingenzi bikurikira:

- **Gutangira gufasha hakiri kare no gukomeza ubuvuzi:** intego ni ukugira ngo abantu bose bashobora kuba baranduye bashobore kwipimisha, kandi abasanze baranduye bashobore gukurikiranwa ku buryo buhoraho. Ibintu binyuranye mu myitwarire, mu mucu, mu mibereho n'imibanire biba inzitizi mu gufasha abantu. Niyo mpamvu ari ngombwa kubimenya kugira ngo bishakirwe umuti.
- **Imirire n'ubwandu bwa virusi itera SIDA:** kudafungura, kugera ku mubare munini w'abarwayi bigira ingaruka k'igihe no ku bwiza bw'ubuzima. Birakwiye rero kwitabwaho ku buryo buhoraho no gushyiraho ingamba zo kubyirinda.
- **Kwitabwaho kw'abarembye:** mu bisanzwe ibyiza ni uko iminsi n'ibyumweru bya nyuma by'ubuzima bw'umuntu abimara kwa muganga. Uburyo bwiza bwo kubafasha busaba ubufatanye no kwiyemeza kw'abagize inzego zose z'abakorera kwa muganga.
- **Uko umuntu ahagaze bigutangira n'ikurikiranwa ry'umubiri:** ibizamini by'umubiri ntabwo bibangamira ibibazwa n'ibizamini byo kwa muganga, bigumana agaciro kabyo kuzuye. Ku mugore, ikizamini kijyanye n'imyorokere ye kirimo n'icyo bakora bashakira kureba ko nta bimenyetso bya kanseri umugore afite bita frottis kigomba gukoreshwa buri mezi 6.
- **Gufasha abantu bari mu kaga gakabije mu mibanire/ grande precarite sociale:** Ibikenewe mu buzima ni ngombwa kugira ngo habeho gufa-

sha kugira ubuzima bufite ireme. Uburwayi buterwa n’ubwandu bwa virusi itera SIDA bushobora gutuma abantu bari basanzwe bafite ibikenewe byose bihagije ngo bagire imibereho myiza, bagera mu bihe by’akaga/ precarisation. Hari igihe, kuba mu kaga bibanziriza uburwayi bwa virusi itera SIDA, bigatuma birushaho kuba bashobora guhungabanwa kurushaho; uburaya ubwabwo ni ukuba mu kaga. Ibibazo by’uburwayi bwo mu mutwe bituma ibitera kuba mu kaga birushaho kuba bibi. Isesengura ry’igihe cy’akaga byari bihasanzwe cyangwa byaje nyuma ni intambwe ikenewe kugira ngo hagire igihinduka mu kwirinda no kuvurwa.

- **Kwitaho ababaswe n’ibiyobyabwenge:** Amavugurura mu buryo bwo kwitaho abafite ibibazo byo kuba barabaswe n’ibiyobyabwenge, bikorewe kwa muganga, gukurikiza imiti yandikiwe umurwayi hakurikijwe ibyo akeneye ku giti cye, igeragezwa ry’ishyirwaho ry’umushinga w’ubuvuzi mu mibereho. Ibi bishatse kuvuga y’uko gushyigikira no gukomeza uburyo busanzwe cyangwa bushyashya bukoreshwa kugira ngo bafashirize ababaswe n’ibiyobyabwenge kwa muganga, hanyuma hagashyirwa imbaraga mu kwigisha n’ubufasha mu by’Umwuka, ubushakashatsi n’isuzuma, kugira ngo haboneke uburyo bwo gukurikiranwa baba babayo cyangwa gukomeza gufata imiti-nsimbura yuzuye igihe barimo korohereka.
- **Kwitaho abantu babana n’ubwandu bwa virusi itera SIDA bari mu nzu y’imbohe:** Ni ngombwa guha ubufasha mu by’ubuvuzi no mibereho myiza mu buryo bwiza kandi bufite ireme, mu gihe umuntu afunzwe n’igihe yamaze gufungurwa, no kugira uburenganzira kuri aumonerie mu mazu y’imbohe.
- **Ibibazo byo mu miryango no mu mibereho myiza:** Ibyo bibazo ni byinshi. Ariko igikomeye cyane ni ukuba ushobora gupfusha umwe mu babyeyi cyangwa bombi. Muri icyo gihe, igikenewe ni ubufasha bw’umuryango cyane cyane bukoreshwa na ba sekuru b’abana ni bwo bukunze kuboneka kandi ni bwo bugomba gushyigikirwa. Umwana wanduye virusi itera SIDA agomba kujyanwa mu irerero hamwe n’abandi nta mananiza, no mu bindi byiciro by’amashuri bikurikiraho, keretse igihe ubwandu bwatumye arwara indwara ashobora kwanduza abandi (by’umwihariko igituntu).

3.5. Kwerekana imyitwarire y’abizera iganisha “gukira kubwo kwizera” mu bijyanye na virusi itera SIDA

Abayobozi b’amatorero bagomba gushyigikira abashinzwe iby’ubuzima mu gukusanya no gusesengura amakuru n’ubuhamya mu matorero yabo n’abandi bantu babana nabo, no gufasha mu guhitamo uburyo bwo gukora. Ni yo mpamvu bagomba kuba *“bafite ubushobozi bukenewe mu gufasha no gutega amatwi /accompagnement pastoral no gusobanukirwa uburyo abantu babana n’ubwandu bwa virusi itera SIDA ndetse n’ababana nabo, biyumva mu mitima yabo.”*³³

Bagomba kugira inama abantu basanze baranduye cyangwa bataranduye, mu bantu bahura nabo buri muni, babereka imyitwarire bagomba kugira

bitewe n’uko bamerewe, kwirinda cyangwa kwivuzza bakoresha imiti igabanya ubukana, bakurikije n’abo bahuye nabo. Ibindi bikorwa nabyo bikaba ibyo kugira inama abantu babana n’ubwandu bwa virusi itera SIDA n’ababavura ndetse n’imiryango ibabajwe no kubura abayo/iri mu kiriyu.

Kuri ba aumoniers bakorera mu bitaro, bagomba kugaragara mu bigo bitanga ubuvuzi, bakora imirimo yo gufasha/ services de proximite, no mu bigo bya leta bitanga ubuvuzi. Bagomba kandi gufatira hamwe ibibazo by’ububare bw’umubiri, ububare bwo mu mutwe, ibibazo byo mu mibereho, nta kwibagirwa ibiba ku bakazi bo mu buvuzi. Bityo bagomba gutegura amateraniri, ubufasha, amasengesho n’ibitarimo byizihiza ubuzima n’urupfu.

Mu ncamake, abayobozi b’amatorero n’aba aumonier bagomba kumenya agaciro k’inama bagira abarwayi n’ababo/n’ababana nabo. Kumenya kutagaragaza ibiyumviro byabo byaba ari akarusho. Bagomba kandi kwerekana ubwigenge bwabo no kugira umurongo ntarengwa/distance critique mu byo bakora. Ariko basabwa kugira ibanga no guha agaciro icyizere n’amakuru bahabwa n’abantu babana n’ubwandu bwa virusi itera SIDA n’imiryango yabo. Bashingiye ku nshingano z’umuhamagaro wabo, bagomba gufasha mu buryo bugaragara mu kubona, mu kumenya abantu bari mu bibazo no gufasha bidasubirwaho abantu barimo guca mu bihe bituma bagira umubabaro psychologique. Ubwizerane ni ijamba ry’ingenzi mu mikoranire/ imibanire hagati y’abayobozi b’amatorero n’abo bavugana nabo. Abayobozi b’amatorero ni *“ni abantu bazana impinduka mu mibanire nyayo mu bihe bitoroshye/ milieu d’artifice n’ihabwa ry’akato gakabije. Mu ijamba rimwe, ni abazana/ abatwaye inkuru y’ibyiringiro/icyizere.”*³⁴

AMATEGEKO ARENGERA ABANTU BABANA N'UBWANDU BWA VIRUSI ITERA SIDA IMBERE Y'INZITIZI Y'IMITERERE Y'UMUBIRI N'UBUVUZI/ BIOMEDICALES N'URUHARE RWAYO MU "GUKIRA KUBWO KWIZERA"

Abayobozi b'amatorero bagomba kugira uruhare mu bikorwa byo kwirinda no gufasha abantu babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA. Bakagombye guhangayikishwa, mbere ya byose, n'ubuzima bw'abantu babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA n'amategeko abarengera ku nzitizi bahura nazo mu by'ubuvuzi. Ariko bagomba kuba bazi inzitizi zijyanye n'ibanga ry'ubuvuzi, ibibazo mu by'amategeko bifitanye isano n'abantu babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA, ku bihano bitangwa mu gihe habayeho icyaha cyo kwanduza ku bushake n'impamvu ari ngombwa ko havugwa uko umuntu ahagaze yanduye cyangwa ataranduye virusi itera SIDA.

4.1. Ibanga ry'ubuvuzi no kwanduza ku bushake virusi itera SIDA

Abashinzwe ubuvuzi bategetswe kugira ibanga ry'umwuga mu murimo bakora, keretse igihe amategeko abitangira uburenganzira. Mu bisanzwe, baba bagomba kubika ibanga kubera ko ari indwara yica nta n'umuti igira. Ariko hano, *"ibimaze kugerwaho mu kuyivura bimaze gubindura bidasubirwaho uko iyo ndwara yafatwaga mbere, n'uburyo bwo kurwanya ikwirakwiza ryayo. Kwirinda mbere byari bishingiye gusa ku kwipimisha. Ubu, hashingiwe ku nyigo ziberuka, imiti igabanya ubukana ifasha ku buryo bugaragara mu kurwanya icyo cyorezo bigabanya ibyago byo kwanduza virusi. Ikurikiranwa mu buvuzi rishingiye ku mikoranire y'umuganga n'umurwayi, ni ingenzi mu kurwanya icyo cyorezo"*³⁵

Mu nama yahuje abakoresha ururimi rw'igifaransa, yabereye i Kigali, umugore yatanze ubuhamya avuga ko umugabo we yamubwiye, mbere y'uko apfa, ko yanduye virusi itera SIDA, anamusaba imbabazi kubera ko yari yarabimuhishe. Nyuma yaho imyaka mike, yakundanye n'undi mugabo, bombi bafata icyemezo cyo kujya kugisha inama muganga, wabasabye kubanza kujya kwipimisha ubwandu bwa virusi itera SIDA, mbere y'uko babana nk'umugabo n'umugore. Ibizamini byongeye kwerekana ko uwo mugore yanduye virusi itera SIDA, ariko umugabo we nta bwandu yari afite. Bashyingiranwe mu mwaka wa 2001, ubu bafite abana babiri bafite ubuzima bwiza, kandi babayeho ubuzima busanzwe, kuko uwo mugore afata imiti igabanya ubukana bwa virusi itera SIDA.

Ariko, igihe hari umurwayi wanga kubwiza ukuri uwo bakorana imibonano mpuzabitsina uko ahagaze, abavuzi babura icyo bakora hagati yo gufasha uwo muntu uri mu mazi abira (kuko ashobora kwandura) no kubahiriza indahiro yo kugira ibanga. Ifundo ry'ikibazo riri ku kuba aba azi uko ubuzima bumeze, n'umugambi we wo konona n'uburangare by'umuntu wanduye virusi itera SIDA. Ni yo mpamvu, ari ngombwa kubwira abo babana nawe, abana be, ababyeyi be n'abandi bantu ba hafi, ko uwo muntu wabo yanduye virusi itera SIDA, n'ubwo kuvuga inkuru mbi nk'iyi bishobora kugira ingaruka mbi.

Muri uwo murongo kandi, umwana w'umunyeshuri wo mu Rwanda yatanze ubuhamya avuga ko yarwaye zona, igihe yigaga mu mwaka wa 1 w'amashuri abanza. Icyo gihe nta muntu n'umwe mu bashinzwe uburezi wari warigeze amubwira ububi bw'uburwayi bwe. Nyuma ni bwo yamenye ko zona n'ubwoko bumwe na bumwe bwa kanseri ari ibimenyetso byerekana uburwayi bwa SIDA.

Ikindi, ababikira bashinzwe ishuri yigagamo, bamutegekaga kuguma mu cyumba cye no kutegera abandi bana.

Muri icyo kigero cyo, nk'uko ubuhamya bwe bubyemeza, yari ataramenya impamvu bamubuza gukina n'abandi bana. Ageze mu mashuri yisumbuye, ni bwo abayobozi b'ishuri yigagaho bamubwiye ko arwaye tifoyide cyangwa indi ndwara ijya gusa nayo. Bakomeje kumuhisha ikibazo yari afite. Bakomeza kwanga kumubwira ko yanduye virusi itera SIDA.

Ni ngombwa kandi birakenewe kubwira umuntu wanduye uko ahagaze ku bijyanye n'ubwandu bwa virusi itera SIDA, hanyuma akanakurikiranwa. Muri icyo gihe haba hakenewe gukora ibi bikurikira: *“kubiyivugira ubwe cyangwa gusa abababwira akaba ari we ubibwira umufasha we, cyangwa se bakabihuriza hamwe, umurwayi akabibwira uwo babana abifashijwemo n'umuvuzi”*³⁶

Ibyiza ni uko hakoreshwa uburyo bwumvikanweho n'abo bombi no kwirinda gushinja mugenzi we cyangwa kwishinja ubwe.

4.2. Imbongamizi/enjeux mu by'amategeko yo kurengera abantu babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA

Abantu babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA bafite uburenganzira n'ishingano kubwabo, imiryango yabo ndetse n'abandi bantu babana nabo. (Icyitonderwa: ubu ngubu ayo mategeko yaremejwe mu bihugu byose bikoresha ururimi rw'igifaransa). Ni yo mpamvu, ayo mategeko arengera abantu babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA, aha uburenganzira abanduye, abagizweho ingaruka n'ubwandu bw'ababo, ku bagize imiryango yabo n'amatsinda ari mu kaga/ashobora kwandura, *“uburenganzira bungana ku murimo, ku kwiga, ku buvuzi, ku gushyingirwa, ku ngendo, ku gutorwa, ku nguzanyo ya banki, ku bw'ishingizi, ku mutungo, ku murage, ku bikorerwa abantu mu mibereho no mu buvuzi, ku kwitabwaho, ku kwipimisha ku bushake kandi nta kiguzi yasobanurirwe kandi mu ibanga, no kubaha ubuzima bwabo bwite no kugirirwa ibanga.”*

Ubwandu bwa virusi itera SIDA bubera umutwari uremereye cyane imiryango kubera ibikenerwa kugira ngo bashobore kuvuza abarwaye n'inga ruka ziterwa n'urupfu rw'abarwayi. Abapfuye basiga impfubyi, imiryango igizwe n'umubyeyi umwe kandi akennye, ababyeyi bashaje bagomba kwita ku buzukuru no kubuzukuruza, n'abana batangira kugira inshingano zo kwita ku muryango bakiri bato. Niyo mpamvu, ibihugu byo muri Afurika, nk'abantu ba mbere barebwa no kurwanya ubwandu bwa virusi itera SIDA, bagomba gute-gura ingamba, kwerekana imirongo migari ngenderwaho, no gute-gura gahunda yo kwirinda no gufasha, yo kugabanya ingaruka mbi n'ubushakashatsi mu gutse mba burundu ubwandu.

Ikibababaje ni uko ibihugu bimwe bidafite uburyo buhagije kugira ngo bishobore gushyira mu bikorwa ibisabwa mu kurwanya virusi itera SIDA. Aha ni ho abaterankunga, imiryango mpuzamahanga, imiryango itegamiye kuri leta ikorera hagati mu gihugu n'abanyamadini bagomba gufasha no gushyigikira imigambi, ibikorwa na leta zabo.

Ukurikije uko ibintu bihagaze ubu, guverinoma zo mu bihugu by'Afurika zifite, mbere na mbere, gushyiraho ikigega cyo gufasha abantu bose babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA. Gutyo icyo kigega kikazajya gitera inkunga mu by'ubuvuzi, mu bijyanye n'imyitwarire, mu mibereho no mu bukungu.

Hagomba kandi kugira igikoze kugira ngo harwanywe ikumirwa n'akato bigirirwa abantu babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA, kubera *“akato n'ikumirwa bifitanye isano na virusi itera SIDA n'indwara ya SIDA, biterwa n'ibintu bitandukanye; kudasobanukirwa neza iby'iyi ndwara, imyumvire idahitswe kubirebana no kwandura virusi, amakuru atari yo, ubuke bw'imiti, uburyo butari bwiza abanyamakuru bajya bavugamo icyo cyorezo, kubera ko SIDA ari indwara idakira, kudapfa gutinyuka kuganira/ kuvuga ibijyanye n'imyororokere, gutinya icyo ndwara n'urupfu”*³⁷

Guverinoma z'Afurika zigomba gukurikirana neza gahunda yo kwirinda, yo kwitaho abarwayi, kugabanya ingaruka zayo no kurwanya ikwirakwiza ry'ubwandu bwa virusi itera SIDA. Leta zigomba kandi:

- **Kubahiriza uburenganzira bwo kubaho:** abantu babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA bafite uburenganzira bwo kubona ubufasha bukenewe kugira ngo bagire ubuzima bubereye. Ibyo bigendana no kubona indyo yuzuye, icumbi ndetse n'uburezi bufite ireme.
- **Kubahiriza uburenganzira bwo kuvurwa:** birakenewe ko leta z'Afurika zishingira kubonera abarwayi banduye virusi itera SIDA uburyo bwo kwivuzi, ubufasha mu myitwarire/psychologique, no kubona imiti. Nubwo Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye wita ku buzima (OMS) wemera ko hari icyakozwe mu rwego rwo kurimbura burundu icyo cyorezo muri Afurika yo muni y'ubutayu bwa Sahara, hariho ubundi buryo bushyashya bwizewe bushobora gutuma icyo cyorezo gishobora kurushaho kurwanywa.
- **Kubahiriza uburenganzira bwo kwiga:** umuntu wese ubana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA afite uburenganzira bwo kwiga. Amashuri ntiye-

merewe kwanga kwakira abantu babana n’ubwandu bwa virusi itera SIDA. Nta muntu ugomba gusabwa kwipimisha virusi itera SIDA kugira ngo yemererwe kwinjira mu ishuri. Imyitwarire iyo ari yo yose itesha agaciro cyangwa isebya umuntu ubana n’ubwandu bwa virusi itera SIDA, abo bahuza ibitsina, abana cyangwa umubyeyi, kubera ubwandu bwe biba byo cyangwa ari ibikekwa gusa, ifatwa nk’ihabwa ry’akato, bigomba kwirindwa no kurwanywa.

- **Kubahiriza uburenganzira ku buzima bwite no kutavangurwa:** uburenganzira bw’ibanze ku kiremwa muntu ni iyubahirizwa ry’agaciro ke no kwihanganira abandi. Niyo mpamvu ari ngombwa kutavuga uko umuntu ahagaze ku bijyanye n’ubwandu bwa virusi itera SIDA, ahubwo igikenewe ni ugushishikariza uwo babana kwipimisha babyumvikanye. Umuntu wese wanduye afite uburenganzira ku kurengera agaciro ke. Afite uburenganzira bwo kubahiriza ubuzima bwe bwite no kugirirwa ibanga ry’amakuru ayo ariyo yose ku bijyanye ni uko ahagaze ku bwandu bwa virusi itera SIDA. Ibyo bivuze y’uko itangazwa ry’ibiranga cyangwa amakuru yo kwa muganga arebana n’ubuzima bw’umuntu, ari ukutubahiriza uburenganzira ku buzima bwe bwite.
- **Kubahiriza uburenganzira ku makuru:** Abantu babana n’ubwandu bwa virusi itera SIDA bafite uburenganzira bwo guhabwa amakuru ku kurwanya virusi itera SIDA n’inama ku miti igabanya ubukana bwa virusi itera SIDA. Bafite uburenganzira ku makuru arebana n’ubuzima bwabo abikwa kwa muganga. Mu ncamake, abarwayi bafite uburenganzira bwo guhitamo umuntu ubwirwa amakuru ku buzima bwabo.
- **Kubahiriza uburenganziraa ku murimo:** Umuntu wese ufite imbaraga afite uburenganzira ku murimo, kwihitiramo umurimo, nta kurobanura cyangwa gukumirwa. Afite uburenganzira bwo koroherezwa mu kazi bikurukije amasezerano y’umurimo abuza gufatwa nabi ku murimo. Afite uburenganzira ku bwishingizi bukubiyemo ubwishingizi bw’ubuzima n’ubwishingizi bwo kwivuzza. Afite uburenganzira bwo kubona imiti igabanya ubukana no ku makuru y’ibijyanye n’ubwandu bwa virusi itera SIDA. Abarwaye ba SIDA bafite uburenganzira ku mushahara ukwiye kandi ujyanye n’icyo bakora.
- **Kubahiriza uburenganzira mu bya politiki:** Abantu babana n’ubwandu bwa virusi itera SIDA bagomba kugira uburenganzira ku bijyanye n’imiyo-borere y’igihugu. Iyo bagejeje imyaka yo gutorwa, bashobora gutorwa nta mananiza. Bafite uburenganzira bwo kujya mu nzego bwite za leta iyo yujuje ibisabwa na leta yabo.
- **Kubahiriza uburenganzira bwo gushyingirwa:** Abantu babana n’ubwandu bwa virusi itera SIDA bafite uburenganzira bwo gushyingirwa/ gukora ubukwe, bwo gushinga umuryango no kugira abana. Ariko bagomba kubwira abo babana ko banduye.
- **Kubahiriza uburenganzira bwo kugirirwa ibanga:** Abashinzwe ubuvuzi bagomba kubwira ababagana uko bahagaze ku bijyanye n’ubwandu bwa

virusi itera SIDA, kugirwa inama no kubiganiraho n’abo babana. icyiyongeyeho, ntibagomba guha ayo makuru undi muntu ubonetse wese, uretse igihe bibaye ngombwa kubera ko ari mu kaga.

- **Kubahiriza uburenganzira bwo guhabwa inama:** Guverinoma z’ibihugu by’Afurika zigomba gushyiraho urwego rwo gufasha mu bijyanye n’amategeko ku buntu, rufite ubumenyi buhagije ku bijyanye n’ubwandu bwa virusi itera SIDA, kugira ngo basobanurire abantu amategeko ku bintu bitandukanye, harimo: ivangura n’imbongamizi, kubona ubuvuzi, kubaha ubuzima bwite no kugirirwa ibanga, uburenganzira ku mutungo n’uburenganzira ku kazi. Bagomba kandi gufasha abene gihugu kugezwaho ubwo bufashwa.

Ibihano birateganijwe, ku byaha bijyanye no kwanduza cyangwa gushyira mugenzi wawe mu kaga ko kuba yakwandura kubera ko *“niba amategeko arengera abantu babana n’ubwandu bwa virusi itera SIDA cyangwa bagizweho ingaruka na bwo, birumvikana ko amategeko asaba abo bantu kugira ubushishozi/ubwitonzi/un grand sens de responsabilite. Kuko imyitwarire idabwitse cyangwa uburangare bwabo bituma bababwira ibihano bakanacibwira icyiru kubw’amakosa bakoreye bagenzi babo⁴⁰.”*

4.3. Kubwira uwo mubana ko wanduye

Kubwira uko umuntu ahagaze ku bijyanye n’ubwandu bwa virusi itera SIDA abakorana nawe imibonana mpuzabitsina ni ngombwa. Ni ikibazo gikomeye ariko hagomba kuboneka uburyo bwo kubwira ukuri abo bantu.

Umunsi umwe, mbere y’umunsi mukuru mpuzamahanga wo kurwanya SIDA wo kuri 19 Ukuboza 2016, Ishami ry’Umuryango w’Abibumbye ryita ku buzima (OMS) wasabye ko abantu babana na virusi itera SIDA bagomba guhabwa ubufasha igihe barimo kubwira abo bahuza ibitsina ko basanze baranduye virusi itera SIDA.

Umurimo wo gufasha ugiye kubwira uwo babana ko yanduye *“ni uburyo bworoshye kandi bufite akamaro bwo kugera kuri abo bantu, bo baba batari bashobora gupimwa ngo bamenye uko bahagaze. Binafasha kandi ko umubare w’abipimisha wiyongera ku bantu babana n’ubwandu bwa virusi itera SIDA , bikanafasha kuba bashobora gufashwa no kubona ubuvuzi n’imiti⁴¹”*

Ishami ry’Umuryango w’Abibumbye ryita ku buzima, risaba ko umuntu wanduye virusi itera SIDA agirana amasezerano n’uwamusuzumye atuma umuvuzi abona uburenganzira bwo kubwira ukorana imibonano mpuzabitsina n’uwo wanduye uko ibintu bimeze kandi ko nawe ashobora kwandura, akamusaba kujya kwipimisha nawe mu gihe ntarengwa cyagenwe, uwo mujyanama rero ashobora guhamagara uwo bireba akamugezaho uburyo bwo kwipimisha virusi itera SIDA.

Hashingiwe ku byavuzwe haruguru, abayobozi b'amadini bagomba gufata ingingo 4 zikurikira:

- Kwigisha abayoboze babo uburyo bwo kwirinda ubwandu bwa virusi itera SIDA, no kubahugura ku bijyanye n'inzira zo kwandura, ni ibintu by'ingenzi bituma bashobora kubumvishako bakwiriye kwipimisha ku bushake, n'abamaze kwandura bagatangira imiti bakurikije inama bahabwa n'abashinzwe ubuzima. Ikindi kigenderewe ni ugusobanurira abanduye ko igihe badafatiye imiti ku gihe bashobora kubera umutwano uremereye imiryango yabo n'ingaruka zijyana nabyo, bishobora no kubaviramo urupfu. Ni yo mpamvu, abayobozi b'amadini, bagomba kumva ko abantu babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA bakeneye kwitabwaho n'abashinzwe ubuzima, na leta, n'imiryango itegamiye kuri leta ndetse n'amadini.
- Isomo rya 2 ni uko abayobozi b'amadini bagomba gushyigikira leta mu gufasha mu buvuzi, mu mitekerereze n'imyitwarire, mu mibereho no mu bukungu abantu babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA no kwirinda kwandura. Ibyo bica mu kubona indyo yuzuye, kubona icumbi no kwigisha abantu bose bashobora kwandura harimo abagore n'abana. Hakurikiraho kubonera abarwayi ubuvuzi, ku bufasha mummyitwarire n'itekerereze, no kubufasha mu mibereho no mu bukungu no kubona imiti igabanya ubukana bwa virusi itera SIDA.
- Hanyuma, mu bufatanye n'abashinzwe ubuvuzi, abayobozi b'amadini bahora biteguye kugira inama abantu babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA no kugenzura neza ko abo bantu bafite uburenganzira ku makuru, ku buryo bwo kwirinda no kugirwa inama, no kwihitiramo abantu (ababyeyi n'inshuti) bashobora guhabwa amakuru y'uko bahagaze mu buzima bwabo.

4.4. Umwitozo ngiro wa 2: Akamaro k'inyigisho ku bijyanye n'ubwandu bwa virusi itera SIDA, zihabwa abayobozi b'amatorero

A) Isesengura ry'ugukira k'uwavutse ari impumyi

Ingengabihe y'ibikorwa	Ibihe by'ingenzi	Imirimo ikorwa	Kwandika aho biboneka muri Bibiliya icyo abitabiriye babivugaho
Icyumweru mbere	Pasiteri	Gutangaza itariki, ahantu, ingingo n'intego igamijwe muri icyo cyiciro cya 2 cy'amahugurwa y'abakristo mu rwego rwo kurwanya ubwandu bwa virusi itera SIDA.	Kwandika uko abitabiriye babibonye, kugira ngo bizashingirweho mu muhugurwa
Kuva saa mbiri kugeza saa yine	Bitangirira kuki?	<p>Ni bande bavugwamo</p> <p>Yesu arabihisha asohoka mu rusengeru.</p> <p>Akigenda abona umuntu wavutse ari impumyi. Abigishwa baramubaza bati: "Mwigisha ni nde wakoze icyaha, ni uyu cyangwa ni ababyeyi be ko yavutse ari impumyi?" Yesu arabasubiza ati: "uyu nta cyaha yakoze cyangwa ababyeyi be, ahubwo ni ukugira ngo imirimo y'Imana yerekanirwe muri we." Amaze kuvuga atyo acira amacandwe hasi, ayatobesha akondo akamusiga ku maso (Yohana 9:7), aramubwira ati: "Genda wiyuhagire mu kidendezi cy'i Silowamu-hasobanurwa ngo yatumwe." Nuko aragenda ariyuhagira, agaruka ahumutse.</p>	<p>Yesu, uwavutse atabona wasabirizaga, abigishwa, abafarisayo, ababyeyi, abaturanyi, n'abandi bari basanzwe bamubona.</p> <p>Impumyi ntacyo yasabye Yesu Kristo ni we wifatiye icyemezo cyo kumukiza</p>

Ingengabihe y'ibikorwa	Ibihe by'ingenzi	Imirimo ikorwa	Kwandika aho biboneka muri Bibiliya icyo abitabiriye babivugaho
	Ikibazo nyamukuru cyari ikihe?	Guhakana igitangaza cyabaye ndetse n'urangije kugikora. Guhakana imirimo y'Imana.	Bafite gukekeranya mu mitima yabo. Babonye igitangaza gikorwa, ariko ntibashaka kwizera Yesu umaze kugikora
	Byatewe n'izihe mpamvu? Gukeka, r urujijo uvanze n'amatsiko, guhangana no guhemukirwa n'abaturanyi ndetse n'abandi bari aho.	Abaturanyi be n'abamubonaga kera asabiriza, barabazanya bati: "uyu si we wicaraga asabiriza?" Bamwe bati: "Ni we" Abandi bati: "Si we icyakora asa na we" Nawe arabasubiza ati: "Ni jye" Baramubaza bati: "Ese wahumutse ute?" Arabasubiza ati: "Wa muntu witwa Yesu yatobye akondo, akansiga ku maso arambwira ati: 'Jya i Silowamu wiyuhagire'.Nuko ndagenda ndiyuhagira, ndahumuka" Baramubaza bati: "Ari hehe?" Ati: "Simbizi" Uwari impumyi bamushyira Abafarisayo	Bafite gukekeranya mu mitima yabo. Babonye igitangaza gikorwa, ariko ntibashaka kwizera Yesu umaze kugikora Urujijo ni rwose nubwo yabahaye ubuhamya bakaba banamwirebera Batangira kwerekana amatsiko yo gushaka kumenya uko byagenze Barashaka kubona no guhangana n'uwamukijije cyangwa bakamwicisha amabuye Badashoboye kubona Yesu, abari aho bafata uwo wari impumyi kugira ngo abe ariwe ucirwa urubanza mu cyimbo cya Yesu
	Ingaruka zabyo zabaye izihe? Haragaragara gukekeranya, amatsiko, kwizera, ubushobozi bw'Imana, ikinyoma	Nuko Abafarisayo nabo bongera kumubaza uko yahumutse. Arababwira ati: "Yansize akondo ku maso, ndiyuhagira ndahumuka"	Bagaragaza nabo amatsiko avanze n'ubwoba

Ingengabihe y'ibikorwa	Ibihe by'ingenzi	Imirimo ikorwa	Kwandika aho biboneka muri Bibiliya icyo abitabiriye babivugaho
		Bamwe mu Bafarisayo baravuga bati: "Uwo muntu si uw'Imana, kuko ataziririza isabato". Abandi bati: "Umunyabyaha yabashe ate gukora ibimenyetso bingana bityo?" Baramupfa.	Habaho kudahuza ibitekerezo, bamwe bashyigikiye umurimo w'Imana abandi bawurwanya
		Ababyeyi be barabasubiza bati: "Tuzi y'uko uyu ari umwana wacu, kandi yavutse ari impumyi. None arareba ariko igituma areba ntitukizi, kandi n'uwamuhumuye ntitumuzi. Nimumwibarize nawe, ni umugabo mukuru arivugira." Icyatumye ababyeyi bavugaga batyo ni uko batinyaga Abayuda bari bamaze guhuza inama, yuko umuntu wese uzerura Yesu ko ari Kristo acibwa mu isinagogi	Ababyeyi be bagize ubwoba bwo gucibwa mu isinagogi bagasiga umwana wabo wenyine kandi abangamiwe n'Abafarisayo
		Nuko rero uwari impumyi baramuhamagara ubwa kabiri, baramubwira bati: "Shima Imana twebwe tuzi yuko uwo muntu ari umunyabyaha."	Abafarisayo bahimba i binyoma kugira ngo bace intege banahindure i bitekerezo by'uwo wari impumyi
	Ibyavuyemo	Nawe arabasubiza ati: "Niba ari umunyabyaha, simbizi icyo nzi ni kimwe, ni uko nari impumyi none nkaba ndeba"	Uwari impumyi ahamya ukwizera kwe, ntiyareka Abafarisayo bamutera ubwoba
	Uko ikibazo cyakemutse: uwahoze ari impumyi ahamya kwizera kwe muri Yesu	Arabasubiza ati: "Maze kubibabwira ntimwabyumva. icyo mushakira kubyumva bwa 2 ni iki? Mbese namwe murashaka kuba abigishwa be?"	Uwahoze ari impumyi nawe arababaza ati: "Niba uwo muntu ataravuye ku Mana, ntacyo yashobora gukora"
		Yesu ahura nawe, aramubwira ati: "Mbese wizeye Umwana w'Imana?"	Nawe aramubwira ati: "Data buja, ndizeye", aramupfukamira.

B) Kubishyira mu bikorwa ku biba mu muryango ifite abana babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA

Ingengabihe y'ibikorwa	Ibihe by'ingenzi	Ubuhamya	Kwandika ibivugwa n'abitabiriye bikorwa n'umuntu uzi kubara inkuru
Guhera saa yine kugeza saa sita	Ibyabayeho	Haraboneka iki? Haravugwa iki? Ni iki kirimo kuba ku babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA?	Gushaka ingingo z'ingenzi zumvikanweho na bose, zikandikwa ku rubaho
	Isesengura	Kubera iki ibintu byageze aho?	Gushaka ingingo z'ingenzi zumvikanweho na bose, zikandikwa ku rubaho
	Ni bande babiteye	Ni bande babaye intandaro y'ibyo bintu? Ese hari uruhare na ruto Imana yabigizemo?	Gushaka iingingo z'Ingenzi ryumvikanweho na bose, kuryandika ku rubaho
	Gusesengura no guhanahana ibitekerezo	Kubera iki ibintu bimeze gutyo ubu ngubu? Ni nde ushobora kugenzura icyo kibazo?	Kwandika ibyabonetse byose, ibibazo n'ibisubizo by'ingenzi. Gushaka ingingo z'ingenzi zumvikanweho na bose no kubyandika ku rubaho
	Gutekereza	Ni iki cyakozwe? Ni iki gisigaye gukorwa mu kurwanya ko umubyeyi wanduye yanduza umwana?	Gushaka ingingo z'ingenzi zumvikanweho na bose no kuzandika ku rubaho
	Igikorwa	Ni iki twakora kugira ngo ikibazo tukigire icyacu?	Gushaka ingingo z'ingenzi zumvikanwe na bose no kubyandika ku rubaho
	Umwanzuro	Gusoma inyandiko y'ingingo z'ingenzi n'ibisabwa by'ingenzi	Guha abitabiriye bese inyandiko ya nyuma no gukomeza kuyikwirakwiza mu bantu

Kuyobora ibiganiro byo mu matsinda kugira ngo baze gushyira hamwe igihe bari bube bavuye mu matsinda

Ni iki cyo gukora ku buryo bugaragara kugira ngo babashishikarize abayoboke babo n'abandi bantu babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA, kugira ngo basangize abandi batari bafata icyemezo cyo kwipimisha no kwivuzza, no kurwanya igikorwa cyose cy'ivangura rikorerwa abantu babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA.

AKAMARO K'UBUFATANYE, K'UBUVUGIZI NO GUHANA AMAKURU N'IBIGANIRO MU BIKORWA BYO GUKIRA UBWANDU BWA VIRUSI ITERA SIDA

Inama y'akarere yabereye I Kigali yibanze ku kamaro k'ubufatanye, ubuvugizi no guhana amakuru mu bikorwa byo gukira ubwandu bwa virusi itera SIDA. Uyu mutwe wa nyuma wibanda ku kwerekana ko ikibazo cy'ubwandu bwa virusi itera SIDA gisaba gushakirwa igisubizo mu buryo bwuzuye, kandi kitagomba gufatwa nk'ikibazo ukwacyo.

Ariyo mpamvu hakenewe igisubizo gishakiwe hamwe na minisiteri ishinze ubuzima ndetse n'izindi ministeri (amashuri, uburinganire, abagore, umuryango n'abana) ihuriro ry'imiryango n'amashyirahamwe ategamiye kuri leta n'adahanira inyungu n'amadini,.... Uguhuza imbaraga mu bikorwa, kw'abafite icyo bakora muri ibyo bintu bitandukanye bifasha gushaka uburyo n'imbaraga.

5.1. Akamaro k'ubufatanye mu kibazo cy'ubwandu bwa virusi itera SIDA

Abafanyabikorwa mu iterambere bafata umwanya wo gusangizanya ibyo bakoze, ibyo bahuye nabyo mu bikorwa bifatanye isano mo kurwanya ikwirakwizwa rya virusi itera SIDA. Bafasha kandi kubona abakozi no kongera ubushobozi bw'ibikoresho (equipements, approvisionnements en intrants) n'uburyo bw'amafaranga (bw'inyongera) mu gihe cyo gushyira mu bikorwa gahunda n'imishinga yo kwirinda no kurwanya virusi itera SIDA.

Kubera inama zo guhuriza hamwe zateguwe hagati y'abafatanyabikorwa, birashoboka kwirinda kugonganira ku kintu kimwe ahubwo buri mufatanyabikorwa agahabwa icyo akora kugira ngo bagere kuri gahunda bahawe na za guverinoma bakurikije ibikenewe kurusha ibindi. Ibi bituma hashyirwaho imigambi n'imirongo ngenderwaho n'amabwiriza abereye bahereye ku ntego z'ibanze n'amabwiriza y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku buzima (OMS).

5.2. Akamaro k'ubuvugizi ku "gukira kubwo kwizera" mu bijyanye n'ubwandu bwa virusi itera SIDA

Inama y'akarere yabereye i Kigali (muri Nzeri 2017) yibanze cyane ku ruhare rw'ubuvuguzi mu kwirinda no kurwanya ubwandu bwa virusi itera SIDA . Ni muri izo nama zo kuganira bishoboka gusesengura mu bwiza no mu bwinshi kugira ngo ikibazo gisobanuke neza haboneke n'ibisubizo byacyo.

Inama yifuje ko habaho guhanahana amakuru ku buryo bwihariye bw'igi-hugu buhuriweho n'inzego zinyuranye (abafata ibyemezo bya politiki, abayobozi b'amadini, abafatanyabikorwa mu iterambere n'abagenerwabikorwa) bahereye kuri raporo z'ingamba z'igihugu, amategeko y'imyitwarire kandi baka gira uruhare mu mahuriro yo mu gihugu n'ay' impuzamahanga ku bwandu bwa virusi itera SIDA.

Ni yo mpamvu, inama yasabye guverinoma z'Abanyafurika gushyiraho ibyibanze mu mategeko kugira ngo harwanywe akato, ikumirwa n'ihohoterwa rikorerwa abantu babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA.

5.3. Akamaro k'itumanaho mu kibazo cy'ubwandu bwa virusi itera SIDA

Mu Banyafurika, ibijyanye n'imyororokere no guhuza ibitsina muri rusange, n'ubwandu bwa virusi itera SIDA by'umwihariko, ni ibintu bikunzwe gucecekwa/bitavugirwa mu ruhame kubera ko amwe mu makuru ku buryo bwo kwirinda afatwa nko gukangurira abantu ingeso mbi. Ababyeyi n'abarezi ntibabyemera ariko bibagirwa ko isi yugarijwe n'amakuru menshi ku buryo bigoye kuyasuzuma no kuyagenzura. Ni yo mpamvu, babishaka cyangwa batabishaka, *"ubu ngubu ibitangazamakuru ndetse n'izindi nzira zicishwamo amakuru, bitanga amakuru menshi akenewe urubyiruko n'imiryango; bishobora gutuma uwo muco umaze igihe kirekire wo guceceka ibintu bijyanye n'imyororokere n'imibonano mpuzabitsina ucika. Uko kubura kw'ibiganiro ku bibazo by'ingenzi by'urubyiruko ntibibura kugira ingaruka ku miterere y'ubuzima bwabo⁴²."*

Ni ngombwa ko abantu muri rusange n'ababana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA by'umwihariko bashishikarizwa kugira ubumenyi ku bijyanye n'ubuzi ma bw'imyororokere n'imibonano mpuzabitsina. Abayobozi b'amadini n'amatorero bagomba gukangurira abayoboze babo kugira ubumenyi bukenewe ku bijyanye n'imyororokere kugira ngo bagire imyitwarire itabashyira mu kaga. Byaragaragaye ko ikwirakwizwa ry'ubwandu bwa virusi itera SIDA rishobora kuba ryinshi mu rubyiruko bitewe n'impamvu nyinshi. Kimwe mu bishobora gutuma umuntu yandura ni ingaruka *"yo gukorana imibonano mpuzabitsina idakingiye n'umuntu uwo ari we wese, y'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina n'izindi nka myose no gutwita ku bana b'abakobwa⁴³."*

Byongeye kandi, nubwo icyo kibazo cy'imibonano mpuzabitsina kireba abantu bose, ariko kirushijeho kwiganza mu bantu bafite imibereho ibashyira mu kaga, abakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'abakoresha ibiyobya-bwenge.

Ni yo mpamvu, kwirinda no kurwanya virusi itera SIDA bigomba gushingirwa ku mahame y’ingenzi yumvikanweho n’abashinzwe ubuvuzi n’abayobozi b’amadini n’amatorero. Ikindi, ONUSIDA isaba nayo ko hashyirwaho ibitangazamakuru byegereye abaturage, bishobora kwigisha, gushimisha no gutanga amakuru, binatanga uburyo bwo kuganira no gusangira ibitekerezo ku bibazo nk’ubwandu bwa virusi itera SIDA. Mu gutegura ibikorwa by’itangazamakuru mu kwirinda n’ibikorwa abanduye virusi itera SIDA ndetse n’abarwanye SIDA *“ubukangurambaga bw’ibitangazamakuru bigera ku bantu benshi n’itangazamakuru umuntu ku wundi biruzuzanya. Ibitangazamakuru bigenewe abantu benshi bitanga amakuru menshi y’ingirakamaro kandi bishimangira itangazamakuru ry’umuntu ku muntu. Ikindi uko gushyirahamwe ku ibitangazamakuru bigenewe abantu benshi n’itangazamakuru ry’umuntu ku wundi bituma havugwa ku ngingo zihangayikishije abantu ku giti cyabo ndetse n’amatsinda atandukanye⁴⁴.”*

Abayobozi b’amadini n’amatsinda yabo y’abakorerabushake ashobora guhinduka abataramakuru ku bantu babana n’ubwandu bwa virusi itera SIDA n’abakangurambaga bo kurwanya ubwandu.

5.4. Uburyo buhuriweho n’inzezo nyinshi bwo kurwanya ubwandu bwa virusi itera SIDA

Ibikorwa by’abanyamadini kuri icyo kibazo bishobora gutuma haboneka abantu nkenyerwa benshi (abakorerabushake, amatsinda y’abagore, amashyirahamwe y’urubyiruko) mu gutangira ibikorwa byo gushishikariza , by’ubukangurambaga, byo kwigisha n’ubuvugizi ahantu hose, mu cyaro no mu mijyi.

Hamwe n’ibikorwa by’abafatanyabikorwa batandukanye, abarwanya ubwandu bakagombye gutegura ibigomba gukorwa bakanashobora gutuma bishyirwa mu bikorwa , bigakurikiranwa bikanagenzurwa kugirango barebe akamaro kabyo mu baturage. Bagendeye ku mabwiriza atangwa n’abashinzwe ubuvuzi, abayoboze b’amadini n’amatorero bazashishikarizwa gufata ingamba zo kurengera abana babana n’ubwandu bwa virusi itera SIDA no kureba ibikenewe, bita *“ku kubonera ibikenewe mu muryango abana bari mu kaga, by’umwihariko abana batandukanyijwe n’imiryango cyangwa batagira kirengera, no kuvugurura uburyo bababwira ubufasha mu mibereho y’ibanze badafite, harimo kubatega amatwi ku bibazo babura nabyo mu bwana bwabo⁴⁵.”*

Ibindi bikorwa bihurijwe hamwe bishobora gushyirwa mu ngiro hagamiywe gushyiraho ubufasha bwo gusigarana/ kurwaza abana b’ababyeyi bakeneye ubufasha. Byaba byiza kandi hatunganyijwe ahantu hizewe kugira ngo abana bashobore kuhakinira, kuhigira no guhabwa ubufasha bw’ibintu, bw’iby’umwuka no kugaragariza urukundo imiryango ihanganye n’ikibazo cy’ubwandu.

5.5. Umwitezongiro 3: Akamaro ko kuba abayobozi b'amadini n'amatorero bagira uruhare mu gushyigikira ababana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA

A) Isesengura ry'uburyo Namani, umunyasiriya yakizemo

Ingengabihe y'ibikorwa	Ibintu by'ingenzi byabaye	Ibikorwa byatangijwe	Kwandika imirongo ya bibiliya + inyunganizi z'abahugurwa
Icyumweru kimwe mbere	1. Umushumba	Gutangaza itariki, ahantu, insanganyamatsiko n'intego igamijwe mu isomo rya gatatu	Kwandika ibitekerezo by'abahugurwa kugirango bize kugenderwaho mu gihe cy'imirimo yo mu matsinda
Kuva sa mbiri kugeza sayine (08:00 – 10 : 00)	2. Inkuru itangira ite ?	Ni bande bavugwa mu nkuru ? Namani yari umuyobozi mukuru w'ingabo n'umutoni ku mwami. Ubutunzi yari afite n'ubutwari byamutandukanyaga n'abandi. Igihugu cyose cyaramwubahaga bitewe n'ukuntu yagiye akirikora mu bihe by'amakuba. Ikindi n'uko yari yubatse, yitangira umugore we n'abana be ndetse n'abagaragu be	Abavugwa mu nkuru b'ingenzi ni : umwami w'i Siriya, umwami wa Isirayeli, Namani, umugore we, umuhanuzi n'intumwa ye Namani yari umugabo w'igihangange utinywa kandi wubahwa n'abantu bose.
	3. Ikibazo nyamukuru cyari ikihe ?	Namani yari yararwaye ibibembe kandi icyo gihe yari indwara iteye ubwoba kandi ntiyakiraga. Ikigeretseho, Namani yari umunyasiriya kandi yasengaga ibigirwamana.	Iyi ndwara yari yaramuhinduye ingorwa kandi yari ababajwe cyane. Ibyo byagaragazaga ko ubuntu bw'Imana butamuriho Yari yatewe impande zombi : umubiri we wari urwaye ndetse n'ubugingo bwe !

Ingengabihe y'ibikorwa	Ibintu by'ingenzi byabaye	Ibikorwa byatangijwe	Kwandika imirongo ya bibiliya + inyunganizi z'abahugurwa
	<p>4. Impamvu yabyo yabaye iyihe ? Gushidikanya, urujijo ruvanze n'amatsiko, gushyamirana no kugambanirwa n'abaturanyi hamwe na rubanda</p>	<p>Bukeye uwo muja abwira nyirabuja ati : « <i>icyampa databuja agasanga umuhanuzi w'i Samariya, yamukiza ibibembe</i> ».</p> <p>Nuko Namani ashyira umwami w'Abisirayeli urwandiko rwari rwanditse ngo : « <i>nuko urwo rwandiko nirukugeraho, nkoherereje umugaragu wanjye ngo umukize ibibembe</i> ».</p> <p>Umwami w'Abisirayeli amaze gusoma urwo rwandiko ashishimura imyenda ye aravuga ati : « <i>nuko nimubitekereze ndabinginze, mumenye ko ari kunyendereza</i> ».</p> <p>Elisa umugaragu w'Imana amaze kumenya ko umwami w'Abisirayeli yashishimuye imyenda ye amutumaho ati : « <i>ni iki gitumye ushishimura imyenda yawe ? mureke ansange, aramenya ko muri Isirayeli harimo umuhanuzi</i> ».</p> <p>Elisa aherako amutumaho ati : « <i>genda wiyuhagire muri Yorodani karindwi, umubiri uzasubira uko wari uri, nawe uzaba uhumanutse</i> ».</p>	<p>Uwo muja yari afitiye shebuja impuhwe kandi amwifuriza gukira.</p> <p>Namani yumvira inama ahita anatangira urugendo rwo kujya kwivuza.</p> <p>Atekereza ko umwami w'i Siriya ari kumutega umutego. Igitangaje n'uko umwami atigeze asaba Imana ubufasha cyangwa ngo abusabe umuhanuzi. Nta kintu na kimwe yigeze akora yaba kwakira Namani cyangwa kwitegura intambara yari aketse ko umwami w'i Siriya ashaka kumushoramo.</p> <p>Binyuranye n'umwami, Elisa, umuhanuzi niwe witeguye kwakira Namani umubembe.</p> <p>Elisa ntiyashaka guhura nawe, ahubwo amwohereza muri Yorodani ngo yiyuhagire kandi yiyeze.</p>

Ingengabihe y'ibikorwa	Ibintu by'ingenzi byabaye	Ibikorwa byatangijwe	Kwandika imirongo ya bibiliya + inyunganizi z'abahugurwa
	<p>5. Ni izihe ngaruka byabyaye ? duce akarongo ku gushidikanya, amatsiko, kwiringira imbaraga z'Imana, ikinyoma</p>	<p>Nuko Namani abyumvise ararakara, arivumbura ati : « <i>nahoze ngira ngo ari busohoke ahagarare, atakambire izina ry'Uwiteka Imana ye, arembarembye n'intoki hejuru y'ibibembe ngo ankize...Mbese inzuzi z'i Damasiko, Abana na Fapa ntiziruta ubwiza amazi yose yo muri Isirayeli ?Sinabasha kuziyuhagiramo ngo mpumanuke ?</i> » nuko arahindikira, arigendera arakaye.</p> <p>Ariko abagaragu ba Namani baramwegera baramubwira bati : <i>"Data, iyaba uwo muhanuzi yagutegetse ikintu gikomeye, ntuba wagikoze nkanswe kukubwira ngo iyuhagire uhumanuke."</i></p> <p>Nuko aramanuka yibira karindwi muri yorodani.</p>	<p>Nk'umubembe, Namani yashoboraga kwanduza abatuye Isirayeli bose, niyo mpamvu byari ngombwa kumushyira kure y'abandi kugira ngo atabanduza. Kwivumbura kwe kurumvikana kuko impande zose yarimo agaragara nk'uwo kugendera kure : ni umunyamahanga woherejwe n'umwami w'i Siriya w'igihangange, ariko na none akaba umubembe wo kujugunywa mu butayu kugira ngo agweyo atanyagujwe n'ingunzu.</p> <p>Abagaragu be bamwibukije ko agomba kwicisha bugudfi kuruta kurangwa n'ubwibone n'ubupfapfa.</p> <p>Namani, mu buhangange bwe, yemera kugirwa inama n'abagaragu kandi yemera kwicisha bugufi kugira ngo ashyire mu bikorwa amabwiriza y'umuhanuzi.</p>

Ingengabihe y'ibikorwa	Ibintu by'ingenzi byabaye	Ibikorwa byatangijwe	Kwandika imirongo ya bibiliya + inyunganizi z'abahugurwa
	6. Umusaruro:	Kubw'ijambo ry'umukozi w'Imana, umubiri we uhinduka nk'uw'umwana muto, arakira, arahumanuka.	Gukira kwe gufitanye isano no guhumanurwa n'amazi yo muri Yorodani. Kandi nta wundi muni n'umwe ayo mazi yari yarigeze akiza ibibembe.
Hagomba kubaho indunduro ishingiyeye kugukira kwa Namani		<p>Hanyuma Namani agarukana n'abantu be bose kuri uwo muntu w'Imana, araza amuhagarara imbere aramubwira ati : « <i>noneho menye ko nta yindi Mana iriho mu isi yose, keretse muri Isirayeli. None ndakwinginze, enda ingororano y'umugaragu wawe.</i> »</p> <p>Namani ati : « ubwo utabyemeye, ndakwinginze uhe umugaragu wawe imitwaro y'ibitaka ihetswe n'inyumbu ebyiri, kuko uhereye none nta zindi mana umugaragu wawe nzatambira igitambo cyoswa cyangwa ikindi gitambo cyose keretse Uwiteka wenyine. »</p> <p>Namani yashoje asaba ati : « <i>ariko Uwiteka ajye ababarira umugaragu we uyu muhango. Databuja iyo agiye mu ngoro ya Rimoni kuyiramyaga yegamye ku kuboko kwanjye, maze nkunama mu ngoro ya Rimoni, iyo nunamyaga muri iyo ngoro ya Rimoni, Uwiteka ajye abibabarira umugaragu we.</i> »</p>	<p>Binyuze ku mabwiriza y'umuhanuzi, Namani yabonye ukuboko kw'Imana bimutera kuyiramyaga.</p> <p>Aha noneho aremera Imana Nyamana imwe yonyine kandi arifuzaga kuba ariyo azajya asenga, nk'ikimenyetso cy'ishimwe kuko yamukijije.</p> <p>Yicujije ibyaha bya by'igihe cyatambutse kandi arasengera ukwemera gushya atangiye. Aragaragara nk'umuntu w'umunyabyaha wiyumvamo ko yababariwe.</p>

B) Kwigira ku bunararibonye bw'abayobozi ba politiki n'ab'idini

Iby'ingenzi byabaye	Iby'ingenzi byabaye	Ubuhamya	Andika ibyo imbaga ivuga wifashishije uzi gukora inyandikomvugo neza
Kuva sayine kugeza sasita	<p>1. Ibyo abantu biboneye banyumviye</p> <p>2. Isesengura</p> <p>3. Ni bande babishnzwe</p> <p>4. Gucukumbura</p>	<p>Haba hariho ibintu muzi bidasanzwe byatunguranye cyangwa by'urucantege ku bantu igihe bamaraga kumenya banduye virusi itera SIDA ?</p> <p>Kugoboka umunyamahanga, umwanzi ruharwa w'ikimenyabose mu gihugu, ntibikurura gusa kwibaza byinshi ahubwo binakurura urwikekwe ku ruhande rwa Namani. Byaba ari kimwe n'igihe abaganga bita ku bantu babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA ?</p> <p>Ese nta babembe bariho muri Isirayeli ? Ni kuki Elisa yemeye gukiza umunyamahanga aho gukiza uwo mu bwoko bwe?</p> <p>Ubirebye, Elisa yarikeneye afata ingamba zikakaye zo kurinda ubuzima bwe kugera aho atanemeye kuvugana n'umubembe cyangwa ngo amukore mu ntoki. Ibyo yabasabye byari byoroshye kandi bisobanutse : Namani yagombaga kwibira karindwi muri Yorodani.</p>	<p>Byifashe bite iwacu mu miryango no mu midugudu ? inama z'abahanga mu by'ubuzima zaba zubahirizwa uko zakabaye nta mijenjeko?</p>

Iby'ingenzi byabaye	Iby'ingenzi byabaye	Ubuhamya	Andika ibyo imbaga ivuga wifashishije uzi gukora inyandikomvugo neza
	<p>5. Igikorwa</p> <p>Umwanzuro</p>	<p>Nta bihembo Elisa yigeze asaba ku murimo yari yakoze. Byaba byifashe bite ku bashinzwe ubuzima iyo bavura ababana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA ?</p> <p>Ko Yorodani yari iri ku muhanda uhuza Samariya na Siriya, kuki Namani atafashe nzira ngo ajye mu gihugu cye ngo yiyereke abe ariko agahitamo guhindukira agamije gushimira Elisa, umwami wa Isirayeli ndetse n'Imana ?</p> <p>Ibiguzi bitabarika Namani yari yitwaje bigaragaza neza ko Namani atajanywe muri Isirayeli no kuyitera ngo ayigarurire ahubwo ko yagiyeyo nk'indembe yihebye kandi yiteguye gutanga ikiguzi cyose ku muntu wamuvura.</p>	<p>Nta mwuka na muke w'indonke uri ku muhanuzi.</p> <p>Namani ni umuntu wiyubashye witeguye gutanga ikiguzi ku wamuvuye, ariwe umuhanuzi Elisa.</p> <p>Ese ababana n'ubwandu bw'agakoko gatera SIDA hamwe n'imiryango yabo baba bahibikana cyane mu kuvuza ababo na cyane cyane kubashakira imiti igabanya ubwandu bw'ako gakoko ?</p>

C) Kuyobora imirimo yo mu matsinda hagamijwe kuza guhuza ibyavuye mu matsinda yose

Kwifashisha intambara Namani yarwanye mu mutima we ubwe, mu muryango we, aho yari atuye ndetse no ku mwami no mu gisirikare igihe yisanze umubiri we wawe n'ibibembe. Ni gute abantu bamenye ko banduye agakoko gatera ubwandu bwa SIDA bari bakwiye kwifata bakibibwirwa ?

Tugendeye ku ruhare rukomeye wa muja wa Namani yagize mu gukira kwe, ni uruhe ruhare abayobozi b'amatorero ndetse n'abandi bizera bagombye kugira mu kwita ku babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA ?

N.B. Kariya kana k'agakobwa ntikari gafite amikoro ahambaye ariko kari gafite amakuru y'ingenzi kandi y'ukuri kasangije nyirabuja.

D) UMWANZURO RUSANGE

Ku birebana no « gukira kubwo kwizera » ku byerekeye ubwandu bw'agakoko gatera SIDA, iyi mfashanyigisho ikangurira abayobozi b'insengero gushaka amakuru ku iterambere ry'ubuvuzi bwa kijyambere mu kwita ku babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA ndetse n'imiti bahabwa igabanya ubukana bw'ako gakoko. Abayobozi b'amadini barakangurirwa kumenya uko icyo cyorezo cyifashe ku isi yose ndetse no muri Afurika yo muni y'ubutayu bwa Sahara by'umwihariko, kugira ngo basobanukirwe n'ingorane ziterwa n'icyo cyorezo n'uburyo abandura bakomeza kwiyongera, bityo bumve impamvu bakwiriye gufata iyambere mu gukangurira abantu uburyo bwo kwirinda, uburyo bwo kwita ku bamaze kwandura n'uburyo bwo gufata imiti.

Ku rundi ruhanda, abayobozi b'amadini bakeneye kumenya byimbitse ahagikorehwa imihango-gakondo yo kuvura abarwayi bituruka ku myemerere ituma buri ndwara bayishakira impamvu ku bazimu n'abakurambere bityo bigatuma baja gushakira ugukira ku bapfumu no kuguterakera. Na none, ino mfashanyigisho isobanura byeruye imikorere idahwitse iboneka mu nsengero zimwe na zimwe n'imisigiti aho abapasiteri n'aba imamu bigisha gusa ku « gukira kubwo kwizera » ku ndwara zose harimo n'iya SIDA. Ino mfashanyigisho ikubiye mu ubuhamya bwakusanyijwe bw'abantu batari bacye bicuza cyane impamvu yatumye batinda kwisuzumisha no gutangira gufata imiti ku gihe.

Ikibabaje cyane n'uko ako kadeyi kashyizwe ku maso yabo kabaye intandaro y'impfu zitabarika ndetse n'abandi uburwayi bwabo burenga igaruriro kandi ibyo byose byari bwirindwe iyo baza kuba barabonye amakuru ku gihe. Rwose inyigisho za bibiliya ntizagombye gutuma abizera na rubanda bandi batakaza

ubuzima bwabo. Ahubwo kubera ibyo, zagombye kuba inzira nziza ibafasha inabashishikariza kwivuzza no gusigasira ubuzima bwabo. Uko byagenda kose, inyigisho za tewolojiya zigomba gufasha abantu kubona uburyo nyabwo kandi bufatika bwo kuvura ababana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA. Ku birebana n'ubwandu bw'agakoko gatera SIDA, abayobozi b'amadini bagomba kumva ko « gukira kubwo kwizera » bisobanura gukomatanya uburyo bwose ubuvuzi bukoresha mu kuvura ababana na virusi itera SIDA hamwe n'amasengesho.

Na none iyi mfashanyigisho iributsa abayobozi b'amadini inshingano bafite yo kurengera mu by'amategeko abantu babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA. Akitso kashyizwe cyane ku nshingano yo kurinda ibanga ry'igisubizo cyo kwa muganga. Ino mfashanyigisho iratanga ibyo kwitondera mu gihe igisubizo cy'uko umuntu ahagaze ari ngombwa ko kimenyeshwa undi muntu wa gatatu. Leta zo muri Afurika nazo zirasabwa gushyiraho amategeko yakwitabazwa mu gihe habayeho amakosa mu mivurire cyangwa mu gihe habaye ho kumena ibanga rya kiganga, hagamijwe kurinda ababana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA.

Ikindi kandi abayobozi b'amadini bagomba kumenya neza ko ababana na virusi itera SIDA bafite uburenganzira busesuye bwo kumenya amakuru no ku buryo bwo kwirinda SIDA, ku bujyanama no kuvurwa hamwe no gufata imiti, ku kumenya ibiri muri dosiye zabo, no ku burenganzira mu kugena abo amakuru yerekeye ubuzima bwabo yahabwa. Ibyo byose rero nibyo bituma abayobozi b'amadini bagomba kubaka umubano ukomeye ushingiyeye ku cyizere magirirane hagati yabo n'abayoboze babo ndetse n'abaganga.

By'umwihariko, abana babana n'agakoko gatera SIDA bakeneye kwitabwaho bikomeye kugira ngo ubuzima bwabo burindwe kandi barindwe akato no guhezwa bakorerwa ku ishuli cyangwa mu muryango. Ino mfashanyigisho kandi itanga intambwe zikurikizwa mu gihe cyo kumenyekanisha ko habayeho kwandura, hanyuma uburyo bwo gufashwa kuvurwa, gufashwa mu myumvire ndetse no gufashwa mu by'umwuka ku bana babana na virusi itera SIDA. Abana bakeneye na none ubufasha bukomeme bw'abayobozi b'amadini mu by'ubuzima bwo mu mutwe ndetse no mu by'umwuka mu rwego rwo kunganira imiryango abo bana bakomokamo ndetse n'umuryango mugari muri rusange.

Mu gusoza, iyi mfashanyigisho iributsa abayobozi b'amadini ko bagombye gukorana n'abafatanyabikorwa batajagajega kandi b'abizerwa muri uru rugamba rwo guhashya iki cyorezo cya SIDA kidasiba gucura inkumbi. Iributsa abanyamadini ko bafite imbaraga n'ubushobozi byihariye byabasha guhagarika umuvuduko w'iki cyorezo mu gihe bashishikariza abantu kwifata no kwirinda ikintu cyose cyabashyira mu kaga ko kwandura ndetse no gushyigikira utwigo twose twaba utwa za Leta ndetse n'abikorera tugamije kurwanya SIDA. Ikindi gikomeme bakora n'uko bashobora gukusanya imfashanyo kugira ngo zigoboke mu bintu bifatika no mu by'umwuka, ababana n'agakoko ka SIDA ndetse hanagobokwe imiryango yazahajwe n'indi yasizwe iheruheru n'icyo cyorezo.

IBITABO BYIFASHISHIJWE

- Afkada, A. M., «Droits et Obligations des Personnes vivants avec le VIH/ SIDA en République de Djibouti», p. 3, http://criminalisation.gnpplus.net/sites/default/files/djibouti_law_in_french.pdf consulté le 23 mars 2018.
- Afrique Renouveau, Janvier 2006, «L'action des guérisseurs traditionnels», consulté le 14 mars 2018, <http://www.un.org/africarenewal/fr/magazine/january-2006/1%E2%80%99action-des-gu%C3%A9risseurs-traditionnels>.
- Afrique Renouveau, Vol. 19-4, 2006, «L'action des guérisseurs traditionnels», p. 10, <http://www.un.org/fr/africarenewal/vol19no4/194guerisseurs.html>.
- Benoist, J.J. et Desclaux, A., *Anthropologie et SIDA. Bilan et perspectives. Médecine du Monde*, Paris: Karthala, 1996, p. 223.
- Chitando, E. et Klagba, «Au nom de Jésus»: La guérison dans le contexte du VIH, Lomé: Éditions Haho, 2013, pp. 148-149.
- CHU, «Les aumôneries à l'hôpital: un soutien et une écoute pour tous», <http://www.chu-montpellier.fr/fr/contenu/liste-des-savoir-faire/savoir-faire/Les-aumonerias-a-lhopital-un-soutien-et-une-ecoute-pour-tous/>.
- Comité des Représentants de la population atteinte de cancer et des proches au Québec, «Besoin des personnes atteintes du cancer et de leurs proches au Québec: Recommandations. Avis», http://www.msss.gouv.qc.ca/sujets/organisation/lutte-contre-le-cancer/documents/besoins_personnes_atteintes_2005.pdf.
- Connaître l'église catholique en Ardèche, «La mission de l'aumônerie de l'enseignement public», <https://www.ardeche.catholique.fr/connaitre-l-eglise-catholique-en/les-services-diocesains/aumonerie-de-l-enseignement-public/presentation-du-service/la-mission-de-l-aumonerie-de-l.html?lang=fr>.
- Dormont J., La prise en charge des personnes atteintes par le VIH, Paris: Ministère du Travail et des Affaires Sociales. Secrétariat d'Etat à la Santé et à la Sécurité Sociale, 1996, <http://www.ladocumentationfrancaise.fr/var/storage/rapports-publics/964126100.pdf>.
- Église catholique de Lyon, «Les orientations pastorales communes», <http://www.sante-lyon.catholique.fr/spip.php?article28>,
- Fallut, M. S., «Les églises de réveil en Afrique centrale et leurs impacts sur l'équilibre du pouvoir et la stabilité des États: Les cas du Cameroun, du Gabon et de la République du Congo», juillet 2012, p.3, <https://www.defense.gouv.fr/content/download/198377/2193588/file/EPS2012-Eglises%20de%20r%C3%A9veil%20en%20Afrique%20centrale.pdf>.

- Formarier, M., «La relation de soin, concepts et finalités», <https://www.cairn.info/revue-recherche-en-soins-infirmiers-2007-2-page-33.htm>.
- France Soir, «Dans le Sud du Nigeria, l’Islam se convertit au pentecôtisme» in <https://www.pasteurweb.org/Etudes/Commentaires/Pentecotistes.htm> consulté le 14/03/2018.
- Gotquestions.org, «Quel est le lien entre la prière et le jeûne?», <https://www.gotquestions.org/Francais/priere-jeune.html>
- Habarurema, V., «L’enseignement religieux traditionnel africain sur la guérison par la foi», *Colloque Régional sur l’Observance du Traitement contre le VIH et la Guérison par la Foi en Afrique*, Kigali (Rwanda), 25-29 Septembre 2017.
- Herman, J. & Yoder, C., «Trauma and Recovery: The Aftermath of Violence - From Domestic Abuse to Political», *Conférence Mennonite Mondiale: Les églises, communautés de guérison*, <https://mwc-cmm.org/content/les-eglises-communautés-guerison?language=fr>
- INSERM, Éducation pour la santé des jeunes, «Prévention des comportements sexuels à risque», <http://www.ipubli.inserm.fr/bitstream/handle/10608/175/?sequence=12>.
- Institut Protestant de Porto-Novo (IPTP), «Vaincre le VIH/SIDA: Jalons pour de nouvelles méthodologies de l’enseignement théologique en Afrique», <file:///C:/Users/se/Downloads/vaincre-le-SIDA.pdf>,
- K4Health.org, «Campagne compassion: Celui qui vit avec le VIH est aussi ton prochain. Soutiens-le et Dieu te récompensera», <https://www.k4health.org/toolkits/hiv-cotedivoire/campagne-compassion-%C2%AB-celui-qui-vit-avec-le-vih-est-aussi-ton-prochain>,
- Kangudie, M. I., «Textes sacrés sur la foi et la guérison: comprendre les postulats théologiques de la guérison par la foi dans le contexte du VIH et l’expansion du christianisme prophétique et la guérison par la foi», *Colloque Régional sur l’Observance du Traitement contre le VIH et la Guérison par la Foi en Afrique*, Kigali (Rwanda), 25-29 Septembre 2017.
- Koukougan, C, & Ghosn, J., «Éthique. Faut-il réviser le secret médical dans la gestion de l’infection par le VIH au vu des progrès thérapeutiques?» in http://www.jle.com/download/met-293458faut_il_reviser_le_secret_medical_dans_la_gestion_de_linfection_par_le_vih_au_vu_des_progres_therapeutiques_-WrJgCX8AAQEAAABXzEx0AAAAN-a.pdf,
- Landes.catholique.fr. Le «charisme de guérison»: que dit notre Église?, 30 septembre 2018, <https://landes.catholique.fr/Le-Charisme-de-guerison-que-dit-notre-Eglise>.
- Mariano Delgado, «Christianisme prophétique 1511-2011: Réflexions sur le sermon d’Anton Montesio et l’œuvre de Bartolomé de Las Casas», https://www.unifr.ch/skg/assets/files/lesecke/2013/delgado_Montesino_17.pdf.
- Ndihoreye, F. Y. R., «L’enseignement de l’Islam sur la guérison par la foi», *Colloque Régional sur l’Observance du Traitement contre le VIH et la Guérison par la Foi en Afrique*, Kigali (Rwanda), 25-29 Septembre 2017.

- OMS, Communiqué de presse du 16 mai 2002, «Lancement par l'OMS de la première stratégie mondiale pour les médecines traditionnelles ou parallèles», consulté le 14 mars 2018, <http://www.who.int/mediacentre/news/releases/release38/fr/>.
- OMS, Communiqué de presse du 19 décembre 2016, «Interrompre la transmission du VIH dans les couples grâce à la notification aux partenaires», <http://www.who.int/hiv/mediacentre/news/hiv-partner-notification-cameroon/fr/>.
- ONUSIDA, Communiqué de presse 2016, «Rapport mondial d'avancement sur la lutte contre le SIDA 2017: Indicateurs de suivi de la Déclaration Politique sur le VIH/SIDA adoptée par l'Assemblée Générale des Nations Unies en 2016». Consulté le 05 mars 2018, <http://www.unaids.org/fr/resources/presscentre/pressreleaseandstatementarchive/2016/>.
- Reflets: Revue ontarioise d'intervention sociale et communautaire, Volume 12, Numéro 1, 2006, «Spiritualité et santé», p. 107–126, <https://www.erudit.org/fr/revues/ref/2006-v12-n1-ref1328/013440ar>.
- SIDA Sciences. «L'annonce de la séropositivité par le médecin», L'actualité scientifique sur l'infection au VIH. Consulté le 10 mars 2018, <http://SIDASciences.inist.fr/%3FL-annonce-de-la-seropositivite-par>.
- UNICEF, «Créer un partenariat en faveur des enfants avec les communautés religieuses», https://www.unicef.org/about/partnerships/files/Religion_Guide_French.pdf,
- Vaugrente, A., «VIH: mieux notifier les partenaires pour freiner l'épidémie», <https://www.pourquoidocteur.fr/Articles/Question-d-actu/22326-VIH-mieux-notifier-partenaires-freiner-l-epidemie>,
- Vertigo: La revue électronique en sciences de l'environnement, «Communication socioculturelle comme outil de prévention des maladies sexuellement transmissibles et le VIH chez les adolescents au Tchad», <https://journals.openedition.org/vertigo/1852>,
- Watchtower, «Les guérisons miraculeuses d'aujourd'hui: viennent-elles de Dieu?», <https://wol.jw.org/fr/wol/d/r30/lp-f/2008887>.
- Wikipédia, «Postulat», <https://fr.wikipedia.org/wiki/Postulat>.
- World Council of Churches, «Les responsables religieux et le dépistage du VIH», <https://www.oikoumene.org/fr/activites/religious-leaders-and-hiv-testing>
- «La gestion du pluralisme religieux dans les hôpitaux français: le cas des aumôniers», https://halshs.archives-ouvertes.fr/file/index/docid/278541/.../leipzig_mardi_2_.doc, consulté le 20 mars 2018.

NOTES

1. Chitando, E. et Klagba, «*Au nom de Jésus*»: *La guérison dans le contexte du VIH*, Lomé: Éditions Haho, 2013, pp. 148-149.
2. Idem, p. 156.
3. ONUSIDA, Communiqué de presse 2016, «Rapport mondial d'avancement sur la lutte contre le SIDA 2017: Indicateurs de suivi de la Déclaration Politique sur le VIH/SIDA adoptée par l'Assemblée Générale des Nations Unies en 2016». Consulté le 05 mars 2018, <http://www.unaids.org/fr/resources/presscentre/pressreleaseandstatementarchive/2016/>.
4. Idem.
5. SIDA Sciences. «L'annonce de la séropositivité par le médecin», L'actualité scientifique sur l'infection au VIH. Consulté le 10 mars 2018, <http://SIDASciences.inist.fr/%3FL-annonce-de-la-seropositivite-par>.
6. World Council of Churches, «Les responsables religieux et le dépistage du VIH», <https://www.oikoumene.org/fr/activites/religious-leaders-and-hiv-testing>
7. Wikipédia, «Postulat», <https://fr.wikipedia.org/wiki/Postulat>.
8. Habarurema, V., «L'enseignement religieux traditionnel africain sur la guérison par la foi», *Colloque Régional sur l'Observance du Traitement contre le VIH et la Guérison par la Foi en Afrique*, Kigali (Rwanda), 25-29 Septembre 2017.
9. Reflets: Revue ontaroise d'intervention sociale et communautaire, Volume 12, Numéro 1, 2006, «Spiritualité et santé», p. 107-126, <https://www.erudit.org/fr/revues/ref/2006-v12-n1-ref1328/013440ar>.
10. Afrique Renouveau, Vol. 19-4, 2006, «L'action des guérisseurs traditionnels», p. 10, <http://www.un.org/fr/africarenewal/vol19no4/194guerisseurs.html>.
11. OMS, Communiqué de presse du 16 mai 2002, «Lancement par l'OMS de la première stratégie mondiale pour les médecines traditionnelles ou parallèles», consulté le 14 mars 2018, <http://www.who.int/mediacentre/news/releases/release38/fr/>.
12. Afrique Renouveau, Janvier 2006, «L'action des guérisseurs traditionnels», consulté le 14 mars 2018, <http://www.un.org/africarenewal/fr/magazine/january-2006/l%E2%80%99action-des-gu%C3%A9risseurs-traditionnels>.
13. Benoist, J.J. et Desclaux, A., *Anthropologie et SIDA. Bilan et perspectives. Médecine du Monde*, Paris: Karthala, 1996, p. 223.
14. Afrique Renouveau, op. cit.
15. Herman, J. & Yoder, C., «Trauma and Recovery: The Aftermath of Violence - From Domestic Abuse to Political», *Conférence Mennonite Mondiale: Les églises, communautés de guérison*, <https://mwc-cmm.org/content/les-eglises-communaut-es-de-guerison?language=fr>
16. Landes.catholique.fr. Le «charisme de guérison»: que dit notre Église?, 30 septembre 2018, <https://landes.catholique.fr/Le-Charisme-de-guerison-que-dit-notre-Eglise>.
17. France Soir, «Dans le Sud du Nigeria, l'Islam se convertit au pentecôtisme» in <https://www.pasteurweb.org/Etudes/Commentaires/Pentecotistes.htm> consulté le 14/03/2018.
18. Gotquestions.org, «Quel est le lien entre la prière et le jeûne?», <https://www.gotquestions.org/Francais/priere-jeune.html>

19. Idem.
20. Kangudie, M. I., «Textes sacrés sur la foi et la guérison: comprendre les postulats théologiques de la guérison par la foi dans le contexte du VIH et l'expansion du christianisme prophétique et la guérison par la foi», *Colloque Régional sur l'Observance du Traitement contre le VIH et la Guérison par la Foi en Afrique*, Kigali (Rwanda), 25-29 Septembre 2017.
21. Watchtower, «Les guérisons miraculeuses d'aujourd'hui: viennent-elles de Dieu?», <https://wol.jw.org/fr/wol/d/r30/lp-f/2008887>.
22. Kangudie, M., op. cit.
23. MarianoDelgado, «Christianisme prophétique 1511-2011: Réflexions sur le sermon d'Anton Montesio et l'œuvre de Bartolomé de Las Casas», https://www.unifr.ch/skg/assets/files/lesecke/2013/delgado_Montesino_17.pdf.
24. Fallut, M. S., «Les églises de réveil en Afrique centrale et leurs impacts sur l'équilibre du pouvoir et la stabilité des États: Les cas du Cameroun, du Gabon et de la République du Congo», juillet 2012, p.3, <https://www.defense.gouv.fr/content/download/198377/2193588/file/EPS2012-Eglises%20de%20r%C3%A9veil%20en%20Afrique%20centrale.pdf>.
25. Idem.
26. Ndioreye, F. Y. R., «L'enseignement de l'Islam sur la guérison par la foi», *Colloque Régional sur l'Observance du Traitement contre le VIH et la Guérison par la Foi en Afrique*, Kigali (Rwanda), 25-29 Septembre 2017.
27. Connaître l'église catholique en Ardèche, «La mission de l'aumônerie de l'enseignement public», <https://www.ardeche.catholique.fr/connaître-l-eglise-catholique-en/les-services-diocésains/aumônerie-de-l-enseignement-public/presentation-du-service/la-mission-de-l-aumônerie-de-l.html?lang=fr>.
28. Comité des Représentants de la population atteinte de cancer et des proches au Québec, «Besoin des personnes atteintes du cancer et de leurs proches au Québec: Recommandations. Avis», http://www.msss.gouv.qc.ca/sujets/organisation/lutte-contre-le-cancer/documents/besoins_personnes_atteintes_2005.pdf.
29. Formarier, M., «La relation de soin, concepts et finalités», <https://www.cairn.info/revue-recherche-en-soins-infirmiers-2007-2-page-33.htm>.
30. «La gestion du pluralisme religieux dans les hôpitaux français: le cas des aumôniers», https://halshs.archives-ouvertes.fr/file/index/docid/278541/.../leipzig_mardi_2_.doc, consulté le 20 mars 2018.
31. CHU, «Les aumôneries à l'hôpital: un soutien et une écoute pour tous», <http://www.chu-montpellier.fr/fr/contenu/liste-des-savoir-faire/savoir-faire/Les-aumôneries-a-lhopital-un-soutien-et-une-ecoute-pour-tous/>.
32. Dormont J., *La prise en charge des personnes atteintes par le VIH*, Paris: Ministère du Travail et des Affaires Sociales. Secrétariat d'Etat à la Santé et à la Sécurité Sociale, 1996, <http://www.ladocumentationfrancaise.fr/var/storage/rapports-publics/964126100.pdf>.
33. Institut Protestant de Porto-Novo (IPTP), «Vaincre le VIH/SIDA: Jalons pour de nouvelles méthodologies de l'enseignement théologique en Afrique», <file:///C:/Users/se/Downloads/vaincre-le-SIDA.pdf>,
34. Église catholique de Lyon, «Les orientations pastorales communes», <http://www.sante-lyon.catholique.fr/spip.php?article28>,
35. Koukougan, C, & Ghosn, J., «Éthique. Faut-il réviser le secret médical dans la gestion de l'infection par le VIH au vu des progrès thérapeutiques?» in http://www.jle.com/download/met-293458-faut_il_reviser_le_secret_medical_dans_la_gestion_de_linfection_par_le_vih_au_vu_des_progres_therapeutiques_--WrJgCX8AAQEAAABXzEx0AAAAN-a.pdf,
36. Vaugrente, A., «VIH: mieux notifier les partenaires pour freiner l'épidémie», <https://www.pourquoidoctor.fr/Articles/Question-d-actu/22326-VIH-mieux-notifier-partenaires-freiner-l-epidemie>,

37. K4Health.org, «Campagne compassion: Celui qui vit avec le VIH est aussi ton prochain. Soutiens-le et Dieu te récompensera», <https://www.k4health.org/toolkits/hiv-cotedivoire/campagne-compassion-%C2%AB-celui-qui-vit-avec-le-vih-est-aussi-ton-prochain>,
38. Afkada, A. M., «Droits et Obligations des Personnes vivants avec le VIH/SIDA en République de Djibouti», p. 3, http://criminalisation.gnpplus.net/sites/default/files/djibouti_law_in_french.pdf consulté le 23 mars 2018.
39. Op. cit., p. 7.
40. Idem.
41. OMS, Communiqué de presse du 19 décembre 2016, «Interrompre la transmission du VIH dans les couples grâce à la notification aux partenaires», <http://www.who.int/hiv/mediacentre/news/hiv-partner-notification-cameroon/fr/>.
42. Vertigo: La revue électronique en sciences de l'environnement, «Communication socioculturelle comme outil de prévention des maladies sexuellement transmissibles et le VIH chez les adolescents au Tchad», <https://journals.openedition.org/vertigo/1852>,
43. INSERM, Éducation pour la santé des jeunes, «Prévention des comportements sexuels à risque», <http://www.ipubli.inserm.fr/bitstream/handle/10608/175/?sequence=12>.
44. Ibidem.
45. UNICEF, «Créer un partenariat en faveur des enfants avec les communautés religieuses», https://www.unicef.org/about/partnerships/files/Religion_Guide_French.pdf,

IMIGEREKA

Umugereka 1:

Amateka ya SIDA n'agakoko kayitera

Mu mwaka w'1981, ibimenyetso bya mbere bya SIDA byabonywe n'abashakashatsi bakoreraga ikigo kigenzura indwara ubwo babonaga ubwiyongere bw'indwara zidasanzwe zirimo umusonga ku rubyiruko rw'ababana n'abo bahuje ibitsina (abatinganyi). Ibyo byatumye icyo cyorezo bacyita gay-related Immune Deficiency (GRID) tugenekereje mu kinyarwanda bisobanura (uruhurirane rw'indwara rwibasira abagabo b'ababatinganyi) kuko byagararaga ko icyo cyorezo kiboneka gusa mu batinganyi b'abagabo n'abakoresha ibiyobyabwenge bifashishije inshinge. Hashize imyaka itari myinshi nibwo byagaragaye ko n'abagore bashoboraga kwandura SIDA mu gihe cy'imibonano mpuzabitsina idakingiye. Nyuma y'igihe biza kugaragara na none ko mu gihe umubyeyi wanduye SIDA yonsa umwana ashobora kumwanduza.

Guhera mu mwaka wa 1983, habayeho impuruza ku isi yose. Ishami ry'umuryango w'abibumbye rishinzwe ubuzima (OMS) ryatangiyeye igenzura ry'icyo cyorezo ku isi yose. Mu mwaka wa 1987 umuti wa mbere wo kugabanya ubukana bwa SIDA wiswe AZT uhabwa abarwayi. Ntiharashira imyaha 20 hari ubwoko bumwe gusa bw'umuti ugabanya ubukana bw'agakoko gatera SIDA kandi nawo utari ufite ubushobozi buhagije bwo guhagarika ubwiyongere bw'ubwandu mu mubiri w'umurwayi. Hanyuma uherye mu mwaka wa 1996 mu bihugu bikize bavumbuye andi moko y'imiti igabanya ubukana bwa virusi itera SIDA mu mubiri aho bahaga umurwayi amako y'imiti myinshi ikomataniye. Nyamara, n'ubwo iyo miti idakiza burundu abarwayi, yashoboye kugabanya cyane impfu, inabasha kongerera abarwayi uburambe n'uburame ndetse no kubaho neza. Ibi byanongerereye umuryango mugari icyizere ndetse n'uburyo SIDA yafatwaga, aho ubu isigaye ifatwa nk'indwara idakira umuntu ashobora kubana nayo ubuzima bwe bwose kandi agakomeza akagirira umuryango n'igihugu akamaro nk'abandi bose.

Ku munsu wakurikiye inama idasanzwe y'inteko rusange y'umuryango w'abibumbye yigaga kuri SIDA yateranye mu mwaka wa 2001, imyanzuro yafashwe

yashingiye ku byemeranyijweho n'impuguke za OMS (ishami ry'umuryango w'abibumbye rishinzwe ubuzima). Habayeho kwiyemeza koroshya uburyo bwo kubona imiti ku babana n'agakoko gatera SIDA hanyuma mu wa 2002 igiciro cy'iyi miti kirahananturwa mu bihugu 20 bikiri mu nzira y'amajya mbere maze UNICEF (ishami ry'umuryango w'abibumbye rishinzwe kurenge abana), ONUSIDA (Ishami ry'umuryango w'ababumbye rishinzwe kurwanya SIDA), MSF (Umuryango w'abaganga batagaira umupaka) na OMS bakoze igenzura n'ibarura ry'ahava inkunga y'amafaranga ndetse n'uburyo imiti igabanya ubwandu bwa virusi itera SIDA iboneka ugereranyije n'abayikeneye. Bityo OMS yongerera ubumenyi n'ubushobozi amavuriro n'abo bireba kugira ngo babashe guhangana n'icyo cyorezo cya SIDA, inatangiza urunana mpuza-mahanga rw'amahugurwa kukuvura icyorezo cya SIDA, mu gihe ikigega cy'isi cyo kurwanya SIDA, igituntu na malariya, cyatangizwaga n'umunyamabanga mukuru w'umuryango w'abibumbye mu wa 2001 cyabaye ishoramari rikomeye mu rugamba rwo kurwanya izo ndwara 3 zandura.

Mu gusoza, kwita kuri SIDA no gufata imiti neza ndetse no kubahiriza inama zo kwa muganga bituma abantu babana na virusi itera SIDA babaho nk'abandi bose kandi bakagira ubuzima buzira umuze. Ariko kugira ngo bigerweho byasabye imbaraga zidasanzwe ku rwego rw'ubushakashatsi n'ibindi bikorwa mu rwego rwo guhashya icyo cyorezo. Ni ngombwa kumenya neza ko imiti igabanya ubwandu bwa virusi itera SIDA, iyigabanya nyine, ariko itayikiza burundu.

Uko ubwandu bwa SIDA buhagaze ku isi

Hagendewe ku ibarurishamibare rya ONUSIDA ry'uko ubwandu buhagaze ku isi,

- abantu miliyoni 20,9 babashaga kubona imiti igabanya ubwandu mu mwaka wa 2017;
- Abantu miliyoni 36,7 babanaga n'ubwandu bw'agakoko gatera SIDA mu mwaka wa 2016 ;
- Abantu bashya banduye SIDA mu mwaka wa 2106 banganaga na miliyoni 1,8;
- Abantu bangana na miliyoni 1 bitabye Imana bazize SIDA hamwe n'indwara ziyishamikiyeho mu mwaka wa 2016;
- Kuva icyorezo cya SIDA cyakwaduka abanduye bangana na miliyoni 76,1;
- Hagati ya miliyoni 28,9 na 41,5 bapfuye bazize indwara zuririye kuri SIDA kuva yakwaduka. Raporo zimwe zigaragaza ko ari miliyoni 35.

Nk'uko OMS ibivuga virusi itera SIDA yibasira umubiri w'umuntu ikamungana ubwirinzi bwawo hanyuma indwara z'amoko yose zirimo na kanseri zikawushoka kandi ubusanzwe umubiri wari ushoboye kuzirwanya ukoreshje ubwirinzi bwawo. Iyo ubwandu bugeze kure hagati y'imyaka 2 na 15 bitewe na buri muntu, ni nabwo bavuga ko umuntu arwaye SIDA. Aha uwanduye arangwa n'ibyuririzi bimwibasira bikamuzonga.

Uko ubwandu bwa SIDA buhagaze muri Afurika yo muni y'ubutayu bwa Sahara

Kubwa porofeseri Piyeri Obri (Pierre Aubry), Afurika yo muni y'ubutayu bwa Sahara yihariye 70% y'ababana n'ubwandu bw'agakoko gatera SIDA ku isi kuko hafite abanduye bangana na miliyoni 25,5. Ikindi kandi 2 bya 3 by'ubwandu bushya ku isi bibarizwa muri kano gace, bangana na miliyoni 1,16 muri rusange. Ariko n'ubwo bimeze bityo ni byiza kumenya ko byagabanutseho 29% hagati ya 2010 na 2016 hagati ya Afurika y'iburasirazuba n'iy'amajyepfo ndetse n'iy'iburengerazuba no hagati. Afurika yo muni y'ubutayu bwa Sahara na none yihariye hafi 75% y'impfu ariko nanone mumenye ko izo mpfu zagabanyutseho 42% muri Afurika y'iburasirazuba n'iy'amajyepfo ndetse na 21% muri Afurika y'iburengerazuba n'iy'o hagati.

Akomeje ayo masesengura, porofeseri yerekanye ko abantu miliyoni 13,8 babana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA bashobora kubona imiti igabanya ubukana bwa virusi itera SIDA(TARV), bigize 60% by'ababana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA muri Afurika y'iburasirazuba n'iy'amajyepfo na 35% muri Afurika y'i Burengerazuba n'iy'o hagati. Iyi mibare iremeza igabanuka ry'icyorezo muri Afurika y'iburasirazuba n'iy'amajyepfo.

Mu gusoza, tugendeye ku bushakashatsi bw'uyu mugabo na none, muri Afurika iki cyorezo cyibasira cyane abagore (58%) n'abana. Abana 137000 bari hagati y'imyaka 0 na 14 bari baranduye muri 2016. Ariko ubwandu bushya ku bana bari muri kino kigero bwagabanutse ku kigero cya 56% kuva muri 2010 muri Afurika y'iburasirazuba n'iy'amajyepfo naho muri Afurika y'iburengerazuba n'iy'o hagati ikaba bikaba byaraganutse ku kigero cya 33%. Nk'uko bigaragara, nubwo intambwe imaze guterwa muri Afurika y'iburasirazuba n'iy'amajyepfo ishimishije, mu gace k'iburengerazuba n'ako hagati haracyahangayikishije.

Umugereka 2:

Uburyo bwafasha abayobozi b'amadini kwita ku bantu babana na virusi itera SIDA

1. Uko uruziga rwo kwita ku babana n'agakoko gatera SIDA ruteye

Iyi mfashanyigisho yateguriwe kunganira abayobozi b'amadini isaba ko mu gihe cyo kwita ku babana n'agakoko gatera SIDA bo mu bayoboze babo n'abandi bo mu miryango yabo, hajya hifashishwa uburyo twise « uruziga rwo kwita ku babana n'agakoko gatera SIDA » cyangwa (cycle pastoral). Aho buno buryo bwakoreshejwe mu matsinda mato mato y'abihaye Imana, bwatanze umusaruro ukomeye.

- **Intego y'ubu buryo**

Amatsinda y'abemera Mana abereyeho kuzana impinduka no kurangwa n'ubudasa mu guhindura imyitwarire ku bantu bagize ayo matsinda.

- **Inzira buno buryo bukoresha**

- Buno buryo bukoresha inzira yo kwibaza ibibazo no kubisesengura ariko hanashakwa umuzi wabyo ndetse n'uburyo bwo kubirenga.

- **Ingamba za buno buryo**

Buno buryo bwiswe cycle pastoral ni urugendo rwo kwiyemeza no gutekereza byimbitse ku buzima bwo ku isi ndetse n'ijambo ry'Imana ku buryo habonekamo inzira y'ibisubizo bizana impinduka. Ni inzira yo kwisuzuma no kujora ibintu igihe cyose hakenewe impinduka. Ni inzira na none yo kwiga ku giti cy'umuntu ndetse no ku itsinda ry'abantu hagamijwe kugera ku mpinduka abantu biyemeje.

Gutegura amahugurwa ku « gukira kuzanwa no kwizera » ku cyorezo cya SIDA

1.1 Izina ry'indwara : ubwandu bwa virusi itera SIDA

1.2 Gusangira amakuru kuri iyo ndwara: nta gushidikanya icyorezo cya SIDA kirahari mu rusengero ndetse n'aho dutuye : (abantu babana na virusi itera SIDA ; abasizwe iheruheru n'icyo cyorezo : impfubyi, abasheshe akanguhe, abana birera, abanduye bavuka, n'abanduye mu bundi buryo hamwe n'abazima)

1.3 Gucukumbura cyane (ni izihe mpamvu zituma icyorezo gikwirakwira ?): harimo ubukene (kwicuruza), ukwiyandarika, gusuhukira mu mijyi, gusuhukira mu bindi bihugu, ubujiji, kutemera ko icyorezo cya SIDA kibaho, ingaruka mbi z’ikoranabuhanga (watsapu, fesibuku, twita,...), imyemerere, imihango gakondo, intambara, ubuhunzi bw’imbere no hanze y’ibihugu, inkambi z’impunzi, gereza, n’ibindi.

1.4 Gucukumbura cyane (ni gute kino cyorezo cyandura?): umubyeyi wanduye abasha kwanduza umwana mu gihe cyo kubyara, igihe habayeho imibonano mpuzabitsina idakingiye n’uwanduye wabasha kwandura, gutunga abagore benshi, umuco wo gucikura, gusiramura abahungu n’abakobwa ndetse no gusambanya abana (umuntu wese uri muni y’imyaka 18)

Abantu bacye nibo bandurira mu gukoresha inshinge zo kwa muganga ndetse no mu guhana amaraso bitewe n’uburyo byitonderwa iyo bagiye kubaho igikorwa cyo gutanga amaraso, aho amaraso yanduye ahita ajugunywa ako kanya. Ariko na none ubwandu butizwa umurindi n’ikoreshwa ry’ibiyobyabwenge, ikoreshwa ry’imiti yongera imbaraga, ibinyobwa bisindisha ndetse n’ingaruka ziterwa n’ibitangazamakuru (televiziyo na interneti) cyane cyane ku rubyiruko.

1.5 Ni gute harwanywa icyorezo cya SIDA no gufasha abamaze kwandura ?

- Kwita no gufata neza abanduye;
- Guhashya akato n’ikintu cyose cyashira ipfunwe ku bantu babana n’ubwandu
- Kurwanya urwikekwe n’ibihuha;
- Kwigisha abatarashaka uburyo bwo kwifata;
- Kwigisha ubudahemuka ku bashakanye ;
- Kwigisha gukoresha agakingirizo mu gihe kwifata byanze.

1.6 Ni izihe ngaruka ziterwa n’icyorezo cya SIDA ?

Impfu cyane cyane mu cyiciro cy’abantu bakora bari hagati y’imyaka (15 na 49), kugabanuka k’umusaruro mu byiciro byose by’igihugu, gusiba igihe kinini ku kazi, kuba mu bitaro igihe kinini, amafaranga atagira ingano agendera mu kwivuzza (kubonana na muganga, kuba mu bitaro, gutunga umurwayi no kumwitaho), ubukene mu miryango n’ibindi.

1.7 Ingamba zo kurwanya SIDA no kwita kubanduye:

- Kubafasha kubona imiti igabanya ubukana bw’agakoko gatera SIDA;
- Gufasha ababana n’ubwandu mu by’umubiri, mu by’amafaranga, kubafasha mu birebana n’ubuzima bwo mu mutwe ndetse no mu by’umwuka;
- Gushyiraho uburyo bwihariye bwo kwita ku mpfubyi, ku basaza n’abakecuru no ku bana birera;

- Gukora ubushakashatsi bushingiye ku mibare buri gihe nyuma y'igihe runaka kizwi kandi bihoraho;
- Gushyiraho gahunda y'ubukangurambaga n'amahugurwa ku kwirinda, kwifata, ubumanzi n'ubusugi, kudacana inyuma no kwisuzumisha ku bushake agakoko gatera SIDA
- Gukangurira rubanda ku gukoresha agakingirizo kurwanya akato gakererwa ababana n'ubwandu;
- Kwigana ubwenge agace urusengeru / umusigiti rutuyemo icyaro/umujyi, haturiye umupaka/mu gihugu rwagati, agace k'ishyamaba n'amabuye y'agaciro, mu bihe binyuranye haboneka abapagasi bavuye mu tundi duce.

1.8 Inzira zo kurwanya icyorezo cya SIDA no gufasha ababana n'ubwandu bwa SIDA

- *Inzira (uburyo) y'imibereho myiza n'ubufasha:* amatorero agira uruhare rukomeye mu gukumira icyorezo cya SIDA no mu kwita ku babana n'ubwandu niyo mpamvu agomba kongera imbaraga mu buhuza-bikorwa n'ubukangurambaga ku cyorezo cya SIDA;
- *Inzira (uburyo) ishingira ubuzima ku ndangagaciro (kwita ku banyantege nke):* umupasiteri agomba gukoresha umutimanama mu bukangurambaga no kubaka imitima y'abantu yigisha abayoboke be ndetse na rubanda bandi bari aho akorera, umurongo mwiza w'ubuzima. Birumvikana ko kurinda ubuzima no kububungabunga aricyo cyihutirwa. Niyo mpamvu umupasiteri agomba kureka guceceka ahubwo agomba gufasha gushyiraho uburyo bwo gukumira icyorezo cya SIDA ndetse n'uburyo bwo kuvura icyo cyorezo ;
- *Inzira ya tewolojiya:*
- Umupasiteri yubaka umuryango w'abemera. Kubakira kuri Kristo nk'isoko y'impuhwe, imbabazi n'ibambe, gushishikariza abizera kuba abakristu batajegajega barangwa n'urukundo mu kuri no mu mwuka. Bityo rero, umupasiteri agomba buri gihe kwishingikiriza ku ijambo ryo muri Bibiliya.
- *Inzira y'ubukungu:* gushakisha amikoro kugira ngo imiti yo kugabanya ubwandu bwa SIDA no kuvura ibyuririzi ibyo bigaherekezwa no kubakira ubukungu abanduye, gufasha impfubyi, abasaza n'abakecuru ndetse n'abana birera, mu by'ubuzima, mu burezi, mu kubonerwa aho kuba ndetse no mu mirire.

1.9 Uburyo bwo gubuzza imbaraga (abafatanyabikorwa b'ingenzi):

- **Guverinoma:** nyuma y'uko inkunga yo kurwanya icyorezo cya SIDA igabanyijwe mu buryo bukomeye, birihutirwa cyane gushaka izindi nzira zabonerwamo amafaranga kugira ngo ubuzima bw'inyoko muntu bukomeze busigasirwe. Bityo rero za guverinoma zagombye gushakisha izindi nzira kugira ngo porogaramu ya « VIH/SIDA » (umwanzuro wa kabiri wasabwe n'inama ya Kigali).
- **Imiryango itegamiye kuri Leta y'imbere mu gihugu:** imiryango itegamiye kuri leta ishobora gufasha ibitaro kubona imiti igabanya ubwandu bw'agakoko ka SIDA, ibikoresho byifashishwa mu kwigenzura no gukora za raporo, ishobora na none gufasha kuvuza abatishoboye. Iyi miryango ishobora nanone gushinga ibigo byita ku buzima bwo mu mutwe bw'ababana n'ubwandu ndetse no gusuzuma ku bushake abashaka kumenya uko bahagaze.
- **Imiryango mpuzamabanga itegamiye kuri leta:** imiryango itegamiye kuri leta ishobora gutera inkunga za guverinoma, imiryango itegamiye kuri leta y'imbere mu gihugu n'ibitaro mu kubona imiti, kubungabunga imibereho myiza ndetse n'ubuzima bwo mu mutwe ku babana n'ubwandu.
- **Amatsinda y'abibayimana akorera mu matorero:** ibitaro ntabwo bifite abantu bahagije bakwigisha abantu bose uburyo bwo kwirinda, uburyo bwo gukoresha imiti . kandi nyamara buri torero rifite abakorera bushake benshi, bafite impano nyinshi n'imbaraga akenshi bidakoreshwa.

1.10 Ishusho y'umwitozo ngiro

1. Uko byifashe:	Kugeza uyu muni byifashe bite?
2. Isesengura:	Ni kuki ibintu bimeze uko byifashe ubu?
3. Gutekereza:	Imana ni iki?
4. Igikorwa:	Ni iki twakora
5. Ibyokwishimira:	Ni ibiki tumaze kugeraho kandi ni iki dushigaje gukora?

Umugereka 3:

Ubundi buhamya bwakusanyijwe mu gihe cy'inama yo mu karere yateraniye i Kigali (Nzeri 2017)

1. Ubuhamya 4: Abashakanye harimo uwanduye

Umunyarwandakazi wa kabiri uri mu kigero cy'imyaka 50 yatanze ubuhamya bw'uko yashatse umugabo mu mwaka wa 1996 mu bihe bikomeye byakurikiye jenocide. Mu migambi ye yifuzaga kuzabyara abana bane. Mu mwaka wa 1997, umwana wa mbere yaravutse, ariko nyuma y'amezi 9 abyaye, umugabo we yahise apfa. Abaforomo bamuhishe ko yazize SIDA. Mbere yo gupfa nibwo yamwaturiyeye ko yamuhishe ko arwaye SIDA anamusaba imbabazi. Nyuma y'igihe gito umugabo apfuye, yavuye i Kigali ajya gukorera mu bitaro by'iwabo aho avuka. Nyuma y'imyaka 4, haje umugabo amusaba ko amugira umugore. Uyu yaramuhakaniye amaubwira ko abana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA. Gusa byarangiyeye bemeranyijwe kubana. Bagannyeye muganga kugira ngo bamugishe inama. Nawe yabasabye kubanza kwipimisha kugira ngo bamenye uko ubuzima bwabo buhagaze mbere yo kwiyemeza kubana nk'umugabo n'umugore.

Ibipimo byagaragaje ko umugore yanduye naho umugabo ari muzima. Bakoze ubukwe mu mwaka wa 2001 maze mu mwaka wakurikiyeho abyara umwana wa 2. Hanyuma mu mwaka wa 2005 atangira gufata imiti igabanya ubukana bw'agakoko gatera SIDA. Abana be 2 n'umugabo bose ni bazima kugeza ubu kuko batigeze bandura. Ubu uwo mugore akora mu kigo cy'abihayimana aho yita ku banduye SIDA abafasha kubaho ubuzima bwiza. Uyu muni ni umugore ubohotse, kuko Imana yamuhaye imbaraga zo kuba uw'umumaro ku muryango we ndetse no ku bandi bantu bagira aho baturira nawe.

2. Ubuhamya 5: Kudacika intege n'ubwo byaba bikomeye

Umunyeshuli w'umunyarwanda ukiri muto yatanze ubuhamya muri icyo nama yabereye i Kigali (Nzeri 2017), ko yigaga acumbika ku ishuli. Uruhu rwe ruza gufatwa na zona (ikunda gufata mu maso no mu gituzi), nta muntu n'umwe wigeze umubwira ko ari indwara yo kwitonderwa. Nyuma nibwo yaje kumenya ko zona hamwe n'andi moko ya kanseri bikunze gufata abantu banduye SIDA ku buryo ababirwaye, muganga akunze kubasaba gutanga amaraso bityo arebe niba bataranduye.

Nubwo byari bimeze bityo, ababikira bamusabye kugumana icyumba cye bamusaba kutivanga na bagenzi be. Ku myaka yari afite ntabwo yigeze yumva

impamvu atemerewe kwivanga n'abandi bana. Amaze kugera mu mashuri yisumbuye nibwo abayobozi b'ikigo bamubwiye ko arwaye tifoyide cyangwa n'indi ndwara ifitanye isano nayo ariko bakomeza kumuhisha ko yanduye SIDA. Nyamara iyo abimenya mbere ko yanduye yajyaga kuba yaratangiye kera gufata imiti igabanya ubukana bwa virusi itera SIDA, ubuzima bwe bwari kuba butekanye. Muri icyo nama rero yasabye ababyeyi n'abarezi guhana amakuru n'abana babo ndetse n'abanyeshuri ku kuntu ubuzima bwabo buhagaze kugira ngo babategurire kwiyakira mu gihe baba baranduye no gufatira imiti ku gihe

3. Ubuhamya 6: Yesu akirisha inzira zisaga igihumbi

Mu nama ya Kigali (Nzeri 2017), umusore w'imyaka 26 yatanze ubuhamya bw'uko yavukanye ubwandu akura ari impfubye kuri se no kuri nyina. Igihe bamumenyeshaga ko yanduye ntiyigeze yumva uburemere bwabyo kubera ko yari muto. Gusa yahuye n'ingaruka zo guhabwa akato ari nayo mpamvu yiyemeje kugira ibanga uburwayi bwe. Mu nama ya Kigali yo muri Nzeri 2017 nibwo yabitangaje ku mugaragro bwa mbere.

Uyu musore yavuze ko urubyiruko rafite ibyago byinshi. Niyo mpamvu batigera bahishura ko banduye atari uko badashaka gufasha abandi banduye ahubwo kubera gutinya akato bashyirwamo kandi kababera umutwari uko-meye cyane. Yashoje avuga ko nta narimwe arajya mu bitaro kandi ko akunda gusoma umurongo wo muri Bibiliya uvuga ngo: « *Nk'uko Se azur' abapfuye akabaha ubugingo niko n'Umwana ab' ubugingo abo ashaka* » (Yohana 5: 21). Bityo rero, Yesu arakiza akoresheje inzira nyinshi. Tugomba kwemerera Imana gukorera mu buzima bwacu. N'ubwo bimeze bityo, akato gakorerwa ababana na virusi itera SIDA ni ikibazo gikomeye kibagora kubana nacyo.



**Inama Mpuzamatorero
kw'Isi**

C.P. 2100
CH-1211 Genève 2
Suisse

150 Route de Ferney
Grand-Saconnex (Genève)
Suisse


Tél.: (+41 22) 791 6111
Fax: (+41 22) 791 0361


www.oikoumene.org

ISBN 978-2-8254-1701-0



 [worldcouncilofchurches](https://www.facebook.com/worldcouncilofchurches)

 [@oikoumene](https://twitter.com/oikoumene)

 [@worldcouncilofchurches](https://www.instagram.com/worldcouncilofchurches)

 [wccworld](https://www.youtube.com/wccworld)

9 782825 417010 >